Ingingo ya 197: Amafaranga agenerwa ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi

Article 197: Funds allocated to a joint parliamentary network or forum

Article 197: Fonds alloués à un réseau ou forum parlementaire conjoint

Ingingo ya 198: Gukurikirana imikorere y'Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi

Article 198: Monitoring of the functioning of a joint parliamentary network or forum

Article 198: Suivi du fonctionnement d'un réseau ou forum parlementaire conjoint

Akiciro ka 2: Amatsinda y'Ubucuti ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko

Subsection 2: Joint parliamentary friendship groups

Sous-Section 2: Groupes d'amitié parlementaires conjoints

Ingingo ya 199: Ishyirwaho ry'amatsinda y'ubucuti ahuriweho n'Imitwe Yombi y'Inteko Ishinga Amategeko

Article 199: Establishment of joint parliamentary friendship groups

Article 199: Création des groupes d'amitié parlementaires conjoints

Ingingo ya 200: Gahunda na raporo y'ibikorwa by'amatsinda y'ubucuti ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko

Article 200: Action plans and activity reports of joint parliamentary friendship groups

Article 200: Plans d'action et rapports d'activités des groupes d'amitié parlementaires conjoints

Ingingo ya 201: Ibiateganyijwe n'iri tegeko ngenga bijyanye n'imikoranire y'Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko

Article 201: Matters not covered in this Organic Law regarding the working relationship between Chambers of Parliament

Article 201: Sujets non prévus par la présente loi organique en matière de collaboration entre les Chambres du Parlement

UMUTWE WA XI: IMIKORANIRE Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO U RWANDA RURIMO

Icyiciro cya mbere: Imikoranire y'Inteko Ishinga Amategeko n'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba

Ingingo ya 202: Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko n'inyandiko by'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba

Icyiciro cya 2: Imikoranire y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'izindi Nteko Zishinga Amategeko n'indi miryango u Rwanda rurimo

Ingingo ya 203: Isuzumwa ry'inyandiko z'izindi Nteko Zishinga Amategeko n'indi miryango u Rwanda rurimo

Ingingo ya 204: Gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko

CHAPTER XI: RELATIONSHIPS BETWEEN THE PARLIAMENT AND PARLIAMENTS IN WHICH RWANDA HAS MEMBERSHIP

Section one: Relationships between the Parliament and the East African Legislative Assembly

Article 202: Providing opinion on bills and documents from the East African Legislative Assembly

Section 2: Relations between the Parliament of Rwanda and other Parliaments and other organisations in which Rwanda has membership

Article 203: Consideration of documents from other Parliaments and organisations in which Rwanda has membership

Article 204: Inter-parliamentary relations with national parliaments and inter-parliamentary organisations

CHAPITRE XI: RELATIONS ENTRE LE PARLEMENT ET LES PARLEMENTS DONT LE RWANDA EST MEMBRE

Section première : Relations entre le Parlement et l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est

Article 202: Avis sur les projets et propositions de lois et documents provenant de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est

Section 2: Relations entre le Parlement du Rwanda et les autres Parlements ainsi que les autres organisations dont le Rwanda est membre

Article 203: Examen des documents provenant des autres Parlements et organisations dont le Rwanda est membre

Article 204 Relations interparlementaires avec les parlements nationaux et les organisations interparlementaires

UMUTWE WA XII: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 205: Isubiramo rya kabiri ry'amategeko ngenga n'amategeko asanzwe yatowe

Ingingo ya 206: Gahunda y'icyumweru y'imirimu y'Inteko Rusange

Ingingo ya 207: Itangwa rya raporo y'ibikorwa bya Sena by'igihembwe giheruka

Ingingo ya 208: Ururimi rukoreshwa n'Umusenateri iyo atanga ibitekerezo

Ingingo ya 209: Uburyo bwo gukemura ikibazo iyo bitateganyijwe n'iri tegeko ngenga

Ingingo ya 210: Umushinga wo guhindura iri tegeko ngenga

Ingingo ya 211: Gukurikiza ibisabwa mu bijyanye n'imirimu itabangikanywa n'iy'Ubusenateri

Ingingo ya 212: Manda y'Abasenateri bari muri Biro za Komisiyo cyangwa muri Biro ya Komite

Ingingo ya 213: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga

CHAPTER XII: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 205: Second reading of the adopted organic and ordinary Laws

Article 206: Weekly agenda of the Plenary Assembly

Article 207: Submission of the Senate activity report for the previous session

Article 208: Language used by a Senator to express his/her opinion

Article 209: Addressing matter that is not provided for by this Organic Law

Article 210: Proposal for amendment of this Organic Law

Article 211: Compliance with provisions relating to the incompatibilities with the Senator's office

Article 212: Term of office for Senators who are members of Bureaus of Committees and disciplinary Committee

Article 213: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

CHAPITRE XII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES

Article 205: Deuxième lecture des lois organiques et des lois ordinaires déjà adoptées

Article 206: Programme des travaux hebdomadaires de l'Assemblée plénière

Article 207: Transmission du rapport d'activités du Sénat pour la session précédente

Article 208: Langue utilisée par un Sénateur pour exprimer son opinion

Article 209: Résolution d'une question non prévue par la présente loi organique

Article 210: Projet de modification de la présente loi organique

Article 211: Conformité aux dispositions relatives aux incompatibilités avec la fonction de Sénateur

Article 212: Mandat des Sénateurs membres des Bureaux des Commissions et du Comité

Article 213: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Ingingo ya 214: Ivanwaho ry'itegeko ngenga n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga

Article 214: Repealing provision

Article 214: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 215: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Article 215: Commencement

Article 215: Entrée en vigueur

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

**ITEGEKO NGENGA N°007/2018.OL RYO
KU WA 08/09/2018 RIGENGA
IMIKORERE YA SENA**

**ORGANIC LAW N°007/2018.OL OF
08/09/2018 DETERMINING THE
FUNCTIONING OF THE SENATE**

**LOI ORGANIQUE N°007/2018.OL DU
08/09/2018 PORTANT
FONCTIONNEMENT DU SÉNAT**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA
RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA
REPUBULIKA Y’U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER
IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS
LA LOI ORGANIQUE DONT LA
TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU
JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa
25 Nyakanga 2018;

The Chamber of Deputies, in its sitting of 25 July
2018;

La Chambre des Députés, en sa séance du 25
juillet 2018;

Sena, mu nama yayo yo ku wa 24 Nyakanga
2018;

The Senate, in its sitting of 24 July 2018;

Le Sénat, en sa séance du 24 juillet 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u
Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015,
cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 10, iya 58, iya
63, iya 64, iya 65, iya 66, iya 67, iya 68, iya 69,
iya 70, iya 71, iya 72, iya 73, iya 74, iya 80, iya
81, iya 82, iya 83, iya 84, iya 85, iya 86, iya 88,
iya 90, iya 91, iya 93, iya 94, iya 106, iya 120, iya
133, iya 162, iya 166, iya 175 n’iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 10, 58, 63, 64, 65, 66, 67, 68, 69, 70, 71,
72, 73, 74, 80, 81, 82, 83, 84, 85, 86, 88, 90, 91,
93, 94, 106, 120, 133, 162, 166, 175 and 176;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda de 2003 révisée en 2015,
spécialement en ses articles 10, 58, 63, 64,
65, 66, 67, 68, 69, 70, 71, 72, 73, 74, 80, 81,
82, 83, 84, 85, 86, 88, 90, 91, 93, 94, 106,
120, 133, 162, 166, 175 et 176;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2012/OL ryo ku wa 02/11/2012 rigena imikorere ya Sena;

Having reviewed Organic Law n° 08/2012/OL of 02/11/2012 establishing internal rules of the Senate;

Revu la Loi Organique n° 08/2012/OL du 02/11/2012 portant règlement d'ordre intérieur du Sénat;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije

Article One: Purpose of this Organic Law

Article premier: Objet de la présente loi organique

Iri tegeko ngenga rigenga imiterere n'imikorere bya Sena.

This Organic Law determines the organisation and functioning of the Senate.

La présente loi organique porte organisation et fonctionnement du Sénat.

Ingingo ya 2: Inshingano za Sena

Article 2: Responsibilities of the Senate

Article 2: Attributions du Sénat

Sena ijya impaka ku mategeko ikanayatora. Ishyiraho amategeko kandi igenzura imikorere ya Guverinoma mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 n'itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

The Senate debates and votes laws. It legislates and exercises control over the Executive in accordance with the procedures determined by the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 and the Organic Law determining the procedures by which the Parliament obtains information and exercises oversight over Government activities.

Le Sénat mène des débats sur les lois et les vote. Il légifère et contrôle l'action du Gouvernement conformément aux dispositions de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015 et de la loi organique fixant les conditions et les procédures relatives aux moyens d'information et de contrôle de l'action gouvernementale.

Sena ifite kandi inshingano zihariye zikurikira:

The Senate has the following specific responsibilities:

Le Sénat a les attributions spécifiques suivantes:

1° kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo akurikira avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga:

1° to monitor the application of the following fundamental principles specified in Article 10 of the Constitution:

1° assurer le suivi d'application des principes fondamentaux suivants énoncés à l'article 10 de la Constitution:

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|---|---|---|
| a) gukumira no guhana icyaha cya jenocide, kurwanya ihakana n'ipfobya bya jenocide no kurandura burundu ingengabitekerezo ya jenocide n'ibyo igaragariramo byose; | a) prevention and punishment of the crime of genocide, fighting against denial and revisionism of genocide as well as eradication of genocide ideology and all its manifestations; | a) prévention et répression du crime de génocide, lutte contre le négationnisme et le révisionnisme du génocide ainsi que l'éradication de l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations; |
| b) kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda; | b) eradication of discrimination and divisionism based on ethnicity, region or on any other ground as well as promotion of national unity; | b) éradication des discriminations et divisions ethniques, régionales ou autres, et promotion de l'unité nationale; |
| c) gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize; | c) equitable power sharing; | c) partage équitable du pouvoir; |
| d) kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiyeye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo; | d) building a State governed by the rule of law, a pluralistic democratic Government, equality of all Rwandans and between men and women which is affirmed by women occupying at least thirty percent (30%) of positions in decision-making organs; | d) édification d'un État de droit et du régime démocratique pluraliste, égalité de tous les Rwandais et égalité entre hommes et femmes reflétée par l'attribution aux femmes d'au moins trente pour cent (30%) des postes dans les instances de prise de décisions; |
| e) kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturatione no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo; | e) building a State committed to promoting social welfare and establishing appropriate mechanisms for equal opportunity to social justice; | e) édification d'un État voué au bien-être de la population et création des mécanismes appropriés pour faciliter l'accès à la justice sociale; |
| f) gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye. | f) constant quest for solutions through dialogue and consensus. | f) recherche constante de solutions par la voie du dialogue et du consensus. |

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|---|--|--|
| 2° kugenzura imikorere y'imitwe ya politiki; | 2° to monitor the functioning of political organisations; | 2° assurer le suivi du fonctionnement des formations politiques; |
| 3° guha Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu. | 3° to provide the Chamber of Deputies with opinions on the State finance bill before its final adoption. | 3° donner à la Chambre des Députés des avis sur le projet de loi des finances de l'État avant son adoption définitive. |

Ingingo ya 3 : Ububasha bwa Sena

Mu birebana n'amategeko, Sena ifite ububasha bwo:

- 1° gutangiza no gutora ivugururwa ry'Itegeko Nshinga;
- 2° gutora amategeko ngenga;
- 3° gutora amategeko yemeza amasezerano mpuzamahanga ajyanye no guhagarika intambara, amahoro, kujya mu miryango mpuzamahanga, guhindura amategeko y'Igihugu, cyangwa ayemeza amasezerano mpuzamahanga yerekeye abantu ku giti cyabo;
- 4° gutora amategeko yerekeye kurinda Igihugu n'umutekano.

Sena ifite kandi ububasha bwo kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi bagenwa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko no gutanga inama ku bibazo biremereye Igihugu bijyanye n'inshingano zayo.

Article 3: Powers of the Senate

With respect to laws, the Senate has the following powers:

- 1° to initiate and vote on amendment or revision of the Constitution;
- 2° to vote on organic laws;
- 3° to vote on laws approving international treaties and agreements on armistice, peace, accession to international organisations, modification of national laws, or those approving international treaties and agreements relating to the status of persons;
- 4° to vote on laws on defence and national security.

The Senate has also the powers to approve the appointment of officials provided for under the Constitution and other laws and provide advice on issues relating to the state of the Nation in respect with its responsibilities.

Article 3 : Pouvoirs du Sénat

En ce qui concerne les lois, le Sénat a les pouvoirs suivants:

- 1° initier et voter la révision de la Constitution;
- 2° voter les lois organiques;
- 3° voter les lois portant approbation des traités et accords internationaux d'armistice, de paix, d'adhésion aux organisations internationales, de modification des lois nationales ou celles portant approbation des traités et accords internationaux relatifs à l'état des personnes;
- 4° voter les lois sur la défense et la sécurité nationale.

Le Sénat a aussi le pouvoir d'approuver la nomination des autorités prévues par la Constitution et par d'autres lois et fournir des conseils sur les questions relatives à l'état de la nation en rapport avec ses attributions.

Ingingo ya 4 : Umusenateri

Umusenateri ni Umunyarwanda w'indakemwa kandi w'inararibonye, ufite nibura impamyabumenyi ihanitse cyangwa ihwanye na yo cyangwa wakoze imirimo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta cyangwa mu bikorera.

Ingingo ya 5: Uko Umusenateri atorwa cyangwa ashirwaho

Umusenateri atorwa cyangwa ashirwaho hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Nshinga cyane cyane mu ngingo yaryo ya 80 n'ibiteganywa n'andi mategeko.

Ingingo ya 6: Imirimo itabangikanywa n'uw'ubusenateri

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 67 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, imirimo itabangikanwa n'iy'ubusenateri ni iyo kuba:

- 1° Perezida wa Repubulika;
- 2° umwe mu bagize Guverinoma;
- 3° Guverineri w'Intara;
- 4° Umudepite;

Article 4: Senator

A Senator is a Rwandan renowned for his/her integrity and proven experience, holding at least a Bachelor's degree or equivalent qualification or having occupied senior responsibilities in the public or private sector.

Article 5: Election or appointment of a Senator

The election or appointment of a senator abides by the provisions of the Constitution, especially in Article 80 and other legal provisions thereof.

Article 6: Incompatibilities with the office of a Senator

Notwithstanding the provisions of Article 67 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, the office of Senator is incompatible with being:

- 1° President of the Republic;
- 2° Member of the Cabinet;
- 3° Governor of Province;
- 4° Deputy;

Article 4: Sénateur

Un Sénateur est un Rwandais intègre et d'une grande expérience, détenant au moins un diplôme de licence ou équivalent ou ayant occupé des hautes fonctions dans le secteur public ou privé.

Article 5: Élection ou nomination d'un Sénateur

L'élection ou la nomination d'un Sénateur se fait conformément aux dispositions de la Constitution, spécialement en son article 80 ainsi qu'aux autres dispositions légales en la matière.

Article 6: Incompatibilités avec les fonctions de Sénateur

Sans préjudice des dispositions de l'article 67 de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, les fonctions de Sénateur sont incompatibles avec la fonction de:

- 1° Président de la République;
- 2° membre du Gouvernement;
- 3° Gouverneur de Province;
- 4° Député;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

5°	umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Umudugudu, Inama Njyanama y'Akagari, iy'Umurenge, iy'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali;	5°	a member of Village Executive Committee, Cell Council, Sector Council, District or the City of Kigali Council;	5°	membre du Comité exécutif de village, du Conseil de Cellule, de Secteur, de District ou de la Ville de Kigali;
6°	umucamanza	6°	judge;	6°	juge;
7°	umushinjacyaha;	7°	prosecutor;	7°	officier de poursuite judiciaire;
8°	umwe mu bagize Komisiyo z'igihugu zihoraho cyangwa inzego zihariye ziteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa izindi zashyirwaho n'amategeko;	8°	member of permanent commissions or specialized organs provided by the Constitution or any other commission that can be established by the law;	8°	membre des commissions permanentes ou des organes spécialisés prévus par la Constitution ou d'autres commissions pouvant être créées par la loi;
9°	umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi mu kigo cya Leta cyangwa ikigo Leta ifitemo imigabane, cyangwa umugenzuzi w'imari w'icyo kigo;	9°	member of the Board of Directors of a public institution or one in which the State has shares or the institution's Auditor;	9°	membre du Conseil d'Administration d'un établissement public ou parastatal ou son auditeur;
10°	umuyobozi w'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yacyo;	10°	a head of a commercial agency or one of the members of its Board of Directors;	10°	directeur d'une société commerciale ou un des membres de son Conseil d'Administration;
11°	umukozi wa Leta cyangwa umukozi wo mu kigo cya Leta;	11°	employee in the civil service or in a public institution;	11°	agent de l'État ou d'un établissement public;
12°	umukozi mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abatwari;	12°	employee in the administrative decentralized entities;	12°	employé des entités administratives décentralisées;
13°	umukozi ugengwa n'amasezerano y'umurimo;	13°	employee governed by employment contract;	13°	agent régi par un contrat de travail;
14°	mu nzego zishinzwe amatora;	14°	member of electoral organs;	14°	membre des organes électoraux;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|---|---|--|
| 15° mu Ngabo z'u Rwanda, muri Polisi y'u Rwanda, mu rwego rw'Igihugu Rushinzwe Iperereza n'Umutekano, mu Rwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa cyangwa Urwego Rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu Gucunga Umutekano; | 15° member of Rwanda Defence Force, Rwanda National Police, National Intelligence and Security Services, Rwanda Correctional Services or of District administration security support organ; | 15° membre des Forces Rwandaises de Défense, de la Police Nationale du Rwanda, du Service National de Renseignements de Sécurité, du Service Correctionnel du Rwanda ou de l'Organe d'Appui à l'Administration du District dans le maintien de la sécurité |
| 16° mu nzego z'ubuyobozi bw'amashyirahamwe, imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango ishingiye ku idini, amakoperative, imiryango mpuzamahanga cyangwa mvamahanga, uretse imiryango ihuriweho n'Abagize Inteko Ishinga Amategeko igamije kubafasha kurangiza neza inshingano zabo; | 16° member of executive organs of associations, local non-governmental organizations or faith-based organizations, cooperatives, international or foreign organisations, with the exception of those organizations of members of Parliament which aim to facilitate them for the performance of their duties; | 16° membre des organes exécutifs des associations, des organismes non-gouvernementaux locaux ou des organisations religieuses, des coopératives, des organisations internationales ou étrangères, à l'exception des organisations de parlementaires visant à les aider à remplir leurs attributions; |
| 17° mu rugaga rw'abahesha b'inkiko b'umwuga cyangwa kuba mu bakora umurimo w'ubunoteri. | 17° member of professional bailiffs association or notary. | 17° 17° membre de l'ordre d'huissiers professionnels ou notaire. |

Umusenateri ukora umwuga wa Avoka ntashobora kuburana ubwe imanza izo zose. Ibiro bye byemerewe kuburana imanza uretse izo Leta iregamo cyangwa iregwamo.

A Senator who exercises a lawyer's profession is not allowed to plead personally in any judicial case. His/her chambers are allowed to plead in court any cases except those in which the State is the plaintiff or the defendant.

Un Sénateur exerçant la profession d'avocat ne peut pas plaider lui-même des affaires judiciaires. Son cabinet peut plaider toutes les affaires judiciaires à l'exception de celles dans lesquelles l'État est demandeur ou défendeur.

Ingingo ya 7: Gutorwa cyangwa gushyirwa muri Sena ku muntu uri mu mirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri

Uretse abantu bavugwa mu duce twa 6°, 7° na 15° tw'igika cya mbere cy'ingingo ya 6 y'iri tegeko ngenga, imirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri ivugwa muri iyo ngingo ntibuza uyikora gutorwa cyangwa gushyirwa muri Sena. icyakora, akimara kurahira, uwo Musenateri ahita yegura ku mirimo yakoraga bikamenyeshwa Perezida wa Sena n'Umuvunyi Mukuru.

Ingingo ya 8: Irahira n'itangira ry'imirimo by'Umusenateri

Mbere yo gutangira imirimo, Umusenateri arahirira imbere ya Perezida wa Repubulika indahiro iteganywa mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ataboneka akarahirira imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 9: Manda y'Umusenateri

Umusenateri uturwa cyangwa Umusenateri ushyirwaho agira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe. Umusenateri wahoze ari Umukuru w'Igihugu nta manda agira.

Article 7: Election or appointment of a person holding incompatible functions with the Senator's function

Apart from the persons mentioned under items 6°, 7° and 15° of Paragraph One of Article 6 of this Organic Law, incompatible functions with the Senator's office provided for that do not prevent any one exercising these functions from being elected or appointed as Senator. Nevertheless, the concerned Senator resigns from his/her office immediately after taking oath and notify the President of the Senate and the Ombudsman of his/her resignation.

Article 8: Oath and commencement of office for a Senator

Before taking office, a Senator takes oath as provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 before the President of the Republic, and in case of his/her absence, before the President of the Supreme Court.

Article 9: Term of office of a Senator

Elected or appointed Senator serves a five (5) year term, renewable once. A Senator who is a former Head of State is not subject to term limits.

Article 7: Élection ou nomination d'une personne occupant les fonctions incompatibles avec la fonction de Sénateur

Excepté les personnes mentionnées aux points 6°, 7° et 15° de l'alinéa premier de l'article 6 de la présente loi organique, les fonctions incompatibles avec la fonction de Sénateur prévues au présent article n'empêchent pas la personne qui exerce ces fonctions d'être élue ou désignée comme Sénateur. Toutefois, dès le jour de la prestation de serment, le Sénateur doit démissionner immédiatement de ses fonctions et en informer le Président du Sénat et l'Ombudsman.

Article 8 : Prestation de serment et entrée en fonction d'un Sénateur

Avant d'entrer en fonction, un Sénateur prête le serment prévu par la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015 devant le Président de la République, et en son absence, devant le Président de la Cour Suprême.

Article 9: Mandat d'un Sénateur

Un Sénateur élu ou un Sénateur nommé a un mandat de cinq (5) ans, renouvelable une seule fois. Un Sénateur qui est un ancien Chef d'État n'est pas assujetti à aucune limite du nombre de mandats.

Ingingo ya 10: Ikarita y'ubudahangarwa

Mu gihe kitarenze ibyumweru bibiri (2) nyuma yo kurahira, Umusenateri ahabwa ikarita y'ubudahangarwa yerekwa inzego zitandukanye igihe bibaye ngombwa.

Imiterere y'iyi karita y'ubudahangarwa igenwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena. Iyi karita ishobora guhinduka igihe cyose bibaye ngombwa.

Iyo Umusenateri avuye ku murimo w'ubusenateri ku mpamvu izo ari zo zose, ikarita ye y'ubudahangarwa ihita itakaza agaciro kandi akayisubiza mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi uherye igihe yahagarikiye imirimo.

Ingingo ya 11: Inyandiko igaragaza umutungo

Buri Musenateri ashyikiriza Urwego rw'Umuvunyi inyandiko igaragaza umutungo we hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 12: Kwegura ku murimo w'ubusenateri

Umusenateri weguye ku murimo w'Ubusenateri ku mpamvu zinyuranye ashyikiriza Perezida wa Sena ibaruwa y'iyegura rye, akagera kopi Perezida wa Repubulika, Perezida w'Urukiko

Article 10: Immunity card

Within a period not exceeding two (2) weeks from oath taking, a Senator is given an immunity card presented to different organs if necessary.

The design of the immunity card is determined by the Office of the Clerk to the Senate and it is subject to modification when need be.

If a Senator leaves office for any reasons, his/her immunity card immediately loses its validity and is returned within five (5) working days from the date of termination of duties.

Article 11: Declaration of assets

Every Senator submits to the Office of the Ombudsman his/her faithful declaration of assets in accordance with relevant laws.

Article 12: Resignation from a senatorial seat

A Senator who resigns for various reasons, addresses his/her resignation letter to the President of the Senate with a copy to the President of the Republic, the President of the Supreme Court, the

Article 10: Carte d'immunité

Dans un délai ne dépassant pas deux (2) semaines après la prestation de serment, un Sénateur est accordé une carte d'immunité qu'il présente, en cas de besoin aux divers organes.

La forme de cette carte d'immunité est déterminée par le Secrétariat Général du Sénat et elle peut subir des modifications chaque fois que de besoin.

Si un Sénateur quitte ses fonctions pour des raisons quelconques, sa carte d'immunité perd immédiatement sa validité et est remise dans un délai de cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de cessation de ses fonctions.

Article 11: Déclaration des biens

Chaque Sénateur dépose la déclaration sur l'honneur de ses biens et patrimoine à l'Office de l'Ombudsman conformément aux dispositions légales en la matière.

Article 12: Démission de la fonction de Sénateur

Un Sénateur qui, pour des raisons quelconques, démissionne de la fonction de Sénateur, adresse la lettre de démission au Président du Sénat et en réserve copie au Président de la République, au Président de la

rw'Ikirenga, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'urwego rumushyiraho.

Ingingo ya 13: Isimburwa ry'Umusenateri

Mu gihe Umusenateri watowe yeguye, apfuye, avanywe ku murimo n'icyemezo cy'urukiko cyangwa agize impamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze igihe cya manda gisigaye kingana nibura n'umwaka umwe (1), harongerera hakaba amatora. Iyo ari Umusenateri washyizweho, urwego rwamushyizeho ni rwo rugena umusimbura.

Muri icyo gihe, Perezida wa Sena asaba, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15), urwego rwamushyizeho cyangwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iyo ari uwatowe, gusimbura uwo Musenateri.

Umusenateri mushya utowe cyangwa ushyizweho arangiza igice cya manda gisigaye cy'uwo yasimbuye. Ashobora kongera gushyirwaho cyangwa gutorerwa indi manda.

UMUTWE WA II: IMITERERE YA SENA

Ingingo ya 14 : Inzego za Sena

Inzego za Sena ni izi zikurikira:

- 1° Inteko Rusange;

National Electoral Commission and his/her appointing authority.

Article 13: Replacement of a Senator

In the event an elected Senator resigns, dies, gets impeached by a court decision or suffers a permanent impediment to accomplish his/her duties when his/her term of office has at least one (1) year to run, fresh elections are held. In case of an appointed Senator, the relevant organ designates his/her replacement.

In that case the President of the Senate requests, within a period not exceeding fifteen (15) days, his/her appointing authority or the National Electoral Commission, if he/she is an elected Senator, to proceed to his/her replacement.

The newly elected or appointed Senator completes the term of office of his/her predecessor. He/she is eligible for another term of office.

CHAPTER II: ORGANISATION OF THE SENATE

Article 14: Organs of the Senate

Organs of the Senate are as follows:

- 1° Plenary Assembly;

Cour Suprême, à la Commission Nationale Électorale et à l'autorité qui l'avait nommé.

Article 13: Remplacement d'un Sénateur

Lorsqu'un Sénateur élu démissionne, décède, est déchu de ses fonctions par une décision judiciaire ou est définitivement empêché de remplir ses attributions un an (1) au moins avant la fin de son mandat, il est procédé à de nouvelles élections. S'il s'agit d'un Sénateur nommé, l'organe concerné désigne son remplaçant.

Dans ce cas, le Président du Sénat, dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours, demande à l'organe qui a désigné le Sénateur concerné ou à la Commission Nationale Électorale, s'il s'agit d'un Sénateur qui a été élu, de procéder à son remplacement.

Un Sénateur nouvellement élu ou nommé ne demeure en fonction que pour la durée restant à courir du mandat de son prédécesseur. Il est éligible pour un autre mandat.

CHAPITRE II: ORGANISATION DU SÉNAT

Article 14: Organes du Sénat

Les organes du Sénat sont les suivants:

- 1° Assemblée plénière;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|---|--|---|
| 2° Inama y'Abaperezida; | 2° Conference of Chairpersons; | 2° Conférence des Présidents; |
| 3° Biro ya Sena; | 3° Bureau of the Senate; | 3° Bureau du Sénat; |
| 4° Komisiyo zihoraho; | 4° Standing Committees; | 4° Commissions permanentes; |
| 5° Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri; | 5° Committee in charge of Assessment of the Senate's Activities, Senators' Conduct and Immunity; | 5° Comité chargé de l'évaluation des activités du Sénat, de la discipline, du comportement et de l'immunité des Sénateurs ; |
| 6° Ubunyamabanga Bukuru. | 6° Office of the Clerk. | 6° Secrétariat général. |

Icyiciro cya mbere: Inteko Rusange

Ingingo ya 15: Abagize Inteko Rusange

Inteko Rusange igizwe n'Abasenateri bose kandi ni rwo rwego rukuru mu gufata ibyemezo.

Ingingo ya 16 Ibyicaro mu cyumba cy'Inteko Rusange

Abasenateri bahabwa ibyicaro bihoraho, mu cyumba cy'Inteko Rusange, hakurikijwe uko inyuguti zitangira amazina yabo zikurikirana.

Icyakora, kubera impamvu z'ubumuga cyangwa indi mpamvu kandi byemejwe n'Inteko Rusange, ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishobora kutubahirizwa.

Section one: Plenary Assembly

Article 15: Members of the Plenary Assembly

The Plenary Assembly comprises all Senators and is the supreme decision making organ of the Senate.

Article 16: Seats in the Plenary Chamber

Senators are given permanent seats in the Plenary Chamber in accordance with alphabetical order of their names.

However, in case of disability or other motive and upon approval by the Plenary Assembly, the provisions of Paragraph One of this Article cannot apply.

Section première : Assemblée plénière

Article 15 : Membres de l'Assemblée plénière

L'Assemblée plénière est composée de tous les Sénateurs et elle est l'organe suprême de prise de décision du Sénat.

Article 16: Sièges dans la salle plénière

Les sièges des Sénateurs dans la salle plénière sont permanents et sont attribués par ordre alphabétique de leurs noms.

Toutefois, en cas d'handicap ou autre cause, et sur décision de l'Assemblée plénière, les dispositions de l'alinéa premier du présent article peuvent ne pas être appliquées.

Hateganywa kandi ibyicarwo by'abagize Biro ya Sena, iby'abahagarariye inzego za Leta n'Intebe z'abandi bitabiriye imirimo y'Inteko Rusange.

A number of seats are also made available for members of the Bureau of the Senate, government officials and other participants to the Plenary Sitting.

Un nombre de sièges est également réservé aux membres du Bureau du Sénat, aux représentants du Gouvernement et aux autres participants aux travaux de l'Assemblée plénière.

Icyiciro cya 2: Inama y'Abaperezida

Section 2: Conference of Chairpersons

Section 2: Conférence des Présidents

Ingingo ya 17: Abagize Inama y'Abaperezida

Article 17: Members of the Conference of Chairpersons

Article 17: Membres de la Conférence des Présidents

Inama y'Abaperezida igizwe na Biro ya Sena, Biro za Komisiyo zihoraho na Biro ya Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.

The Conference of Chairpersons is composed by the Bureau of the Senate, Bureaus of Standing Committees and the Bureau of the Committee in charge of Assessment of the Senate's Activities, Senators' Conduct and Immunity.

La Conférence des Présidents est composée par le Bureau du Sénat, les Bureaux des Commissions permanentes et celui du Comité chargé de l'évaluation des activités du Sénat, de la discipline, du comportement et de l'immunité des Sénateurs.

Icyiciro cya 3: Abagize Biro ya Sena, itorwa n'irahira byabo n'uko basimburwa

Section 3: Composition, election and taking oath of members of the Bureau of the Senate and their replacement

Section 3: Composition, élection et prestation de serment des membres du Bureau du Sénat et leur remplacement

Ingingo ya 18: Abagize Biro ya Sena

Article 18: Members of the Bureau of the Senate

Article 18: Membres du Bureau du Sénat

Biro ya Sena igizwe na Perezida na ba Visi Perezida babiri (2) batorwa mu bagize Sena. Umwe mu ba Visi-Perezida ashinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, undi ashinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi.

The Bureau of the Senate is comprised of the President and two (2) Vice Presidents elected among members of the Senate. One of the Vice Presidents is responsible for parliamentary affairs and the other is responsible for finance and administration related activities.

Le Bureau du Sénat est composé du Président et de deux (2) Vice-présidents élus parmi les membres du Sénat. Un des Vice-présidents est chargé des affaires parlementaires, l'autre est chargé des activités relatives aux finances et à l'administration.

Ingingo ya 19: Itorwa n'irahira by'abagize Biro ya Sena

Mu ntangiro ya buri manda y'Abasenateri, inama yayo ya mbere iharirwa itorwa rya Biro igizwe na Perezida na ba Visi Perezida babiri (2) batorwa mu bagize Sena. Iyo nama itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itangazwa ry'amajwi.

Itorwa ry'abagize Biro ya Sena rikorwa mu ibanga ku bwiganze bw'amajwi y'Abasenateri bahari. Buri wese mu bagize Biro ya Sena atorwa ukwe.

Iyo nta mukandida mu biyamamaza ku mwanya w'abagize Biro ugize amajwi ya ngombwa, itora risubirwamo.

Mu gihe ubwiganze burunduye bw'amajwi butabonetse ku nshuro ya kabiri, urushije abandi amajwi aba atowe.

Mbere yo gutangira imirimo, abagize Biro ya Sena barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika indahiro iteganywa mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

Article 19: Election and taking oath of members of the Bureau of the Senate

On the commencement of each term of the Senate term, the inception sitting is devoted to the election of the Bureau made up of the President and two (2) Vice Presidents elected among members of the Senate. The sitting is convened and chaired by the President of the Republic within fifteen (15) days as of the publication of election results.

The election of members of the Bureau of the Senate is conducted by secret ballot and by an absolute majority vote of the Senators present. Each member of the Bureau of the Senate is elected in a separate ballot.

If no candidate to membership of the Bureau wins the required majority votes, the vote is repeated.

In case no candidate receives an absolute majority of votes in the second round of voting, a candidate with the highest number of votes is considered as elected.

Before taking office, members of the Bureau of the Senate take the oath stated in the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 before the President of the Republic.

Article 19: Élection et prestation de serment des membres du Bureau du Sénat

À l'ouverture de chaque législature du Sénat, la première séance est consacrée à l'élection du Bureau du Sénat composé d'un Président et de deux (2) Vice-Présidents élus parmi les membres du Sénat. Cette séance est convoquée et présidée par le Président de la République endéans quinze (15) jours de la publication des résultats du scrutin.

L'élection des membres du Bureau du Sénat se fait au scrutin secret et à la majorité absolue des voix des Sénateurs présents. Chacun des membres du Bureau du Sénat est élu séparément.

Lorsqu'aucun des candidats à l'élection des membres du Bureau n'obtient la majorité requise, l'élection est reprise.

Lorsque la majorité absolue des voix n'est pas obtenue au second tour, le candidat qui obtient le plus grand nombre de voix est déclaré élu.

Avant d'entrer en fonction, les membres du Bureau du Sénat prêtent le serment prévu dans la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015 devant le Président de la République.

Ingingo ya 20: Isimburwa ry'abagize Biro ya Sena

Mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsu Sena yemeje ko Biro yose, babiri cyangwa umwe mu bagize Biro ya Sena bavuye burundu mu mirimo yabo, inama igamije gusimbura abagize Biro yose, babiri cyangwa umwe mu bagize Biro ya Sena itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika ari na we uyobora iryo tora.

Utorewe gusimbura uvuye muri Biro arangiza manda y'uwo asimbuye.

Icyiciro cya 4: Komisiyo

Ingingo ya 21: Komisiyo zihoraho za Sena

Sena ifite Komisiyo enye (4) zihoraho zikurikira:

- 1° Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere;
- 2° Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari;
- 3° Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano;

Article 20: Replacement of members of the Bureau of the Senate

Within thirty (30) days from the adoption by the Senate of vacation of the offices of all members of the Bureau, two or one of them, a sitting devoted to replacing all, two or one member of the Bureau of the Senate is convened and presided over by the President of the Republic who also supervises the election.

The person elected to replace a member who has been removed from the Bureau completes the term of office of his/her predecessor.

Section 4: Committees

Article 21: Standing Committees of the Senate

The Senate comprises four (4) Standing committees as follows:

- 1° Standing Committee on Political Affairs and Governance;
- 2° Standing Committee on Economic Development and Finance;
- 3° Standing Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security;

Article 20: Remplacement des membres du Bureau du Sénat

Dans les trente (30) jours à compter du jour de l'approbation par le Sénat de la cessation définitive de fonctions de tous les membres du Bureau du Sénat, de deux ou de l'un de ses membres, la séance consacrée au remplacement de tous les membres du Bureau du Sénat, de deux ou de l'un de ses membres est convoquée et présidée par le Président de la République qui supervise également les élections.

La personne élue pour remplacer un membre du Bureau qui cesse ses fonctions demeure en fonction pour la durée restant à courir du mandat de son prédécesseur.

Section 4 : Commissions

Article 21: Commissions permanentes du Sénat

Le Sénat comprend quatre (4) Commissions permanentes ci-après :

- 1° Commission politique et de la Bonne Gouvernance;
- 2° Commission du Développement économique et Finances;
- 3° Commission des Affaires étrangères, de la Coopération et de la Sécurité;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

4°	Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu.	4°	Standing Committee on Social Affairs and Human Rights.	4°	Commission des Affaires sociales et des Droits de l'Homme.
	Umubare wa Komisiyo, inyito n'inshingano byazo bishobora guhinduka igihe bibaye ngombwa byemejwe n'Inteko Rusange ya Sena.		The number, names and responsibilities of committees are subject to change whenever necessary upon approval by the Plenary Assembly of the Senate.		Le nombre, l'appellation et les attributions des commissions peuvent changer en cas de besoin sur approbation de l'Assemblée plénière du Sénat.
	<u>Ingingo ya 22:</u> Abasenateri bagize Komisiyo zihoraho n'uburyo bajyaho		<u>Article 22:</u> Members of Standing Committees and modalities for membership registration		<u>Article 22:</u> Membres de Commissions permanentes et modalités de leur inscription
	Buri Komisiyo ihoraho ya Sena igizwe n'Abasenateri nibura bane (4).		Each Senate Standing Committee is comprised of four (4) members at least.		Chaque Commission permanente du Sénat comprend au moins quatre (4) membres.
	Abasenateri bajya muri Komisiyo zihoraho za Sena ku buryo bukurikira:		Senators register with Senate Standing Committees according to the following steps:		Les Sénateurs s'inscrivent aux Commissions permanentes du Sénat de la manière suivante:
1°	buri Musenateri yiyandikisha muri Komisiyo imwe;	1°	every Senator registers in only one Standing Committee;	1°	chaque Sénateur se fait inscrire dans une seule Commission;
2°	Biro ya Sena igenzura aho Abasenateri biyandikishije ikemeza abagize Komisiyo ikurikije ibi bukurikira:	2°	the Bureau of the Senate verifies the registration of Senators and confirms their membership in consideration of the following criteria:	2°	le Bureau du Sénat vérifie les inscriptions des Sénateurs et arrête la composition définitive de chaque Commission sur base des critères ci-après :
a)	icyifuzo cya buri Musenateri;	a)	the preference of each Senator;	a)	le souhait de chaque Sénateur;
b)	umubare w'abagize buri Komisiyo;	b)	the number of members of each Standing Committee;	b)	le nombre des membres de chaque Commission;
c)	ibyo Komisiyo ihoraho ishinze;	c)	the functions of the Standing Committee;	c)	les attributions de la Commission permanente;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|--|--|---|
| d) ubumenyi bw'Umusenateri mu bijyanye n'ibyo Komisiyo ishinzwe; | d) the skills of the Senator in relation to the Standing Committee's remit; | d) les compétences du Sénateur en rapport avec les attributions de la Commission; |
| e) uburambe bw'Umusenateri mu mirimo ijyanye n'ibyo Komisiyo ishinzwe; | e) the experience of the Senator in relation to the functions of the Standing Committee; | e) l'expérience du Sénateur par rapport aux attributions de la Commission ; |
| f) ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo. | f) the principle of gender equality. | f) le principe d'égalité entre les genres. |

Nyuma y'imyaka ibiri n'igice (2,5), Umusenateri ubyifuzaga ashobora guhindura Komisiyo. Kwiyandikisha muri Komisiyo no kwemeza abayigize bikurikiza ibiteganywa mu gika cya mbere n'icya kabiri (2) by'iyi ngingo.

After two and a half (2^{1/2}) years, a Senator who so wishes can change his/her Committee membership. Committee membership registration and approval are carried out in accordance with the provisions of Paragraph One and two (2) of this Article.

Après deux ans et demi (2,5), un Sénateur qui le désire peut changer de Commission. L'inscription à la Commission et l'approbation des membres de la Commission se font conformément aux dispositions de l'alinéa premier et deux (2) du présent article.

Ingingo ya 23 Biro ya Komisiyo n'itorwa ryayo

Buri Komisiyo igira Biro yayo igizwe na Perezida na Visi-Perezida. Perezida na Visi-Perezida ba buri Komisiyo batorwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Article 23: Bureau of the Standing Committee and its election

Each Standing Committee has a Bureau comprised of a Chairperson and a Deputy Chairperson elected by the Plenary Assembly upon absolute majority vote of Senators present.

Article 23: Bureau de la Commission permanente et son élection

Chaque Commission comprend un Bureau composé d'un Président et d'un Vice-président élus par l'Assemblée plénière à la majorité absolue des Sénateurs présents.

Kugira ngo batorwe, ababyifuzaga bo muri Komisiyo babimenyeshaga Biro ya Sena mu nyandiko ikabimenyeshaga Inteko Rusange.

To be elected, members of the Standing Committee wishing so notify in writing the Bureau of the Senate which notifies the Plenary Assembly thereof.

Pour être élus, les membres de la Commission qui le désirent le notifient par écrit au Bureau du Sénat qui le communique à l'Assemblée plénière.

Perezida na Visi-Perezida batorwa umwe ukwe n'undi ukwe.

The Chairperson and the Vice-Chairperson are elected separately.

Le Président et le Vice-Président sont élus séparément.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Iyo nta mukandida mu biyamamaje ku mwanya w'abagize Biro ya Komisiyo ugize amajwi ya ngombwa, itora risubirwamo.

When no candidate wins the required votes, the vote is repeated.

Lorsqu'après vote, aucun candidat n'obtient la majorité requise, il est procédé à un nouveau scrutin.

Mu gihe ubwiganze burunduye bw'amajwi butabonetse ku nshuro ya kabiri, urushije abandi amajwi aba atowe.

When the absolute majority is not obtained for the second round, the candidate with the highest number of votes emerges the winner.

Lorsque la majorité absolue des voix n'est pas obtenue au second tour, le candidat qui obtient le plus grand nombre de voix est déclaré élu.

Ingingo ya 24: Manda y'abagize Biro ya Komisiyo n'uko basimburwa

Article 24: Term of office of members of the Committee Bureau and their replacement

Article 24: Mandat des membres du Bureau de Commission et leur remplacement

Manda y'abagize Biro ya Komisiyo ni igihe cy'imyaka ibiri n'igice (2,5) ishobora kongerwa inshuro imwe.

The term of office members of the Bureau of a Committee is two and a half (2½) years renewable once.

Le Bureau d'une Commission est élu pour un mandat de deux ans et demi (2,5) renouvelable une seule fois.

Biro ya Komisiyo cyangwa umwe mu bayigize ashobora gusimburwa yeguye cyangwa bisabwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Komisiyo. Inyandiko yo kwegura cyangwa gusabirwa gusimburwa ishyikirizwa Perezida wa Sena.

Upon resignation or upon request of two thirds (2/3) of the members of the Committee, the Bureau of a Committee or one of its members can be replaced. The letter of resignation or request for replacement is addressed to the President of the Senate.

Le Bureau d'une Commission ou l'un de ses membres peut être remplacé à la suite de sa démission ou sur demande de deux tiers (2/3) des membres de la Commission. La lettre de démission ou de demande de remplacement est adressée au Président du Sénat.

L'inscription sur la deuxième liste est faite par voie électronique utilisée lors de la demande de parole ou lors du vote et se fait après les réponses de l'auteur du projet ou proposition de loi ou du sujet en discussion aux intervenants de la première liste. La

imenyeshwa Inteko Rusange mbere y'uko abayiyandikishijeho bahabwa ijambo kandi buri Musenateri agahabwa igihe ntarengwa cy'iminota itanu (5).

Ilisiti ya gatatu ari na yo ya nyuma ifungurwa ari uko ibibazo by'Abasenateri biyandikishije kuri lisiti ya kabiri byasubijwe. Abasenateri biyandikisha hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijambo cyangwa mu gutora. Ilisiti ya gatatu imenyeshwa Inteko Rusange mbere y'uko abiyandikishije bahabwa ijambo kandi buri Musenateri agahabwa igihe ntarengwa cy'iminota itanu (5).

Mu gihe cyo kwiyandikisha ku ilisiti ya kabiri n'ya gatatu, iyo uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijambo cyangwa mu gutora budakora neza, Umusenateri asaba ijambo ashya ukuboko hejuru cyangwa akoresheje ubundi buryo mu gihe kuzamura ukuboko bidashoboka mbere y'uko Perezida wa Sena atangira gutanga ijambo.

Ingingo ya 54: Guhabwa ijambo mu Nteko Rusange

Nta Musenateri ushobora gufata ijambo atarihawe n'uyoboye inama y'Inteko Rusange hakurikijwe ilisiti yatangajwe.

the floor is given to Senators registered on it and each Senator is allotted a maximum time of five (5) minutes.

The third and final list is opened after the questions of Senators registered on the second list have been replied. Senators are registered through electronic ways used to request the floor or to vote. The third list is communicated to the Plenary Assembly before the Senators on it are given the floor and each Senator is allotted a maximum time of five (5) minutes.

During registration on the second and third list, where electronic way used to request the floor or to vote goes defective, any Senator requests the floor by show of hand or any other means in case the show of hand is not possible before the President of the Senate starts giving the floor.

Article 54: Taking the floor in the Plenary Sitting

No Senator takes the floor unless the chairperson of the sitting allows him/her in accordance with the list announced.

deuxième liste est communiquée à l'Assemblée plénière avant que la parole ne soit donnée aux Sénateurs y inscrits et chaque Sénateur a droit à une durée maximum de cinq (5) minutes.

La troisième et dernière liste est ouverte lorsque les questions des Sénateurs inscrits sur la deuxième liste ont reçu des réponses. L'inscription est faite par voie électronique utilisée lors de la demande de parole ou lors du vote. La troisième liste est communiquée à l'Assemblée plénière avant que la parole ne soit accordée aux Sénateurs y inscrits et chaque Sénateur a droit à une durée maximum de cinq (5) minutes.

Lors de l'inscription sur la deuxième et troisième liste, lorsque la voie électronique utilisée lors de la demande de parole ou lors du vote ne fonctionne pas correctement, tout Sénateur demande la parole en levant la main ou en usant d'autres moyens au cas où la main levée n'est possible avant que le Président du Sénat ne commence à accorder la parole.

Article 54: Prise de parole dans la séance plénière

Aucun Sénateur ne peut prendre la parole sans l'autorisation préalable du président de la séance, conformément à la liste préalablement communiquée.

Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma, Perezida na Visi-Perezida ba Komisiyo yize ikibazo, Umusenateri urebwa ku giti cye n'ikibazo cyigwa kimwe n'abavugizi b'imishinga y'amategeko yateguwe na Guverinoma cyangwa yateguwe n'Abadepite n'abagejeje raporo y'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga ku Nteko Rusange, bahabwa ijamba buri gihe iyo barisabye.

Iyo bibaye ngombwa, nyuma ya buri lisiti, uyoboye inama y'Inteko Rusange yerekana ibitekerezo by'ingenzi byagaragajwe mu mpaka.

Umusenateri uri muri Komisiyo yatanze raporo, ahabwa ijamba igihe cyose arisabye kugira ngo yunganire Biro ya Komisiyo.

Ingingo ya 55: Aho uhawe ijamba mu Nteko Rusange avugira

Uhawe ijamba ari ku ilisiti ya mbere arivugira ku mwanya wabugenewe iyo bishoboka.

Urihawe ku ilisiti ya kabiri, iya gatatu kimwe n'uhawe mosiyo cyangwa uwifashe bavugira mu myanya yabo.

The Prime Minister, Ministers, Ministers of State, other Cabinet members, the Chairperson and Vice Chairperson of the parliamentary Committee that considered the issue, Senator that is personally concerned with the issue as well as the rapporteurs of bills initiated by the Cabinet or Deputies and those who present to the Plenary Sitting the reports of the organs provided by the Constitution are given the floor at any time they request for it.

If deemed necessary, after each list, the chairperson of the sitting sums up the main ideas of the debates.

A member of the Committee presenting a report is given the floor at any time he/she requests it to back the Bureau of the Committee.

Article 55: Platform for a speaker in the Plenary Sitting

A speaker on the first list uses the platform provided for that purpose if possible.

A speaker on the second list, third list as well as a member rising on a point of order or the one who abstained remain in their seats.

Le Premier Ministre, les Ministres, les Secrétaires d'État, les autres membres du Gouvernement, le Président et le Vice-Président de la Commission ayant traité le sujet, un Sénateur personnellement concerné par la question en discussion ainsi que les rapporteurs des projets de lois préparés par le Conseil des Ministres ou les Députés ainsi que les personnalités des institutions prévues par la Constitution qui ont présenté à l'Assemblée plénière leurs rapports ont la parole chaque fois qu'ils le demandent.

En cas de besoin et après chaque liste, le président de la séance fait la synthèse des idées maîtresses qui ont caractérisé les débats.

Un membre de la commission ayant présenté le rapport a la parole chaque fois qu'il la demande pour appuyer le Bureau de la Commission.

Article 55: Endroit où se tient l'orateur à la séance plénière

L'orateur de la première liste se tient à la tribune prévue à cet effet autant que possible.

L'orateur de la deuxième liste, de la troisième liste ainsi que celui qui obtient une motion ou qui s'abstient demeurent à leurs places.

Ingingo ya 56: Gusaba mosiyo

Umusenateri ashobora gusaba mosiyo itarengeje iminota itatu (3) kugira ngo:

- 1° yibutse itegeko;
- 2° asubize icyo bamuvuzeho;
- 3° yibutse ko ikibazo yabajije kitasubijwe;
- 4° asabe ko impaka zihagarara;
- 5° asabe ko Inteko Rusange ihagarika imirimo gato;
- 6° asabe ko imirimo y'Inteko Rusange isubikwa.

Ibisabwa bivugwa mu gace ka 4°, aka 5° n'aka 6° tw'iyi ngingo byemezwa n'Inteko Rusange ku bwumvikane busesuye, bitashoboka bikemezwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bitabiriyemurira inama .

Ikimenyetso gikoreshwa mu gusaba mosiyo ni ugushyira ukuboko hejuru ikiganza gitambitse kirambuye hejuru y'ikindi kiganza kirambuye impagarike kigishyigikiye cyangwa ubundi buryo iyo bidashoboka.

Mosiyo ntitangwa mu gihe:

Article 56: Moving a motion

A Senator can move a motion not exceeding three (3) minutes to:

- 1° remind the rules of procedure;
- 2° react to what has been mentioned about him/her;
- 3° remind that his/her question was not answered;
- 4° request for the debates to be closed;
- 5° request for a brief suspension of the Plenary Sitting;
- 6° request for the adjournment of the Plenary Assembly proceedings.

The requests referred to in items 4°, 5° and 6° of this Article are approved by the Plenary Assembly by consensus or otherwise upon a three fifths (3/5) majority vote of Senators present at the sitting

The sign used to move a motion is raising hands with one hand lying horizontally and perpendicularly facing downwards over the other or other means where not possible.

No motion is allowed where:

Article 56: Demande d'une motion

Un Sénateur peut demander une motion ne dépassant pas trois (3) minutes pour:

- 1° faire le rappel à la loi;
- 2° réagir à un fait personnel;
- 3° rappeler que sa question n'a pas été répondue;
- 4° demander la clôture des débats;
- 5° demander une brève suspension de la séance;
- 6° demander l'ajournement des travaux de l'Assemblée plénière.

Les demandes visées aux points 4°, 5° et 6° du présent article sont approuvées par l'Assemblée plénière par consensus ou, à défaut, à la majorité de trois cinquièmes (3/5) des Sénateurs présents à la séance.

Le signe utilisé pour demander la motion est une main levée ouverte tenue horizontalement, la paume en bas et perpendiculairement à l'autre qui est levée verticalement et ouverte ou d'autres moyens si cela n'est pas possible.

Aucune motion n'est accordée lorsque:

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- 1° Umusenateri wahawe ijambo akirifite;
- 2° gucisha mu majwi byatangiye;
- 3° abasabye ndifashe bataravuga impamvu bifashe.

- 1° a Senator who has been given the floor is speaking;
- 2° the voting has started;
- 3° abstainees are yet to state the reason for abstaining.

- 1° un Sénateur à qui la parole est accordée est en train de parler;
- 2° l'opération de vote a commencé;
- 3° ceux qui se sont abstenus n'ont pas encore exprimé la raison de leur abstention.

Ingingo ya 57: Imyitwarire y'ufite ijambo mu nama y'Inteko Rusange

Uhawe ijambo wese nta wundi ashobora kubwira, uretse uyoboye inama y'Inteko Rusange.

Iyo uvuga atandukiriye cyangwa asubiye mu byavuzwe, uyoboye inama y'Inteko Rusange agomba kumuhagarika kandi ni we wenyine ufite ububasha bwo kumugarura ku bibazo byigwa.

Iyo uvuga amaze kwibutswa kabiri akaguma gutandukira cyangwa gusubira mu byavuzwe, uyoboye inama y'Inteko Rusange amwaka ijambo mu gihe cyose Inteko Rusange ikiga icyo kibazo.

Article 57: Behaviour of a speaker who is holding the floor in the Plenary Sitting

Any speaker only addresses the chairperson of the Plenary Sitting.

If a speaker is digressing from the matter under consideration, or engaging in repetition, the chairperson of the Plenary Sitting interrupts him/her, and he/she is the only person with the authority to call a member to order.

If a speaker has been called to order twice but persists in his/her digression or repetition, the chairperson of the Plenary Sitting cuts the speaker off for the rest of the time debates on the same issue are still underway.

Article 57: Comportement de l'orateur lors de la séance plénière

Tout orateur ne peut s'adresser qu'au président de la séance plénière.

Si un orateur s'écarte du sujet des débats ou s'il répète ce qui a été déjà dit, le président de la séance plénière doit l'interrompre et il est le seul habilité à le ramener à la question en discussion.

Si, après un deuxième rappel, l'orateur continue à s'écarter de la question en discussion ou s'il continue de répéter ce qui a été déjà dit, le président de la séance plénière lui retire la parole pendant la durée de la séance plénière consacrée au débat sur la question.

Ingingo ya 58: Ibibujiwe mu nama y’Inteko Rusange

Birabujijwe gutukana, gusarikana, gushyogozanya, gusahinda cyangwa kurogoyana mu Nteko Rusange.

Ntawushobora guca undi mu ijambo, keretse uyoboye inama y’Inteko Rusange na bwo yibutsa itegeko.

Ingingo ya 59: Ihagarikwa ry’impaka

Uyoboye inama y’Inteko Rusange yerekana aho impaka zigeze akanazihagarika iyo abasabye ijambo bose barangije kuvuga.

Ihagarikwa ry’impaka ku kibazo cyigwaga rishobora kandi gusabwa n’uyoboye inama y’Inteko Rusange, iyo abona ko Inteko Rusange yize ikibazo ku buryo buhagije, bikemezwa n’Inteko Rusange ku bwumvikane busesuye butaboneka bikemezwa ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abasenateri bahari.

Akiciro ka 5: Ifatwa ry’ibyemezo

Ingingo ya 60: Uko ibyemezo bifatwa

Sena igaragaza ibyemezo byayo ikoresheje gucisha mu majwi.

Article 58: Prohibitions in the Plenary Sitting

No member utters abusive, offending, provocative words, or disrupts order or prevents a speaker from expressing their views in the Plenary Sitting.

No member is interrupted when he/she has the floor except by the chairperson of the Plenary Sitting, only for the purpose of reminding him/her of the law.

Article 59: Closure of debates

The chairperson of the Plenary Sitting sums up and closes the debates after all those who requested for the floor have been heard.

The closure of debates on an issue which was being discussed can also be requested by the chairperson of the Plenary Sitting when he/she deems that the Plenary Assembly has sufficiently tackled all the issue, subject to approval by the Plenary Assembly upon consensus or otherwise on an absolute majority vote of the Senators present.

Sub-section 5: Decision making

Article 60: Decision making process

Decisions of the Senate are made by way of vote.

Article 58: Interdictions lors d’une séance plénière

Tout propos insultant, blessant, provocant, toute intervention troublant l’ordre et tout acte visant à empêcher un orateur de s’exprimer à la séance plénière sont interdits.

Nul ne peut être interrompu lorsqu’il parle, si ce n’est que par le président de la séance plénière pour un rappel de la loi.

Article 59: Clôture des débats

Le président de la séance plénière récapitule et clôt les débats lorsque tous ceux qui ont demandé la parole ont été entendus.

La clôture des débats sur la question qui faisait l’objet des discussions peut également être demandée par le président de la séance, s’il estime que l’Assemblée plénière a suffisamment débattu sur la question, après approbation de l’Assemblée plénière par consensus ou, à défaut, à la majorité absolue des voix des Sénateurs présents.

Sous-section 5: Prise de décisions

Article 60: Voies de prise de décisions

Le Sénat exprime ses décisions par voie de vote.

Mbere yo gucisha mu majwi, uyoboye inama y'Inteko Rusange atangaza umubare w'Abasenateri bitabiriye inama ashingiye ku buryo buteganywa mu ngingo ya 45 y'iri tegeko ngenga cyangwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bugaragaza umubare w'abitabiriye inama.

Ingingo ya 61: Gucisha mu majwi

Gucisha mu majwi bikorwa hakoreshejwe bumwe muri ubu buryo:

- 1° ubwumvikane busesuye;
- 2° gukoresha ibyuma byabugenewe;
- 3° gushyira ukuboko hejuru;
- 4° guhamagara buri wese mu izina rye;
- 5° kwandika mu ibanga.

Uburyo bw'ubwumvikane busesuye, gushyira ukuboko hejuru cyangwa se gukoresha ibyuma byabugenewe ni bwo bwonyine bukoreshwa iyo Sena ijya impaka ku bitari amategeko.

Itora mu ibanga rikorwa igihe cyose Inteko Rusange igomba gufata ibyemezo bireba abantu ku giti cyabo cyangwa bisabwe na kimwe cya gatanu (1/5) cy'Abasenateri bahari bikemzwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 62: Impamvu zo kwifata

Iteka nyuma yo gucisha mu majwi, haba hakoreshejwe gushyira ukuboko hejuru, gukoresha ibyuma byabugenewe cyangwa

Before the vote is conducted, the chairperson of the Plenary Sitting communicates the number of Senators in the attendance basing on the arrangements provided for under Article 45 of this Organic Law or by means of electronic system meant for registering the number of members in attendance.

Article 61: Voting

The vote is conducted using one of the following means:

- 1° consensus;
- 2° electronic vote;
- 3° show of hand;
- 4° roll call;
- 5° secret ballot.

The consensus, show of hand or the electronic vote are only used when the Senate is discussing matters other than laws.

The secret ballot is held if the Plenary Assembly has to make decisions concerning individuals or upon request of one-fifth (1/5) of Senators present after approval by the Plenary Assembly.

Article 62: Grounds for abstention

Always after voting, be it by show of hand, electronic vote or by roll call, the chairperson gives abstaining Senators the opportunity to

Avant de procéder au vote, le président de la séance plénière annonce le nombre des Sénateurs présents sur base des moyens prévus à l'article 45 de la présente loi organique ou à l'aide du système électronique d'enregistrement des présences des membres.

Article 61: Vote

Le vote est effectué à l'aide de l'un des modes ci-après:

- 1° le consensus;
- 2° le vote électronique;
- 3° la main levée;
- 4° l'appel nominal;
- 5° le scrutin secret.

Le consensus, la main levée ou le vote électronique sont les seuls modes utilisés lorsque le Sénat délibère sur des matières autres que les lois.

Le scrutin secret n'est utilisé que si l'Assemblée plénière doit prendre les décisions sur des individus ou à la demande d'un cinquième (1/5) des Sénateurs présents après approbation par l'Assemblée plénière.

Article 62: Causes d'abstention

Chaque fois après tout vote, que ce soit par main levée, par vote électronique ou par appel nominal, le président de la séance

guhamagara buri wese mu izina rye, uyoboye inama yemerera Abasenateri bifashe, iyo babisabye, kuvuga mu minota itarenze itatu (3), impamvu zatumye bifata. Izo mpamvu ntizishobora kugibwaho impaka

Ingingo ya 63: Isubirwamo ry'amatora

Iyo hari ibitagenze neza mu matora, itora risubirwamo nta mpaka hakimara gutangazwa uko amatora yagenze, iyo bisabwe kandi bigaragajwe n'umuyobozi w'inama cyangwa nibura Abasenateri batatu (3).

Iyo isubirwamo ry'amatora ridashoboye gukemura impaka bitewe n'uko hari abatanyuzwe n'itora, bacisha mu majwi bahamagara buri wese mu izina rye.

Ingingo ya 64: Gutora hakoreshejwe uburyo bwo kwandika mu ibanga

Iyo gucisha mu majwi bibaye bandika mu ibanga, Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura aha buri Musenateri uhari urupapuro ruriho gusa kashe ya Sena n'umukono w'uyoboye inama washyizweho mbere.

Buri Musenateri umaze gutora azinga urupapuro rwe akarushyira mu gikoresho cyabugenewe.

Ibarura ry'impapuro zatoreweho n'iry'amajwi rihita rikorerwa imbere y'Abasenateri rigakorwa

justify their abstention in three (3) minutes if they wish to do so. There is no debate thereon.

Article 63: Repeating of the voting

Where irregularities occurred during the vote, it is automatically repeated as soon as the results are announced, either at the request of the chairperson of the sitting or at least three (3) Senators.

Should there remain any doubt after the vote is repeated because some Senators are still not satisfied with the vote, a vote by roll call is held.

Article 64: Vote by secret ballot

If the vote is by secret ballot, the Clerk of the Senate or his/her deputy gives every Senator present a ballot paper bearing only the stamp of the Senate and signed beforehand by the chairperson.

After casting his/her vote, a Senator places his/her ballot paper in an appropriate ballot box.

Ballot papers are then counted before the Senators by a representative of the Bureau of the

accorde aux Sénateurs qui se sont abstenus, s'ils le demandent, l'opportunité d'exprimer en trois (3) minutes au maximum les motifs de leur abstention. Ces motifs ne peuvent faire l'objet de débat.

Article 63 : Reprise du vote

En cas d'irrégularités signalées au cours du vote, le vote est repris de droit aussitôt après l'annonce des résultats du vote, à la demande motivée du président de la séance ou d'au moins trois (3) Sénateurs.

Si le doute persiste après la reprise du vote suite au fait que certains sénateurs n'étaient pas satisfaits du vote, il est procédé au vote par appel nominal.

Article 64: Vote par scrutin secret

Lorsqu'il est procédé à un vote par scrutin secret, le Secrétaire général du Sénat ou son suppléant distribue à chaque sénateur présent, un bulletin portant exclusivement le cachet du Sénat et préalablement signé par le président de la séance.

Après y avoir exprimé son vote, chaque Sénateur dépose son bulletin dans l'urne prévue à cet effet.

Il est ensuite procédé, devant les Sénateurs, au dépouillement des bulletins de vote par un

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

n'uhagarariye Biro ya Sena abifashijwemo n'Abasenateri babiri bashyirwaho n'uyoboye inama y'Inteko Rusange hamwe n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura.

Impapuro zitatoreweho, buri rupapuro ruriho ikimenyetso cyangwa ikindi kidahuye n'ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ziba imfabusa.

Impapuro zose ziriho ibindi bitari ibitorerwa ziba na zo imfabusa.

Ingingo ya 65: Amabwiriza yerekeye amatora

Ibijyanye n'amatora y'abagize Biro za Komisiyo zihoraho na Biro ya Komite bidateganyijwe n'iri tegeko ngenga bigenwa ku buryo burambuye n'amabwiriza ya Biro ya Sena.

Amabwiriza ya Biro ya Sena akena kandi ibijyanye n'andi matora yakorwa hakoreshejwe uburyo bwo kwandika mu ibanga.

Ingingo ya 66: Gucagagura impapuro zatoreweho

Iyo inama yatoye ikoresheje gucisha mu majwi mu ibanga irangije imirimo yayo, impapuro

Senate assisted by two Senators designated by the chairperson of the Plenary Sitting as well as the Clerk to the Senate or his/her deputy.

Blank ballots and any ballot bearing a sign or mark other than those that are provided for in Paragraph One of this Article are invalid.

Any ballot expressing matters other than those put to vote are also invalid.

Article 65: Rules relating to elections

Electoral procedure for members of bureaus of Standing Committees and the Committee which is not provided for under this Organic Law are in detail determined by the rules issued by the Bureau of the Senate.

The rules of the Bureau of the Senate also determine the procedure for any other vote that can be held by secret ballot.

Article 66: Destruction of used ballots

At the end of the sitting devoted to a secret vote, used ballots are destroyed before the Plenary Assembly.

représentant du Bureau du Sénat assisté par deux Sénateurs désignés par le président de la séance plénière et le Secrétaire général du Sénat ou son suppléant.

Les bulletins blancs et tout bulletin comportant un signe ou une inscription autre que celle prévue à l'alinéa premier du présent article sont nuls.

Tous les bulletins comportant des opinions autres que celles mises au vote sont aussi nuls.

Article 65: Règles relatives aux élections

La procédure pour l'élection des membres des bureaux des commissions permanentes et du Comité qui n'est pas prévue par la présente loi organique est déterminée amplement par des règles émises par le Bureau du Sénat.

Les règles émises par le Bureau du Sénat déterminent également la procédure pour d'autres votes pouvant se faire par scrutin secret.

Article 66: Destruction des bulletins ayant servi au scrutin

À la fin de la séance réservée au vote, les bulletins ayant servi au scrutin secret sont détruits devant l'Assemblée plénière.

zatoreweho zicagagurirwa imbere y'Inteko Rusange.

Ingingo ya 67: Uko ibindi byemezo bya Sena bifatwa

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 60 y'iri tegeko ngenga, ibyemezo bya Sena bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari, uretse ibiteganyijwe ukundi n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 n'iri tegeko ngenga.

Iyo Inteko Rusange igomba gufata icyemezo ku bindi bitari amategeko, uyoboye inama abaza ko hari Umusenateri udashyigikiye umwanzuro atanze cyangwa watanzwe n'undi Musenateri. Iyo atabonetse, icyemezo kiba gifashwe ku bwumvikane busesuye. Iyo habonetse utabyemeye, hakoresha gucisha mu majwi bakoresha ibyuma byabugenewe cyangwa bashyira ukuboko hejuru.

Ingingo ya 68: Gufata icyemezo kijyanye n'imikorere ya Biro

Umusenateri cyangwa itsinda ry'Abasenateri bashobora kugeza ku Nteko Rusange ikibazo cyerekeye imikorere ya Biro ya Sena kugira ngo igisuzume kandi igifateho umwanzuro.

Article 67: Process for making other decisions of the Senate

Without prejudice to the provisions of Article 60 of this Organic Law, the decisions of the Senate are made by an absolute majority vote of Senators present, except otherwise provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 and this Organic Law.

Where the Plenary Assembly has to make a decision on issues other than legislation, the chairperson of the Plenary Sitting asks whether any of the Senators has an objection on a conclusion given by him/her or by another Senator. If there is not any, the decision is made by consensus. If there is a Senator who is against it, the matter is put to vote by electronic vote or a show of hand.

Article 68: Making a decision related to the functioning of the Bureau

A Senator or a group of Senators can table before the Plenary Assembly an issue pertaining to the functioning of the Bureau of the Senate for deliberation and decision making.

Article 67: Voie de prise d'autres décisions du Sénat

Sans préjudice des dispositions de l'article 60 de la présente loi organique, les décisions du Sénat sont prises à la majorité absolue des Sénateurs présents, sauf dispositions contraires de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015 et celles de la présente loi organique.

Lorsque l'Assemblée plénière doit statuer sur des matières autres que des lois, le président de la séance demande s'il y a un sénateur qui a une objection à la proposition qu'il fait ou à celle faite par un autre Sénateur. S'il n'y en a pas, la proposition est considérée comme adoptée par consensus. S'il y a au moins une voix contre, il est procédé au vote électronique ou par main levée.

Article 68: Prise d'une décision concernant le fonctionnement du Bureau

Un Sénateur ou un groupe de Sénateurs peut soumettre à l'Assemblée plénière une question en rapport avec le fonctionnement du Bureau du Sénat pour examen et prise de décision.

Ubwo busabe bukorwa hakoreshejwe ibiteganyijwe n'ingingo ya 52 y'iri tegeko ngenza.

Mu gihe nta gahunda y'Inteko Rusange isanzwe iteganyijwe, ikibazo gishyikirizwa Perezida wa Sena agatumiza Inama y'Inteko Rusange yihutirwa kugira ngo igisuzume.

Ingingo ya 69: Kumenyesha gahunda y'inama y'Inteko Rusange itaha

Iyo Inteko Rusange ya Sena imaze gusuzuma no gufata umwanzuro ku byari biteganyijwe ku murungo w'ibygwa, uyoboye inama y'Inteko Rusange amenyesha umunsi, isaha n'ibiri ku murungo w'ibygwa mu nama itaha.

Ingingo ya 70: Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange

Inama z'Inteko Rusange zikorera inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo. Izo nyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo ntizisomerwa mu Nteko Rusange.

Inyandiko zivunaguye zikubiyemo incamake y'uko ibiganiro byagenze mu Nteko Rusange zishyikirizwa Abasenateri mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi ikurikira umunsi w'inama y'Inteko Rusange bireba.

Such a proposal is expressed by means of arrangements provided for under Article 52 of this Organic Law.

Where no Plenary Sitting is scheduled, the issue is referred to the President of the Senate, who then convenes an urgent Plenary Sitting meant for the consideration of such an issue.

Article 69: Announcement of the agenda of the next Plenary Sitting

When all items on the agenda have been exhausted and a final decision has been made by the Plenary Assembly, the chairperson of the Plenary Sitting announces the day, time and agenda for the next sitting.

Article 70: Minutes and verbatim reports of the Plenary Sitings

There are minutes and verbatim reports of the Plenary Sitings. The minutes and verbatim reports are not read out in the Plenary Sitting.

The minutes consisting of a summary of the proceedings are transmitted to the Senators within a period not exceeding seven (7) working days from the date the concerned Plenary Sitting was held.

Cette demande est exprimée suivant les procédures prévues à l'article 52 de la présente loi organique.

Si aucune séance plénière n'est programmée, la question est soumise au Président du Sénat, qui ensuite convoque une séance urgente de l'Assemblée plénière consacrée à l'examen de ladite question.

Article 69: Communication de l'ordre du jour de la prochaine plénière

Lorsque les points à l'ordre du jour sont épuisés et une décision définitive a été prise par l'Assemblée plénière du Sénat, le président de la séance plénière précise le jour, l'heure ainsi que l'ordre du jour de la prochaine séance.

Article 70: Comptes rendus et procès-verbaux des séances plénières

Les séances plénières font l'objet de comptes rendus et de procès-verbaux. Ces comptes rendus et procès-verbaux ne sont pas lus en séance plénière.

Les comptes rendus comprenant les idées maîtresses des débats sont transmis aux Sénateurs dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours ouvrables à compter du jour de la tenue de la séance plénière.

Ibivugwa mu Nteko Rusange byose bifatwa amajwi mu byuma byabugenewe bigakorera inyandikomvugo. Inyandikomvugo ziba zikubiyemo uko impaka zagenze, ijambo ku rindi, ziboneka bitarenze iminsi mironko itatu (30) nyuma y'inama z'Inteko Rusange zireba, zigahabwa Abasenateri.

Iyo inama z'Inteko Rusange za Sena zabereye mu muhezo, inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo zazo zikorwa kandi zikabikwa n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura we igihe adahari. Inteko Rusange ifata umwanzuro ku itangazwa ryazo kandi ikagena igihe zitangirira gukoreshwa mu gihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 71: Kwemeza, gushyira umukono ku nyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo no kuzitangaza

Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo zemezwa n'Inteko Rusange mbere y'uko zitangazwa.

Umusenateri wese ushaka kugira icyo akosora ku nyandiko ivunaguye abiharerwa ijambo.

Inyandiko ivunaguye y'igihembwe gisanzwe yemezwa muri icyo gihembwe. icyakora, inyandiko ivunaguye y'inama y'Inteko Rusange itemejwe muri icyo gihembwe n'inyandiko ivunaguye yo mu gihembwe kidasanzwe zemezwa mu gihembwe gisanzwe gikurikira.

The Plenary Sitting debates are recorded by appropriate devices and thereafter written in verbatim reports. Verbatim reports containing debates, word-for-word, are available to Senators in a period not exceeding thirty (30) working days from the date the concerned Plenary Sitting was held.

Where the Plenary Sittings of the Senate are held in camera, their minutes and verbatim reports are taken and kept by the Clerk of the Senate or, in his/her absence, by his/her deputy. The Plenary Assembly decides on their publication and determines the starting time of their consultation if it is necessary.

Article 71: Approving, signing and publishing minutes and verbatim reports

Minutes and verbatim reports are approved by the Plenary Assembly before their publication.

Any Senator who wishes to make any correction to the minutes is given the floor.

Minutes of the ordinary session are approved during the same session. However, any minutes of a Plenary Sitting which is not approved during that session and minutes of an extraordinary session are approved in the next ordinary session.

Les débats à la séance plénière sont enregistrés par les appareils appropriés pour ensuite faire l'objet de procès-verbaux. Les procès-verbaux reprenant textuellement tous les débats sont disponibles pour les Sénateurs dans un délai de trente (30) jours à dater de la séance plénière concernée.

Lorsque les séances plénières du Sénat sont tenues à huis clos, leurs comptes rendus et procès-verbaux sont rédigés et conservés par le Secrétaire général du Sénat ou, en son absence, par son suppléant. L'Assemblée plénière décide de leur publication et détermine le début de leur exploitation lorsqu'il s'avère nécessaire.

Article 71: Approbation, signature et publication des comptes rendus et procès-verbaux

Les comptes rendus et les procès-verbaux sont approuvés par l'Assemblée plénière avant leur publication.

La parole est accordée à chaque Sénateur désireux de faire une correction aux comptes rendus.

Le compte rendu de la session ordinaire est approuvé au cours de la même session. Toutefois, un compte rendu de la séance plénière qui n'est pas approuvé au cours de la dite session et le compte rendu de la session

Inteko Rusange yemeza inyandikomvugo z'igihembwe gisanzwe bitarenze ukwezi kwa mbere kw'igihembwe gisanzwe gikurikira icyo inama zireba izo nyandikomvugo zabayemo.

Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'igihembwe kidasanzwe zemezwa mu cyumweru cya nyuma cy'igihembwe gisanzwe gikurikira.

Umusenateri wifuza kugira icyo akosora ku nyandikomvugo ashidikiriza mu nyandiko Perezida wa Sena ibyo ayikosoraho.

Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo zemejwe n'Inteko Rusange zishyirwaho umukono n'uwaboye inama, Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura we igihe adahari n'uwazanditse. Izo nyandiko zitangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Inteko Ishinga Amategeko kandi zigashyirwa mu nzu y'ibitabo ya Sena.

Icyiciro cya 3: Inshingano n'Imikorere by'Inama y'Abaperezida

Ingingo ya 72: Inshingano z'Inama y'Abaperezida

Inama y'Abaperezida ishinzwe :

The Plenary Assembly approves verbatim reports of the ordinary session not later than the first month of the next ordinary session.

Minutes and verbatim reports of an extraordinary session are approved in the last week of the next ordinary session

A Senator who wishes to make correction to the verbatim report forwards in writing his/her proposed changes to the President of the Senate.

Minutes and verbatim reports approved by the Plenary Assembly are signed by the chairperson of the sitting, the Clerk of the Senate or, in his/her absence, his/her deputy and the rapporteur. They are posted on the Parliament's website and are available in the library of the Senate.

Section 3: Responsibilities and functioning of the Conference of Chairpersons

Article 72: Responsibilities of the Conference of Chairpersons

The Conference of Chairpersons is responsible for:

extraordinaire sont approuvés au cours de la session ordinaire suivante.

L'Assemblée plénière approuve les procès-verbaux de la session ordinaire dans une période ne dépassant pas le premier mois de la session ordinaire suivante.

Les comptes rendus et les procès-verbaux de la session extraordinaire sont approuvés dans la dernière semaine de la session ordinaire suivante.

Un Sénateur qui souhaite apporter une correction au procès-verbal adresse cette correction par écrit au Président du Sénat.

Les comptes rendus et procès-verbaux approuvés par l'Assemblée plénière sont signés par le président de la séance, par le Secrétaire général du Sénat ou, en son absence, par son suppléant ainsi que par le rapporteur. Ils sont affichés sur le site internet du Parlement et sont rendus disponibles à la bibliothèque du Sénat.

Section 3: Attributions et fonctionnement de la Conférence des Présidents

Article 72: Attributions de la Conférence des Présidents

La Conférence des Présidents est chargée de:

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|---|---|--|
| 1° gutegura umushinga wa gahunda y'igihembwe gisanzwe kandi ugomba kwemezwa n'Inteko Rusange; | 1° drafting the agenda for ordinary session to be approved by the Plenary Assembly; | 1° élaborer le projet de programme de la session ordinaire qui doit être approuvé par l'Assemblée plénière; |
| 2° gufata imyanzuro irebana n'imirimo y'Abasenateri, iy'Inteko Rusange cyangwa iya Komisiyo, ikabishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze ; | 2° making decisions regarding the activities of Senators, those of the Plenary Assembly and those of Committees and submitting them to the Plenary Assembly for approval; | 2° prendre les décisions relatives aux activités des Sénateurs, de l'Assemblée plénière et celles des Commissions et les soumettre à l'Assemblée plénière pour leur approbation; |
| 3° kwiga imishinga y'amategeko iyo byemejwe n'Inteko Rusange; | 3° examining bills if the Plenary Assembly so decides; | 3° examiner les projets de loi si l'Assemblée plénière l'a décidé ainsi; |
| 4° gukora indi nshingano yose yasabwa n'Inteko Rusange. | 4° performing such other duties as may be assigned to it by the Plenary Assembly. | 4° accomplir toute autre tâche qui lui serait assignée par l'Assemblée plénière. |

Ingingo ya 73: Imikorere y'Inama y'Abaperezida n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama y'Abaperezida iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa hari nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Sena cyangwa umusimbura iyo adahari.

Inama y'Abaperezida ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye, bitashoboka ikibazo kigashyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho icyemezo.

Article 73: Functioning of the Conference of Chairpersons and decision making

The Conference of Chairpersons meets once a month and whenever necessary in attendance of at least three-fifths (3/5) of its members. It is convened and chaired by the President of the Senate or his/her deputy in case of his/her absence.

The Conference of Chairpersons makes decisions by consensus, if the consensus is not reached the issue is transferred to the Plenary Assembly for decision.

Article 73: Fonctionnement de la Conférence des Présidents et prise de décisions

La Conférence des Présidents se réunit une fois par mois et autant de fois que de besoin en présence d'au moins trois cinquièmes (3/5) de ses membres. Elle est convoquée et présidée par le président du Sénat ou son suppléant en cas d'absence.

Les décisions de la Conférence des Présidents sont prises par consensus. Si le consensus n'est pas atteint, le sujet en discussion est soumis à l'Assemblée plénière pour décision.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Mu gihe Inama y'Abaperezida yiga umushinga w'itegeko, yubahiriza ingingo z'iri tegeko ngenza zirebana n'uko Komisiyo zihoraho zikora mu gihe ziga imishinga y'amategeko.

Ingingo ya 74: Raporo y'inama y'Inama y'Abaperezida

Raporo y'inama y'Inama y'Abaperezida ishyikirizwa Abasenateri.

Mu gihe bibaye ngombwa, Umusenateri ashobora gusaba mu nyandiko ko iyo raporo igibwaho impaka mu Nteko Rusange.

Icyiciro cya 4: Inshingano n'imikorere bya Biro ya Sena

Akiciro ka mbere: Inshingano za Biro ya Sena n'iz'abayigize

Ingingo ya 75: Inshingano za Biro ya Sena

Inshingano za Biro ya Sena ni izi zikurikira:

- 1° kuyobora imirimo ya Sena;
- 2° gukurikirana imikoranire ya Sena n'izindi nzego;

When examining a draft law or private member's bill, the Conference of Chairpersons applies the provisions of this Organic Law regarding the proceedings governing the debates on draft laws or private member's bills by Standing Committees.

Article 74: Report of the meeting of the Conference of Chairpersons

The report of the meeting of the Conference of Chairpersons is submitted to the Senators.

Where considered necessary, a Senator can suggest in writing that the report be debated in the Plenary Sitting.

Section 4: Responsibilities and functioning of the Bureau of the Senate

Subsection One: Responsibilities of the Bureau of the Senate and those of its members

Article 75: Responsibilities of the Bureau of the Senate

Responsibilities of the Bureau of the Senate are the following:

- 1° to ensure management of the activities of the Senate;
- 2° to monitor cooperation between the Senate and other institutions;

Lorsque la Conférence des Présidents examine un projet ou une proposition de loi, elle applique les dispositions de la présente loi organique qui régissent les commissions permanentes en ce qui concerne l'examen des projets ou propositions de lois.

Article 74: Rapport de la réunion de la Conférence des Présidents

Le rapport de réunion de la Conférence des Présidents est transmis aux Sénateurs.

Lorsqu'il s'avère nécessaire, un Sénateur peut demander par écrit que ce rapport fasse objet des débats à l'Assemblée plénière.

Section 4: Attributions et fonctionnement du Bureau du Sénat

Sous-section première: Attributions du Bureau du Sénat et celles de ses membres

Article 75: Attributions du Bureau du Sénat

Les attributions du Bureau du Sénat sont les suivantes:

- 1° diriger les activités du Sénat;
- 2° assurer le suivi de la collaboration du Sénat avec les autres institutions ;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

3°	kubahiriza no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange;	3°	to observe and implement the decisions of the Plenary Assembly;	3°	observer et mettre en exécution les décisions de l'Assemblée plénière;
4°	gukemura ibibazo byihutirwa bigaragaye byabangamira imikorere ya Sena bidateganyijwe n'iri tegeko ngenga;	4°	to solve urgent problems not provided for in this Organic Law and that could hinder the effective functioning of the Senate;	4°	résoudre les problèmes urgents qui ne sont pas prévus par la présente loi organique susceptibles d'entraver le bon fonctionnement du Sénat;
5°	gutegura ibijya ku murongo w'ibyigwa w'Inama y'Abaperezida;	5°	to prepare the agenda of the Conference of Chairpersons;	5°	préparer l'ordre du jour de la Conférence des Présidents;
6°	kugeza ku Nama y'Abaperezida imbanzirizamushinga ya gahunda y'ibizigwa mu gihembwe gisanzwe cy'Inteko Rusange;	6°	to submit to the Conference of Chairpersons the draft agenda of the ordinary session of the Plenary Assembly;	6°	soumettre à la Conférence des Présidents le projet d'agenda de la session ordinaire de l'Assemblée plénière;
7°	gutegura no kwemeza umushinga wa gahunda y'ibizigwa mu bihembwe bidasanze igihe bibaye ngombwa;	7°	to prepare and adopt the draft agenda of extraordinary sessions if the need arises;	7°	préparer et adopter le projet de programme des sessions extraordinaires en cas de besoin;
8°	gukurikirana itegurwa ry'imbonerahamwe y'inzeho z'imirimo ya Sena no kuyishyikiriza Inama y'Abaperezida kugira ngo iyitangeho ibitekerezo;	8°	to follow up the drafting of the organizational structure of the Senate and refer it to the Conference of Chairpersons for further inputs;	8°	faire le suivi de l'élaboration du cadre organique du Sénat et le soumettre à la Conférence des Présidents pour avis;
9°	gukurikirana uburyo bwo gushaka abakozi ba Sena babishoboye no kubashyira mu myanya;	9°	to follow up the recruitment of competent personnel of the Senate and its deployment;	9°	faire le suivi du recrutement du personnel compétent pour le Sénat et de son affectation;
10°	gukurikirana ibijyanye n'umutekano mu Ngoro ya Sena;	10°	to oversee security-related matters in the building of the Senate;	10°	faire le suivi de la sécurité au sein du Palais du Sénat;
11°	gukurikirana imikorere y'amahuriro y'abagize Inteko Ishinga Amategeko;	11°	to oversee the functioning of parliamentary networks and forums;	11°	faire le suivi du fonctionnement des réseaux et forums parlementaires;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|---|--|--|
| 12° kugena inshingano z'amatsinda y'ubucuti no gukurikirana imikorere yayo; | 12° to lay down responsibilities of friendship groups and supervise their performance; | 12° déterminer les attributions des groupes d'amitié et assurer le suivi de leur fonction; |
| 13° kwakira no gusuzuma inyandiko igaragaza imitungo nyakuri y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo; | 13° to receive and assess the faithful declaration of assets of the Ombudsman, Deputy Ombudsmen and other staff members of the Office of the Ombudsman who are required to declare their assets; | 13° recevoir et analyser les déclarations des biens et patrimoine de l'Ombudsman, de ses Adjoints et celles des autres agents de l'Office de l'Ombudsman qui sont tenus de déclarer leur patrimoine; |
| 14° kwemeza ko uwari Umukuru w'Igihugu aba Umusenateri; | 14° to approve a former Head of State as Senator; | 14° approuver un ancien Chef d'État comme Sénateur; |
| 15° gukurikirana ibijyanye n'isuzumabushobozi ry'abakozi ba Sena; | 15° to monitor the performance appraisal for the staff of the Senate; | 15° superviser l'évaluation des performances du personnel du Sénat; |
| 16° gukora indi mirimo ireba Sena idashinzwe urundi rwego rw'imirimo. | 16° to perform any other activity of the Senate which are not under the responsibility of any other organ. | 16° exercer les autres fonctions relevant du Sénat qui ne sont pas attribuées à aucun autre organe. |

Ingingo ya 76: Inshingano za Perezida wa Sena

Inshingano za Perezida wa Sena ni izi zikurikira:

- 1° gukurikirana no guhuza imirimo y'inzego za Sena;
- 2° guhagararira Sena ku mugaragaro;
- 3° guhamagaza Abasenateri mu bihembwe bisanzwe n'ibidasanzwe;

Article 76: Duties of the President of the Senate

The President of the Senate has the following duties:

- 1° to follow up and coordinate activities of organs of the Senate;
- 2° to officially represent the Senate;
- 3° to convene Senators to ordinary and extraordinary sessions;

Article 76: Attributions du Président du Sénat

Les attributions du Président du Sénat sont les suivantes:

- 1° faire le suivi et la coordination des activités des organes du Sénat;
- 2° représenter officiellement le Sénat;
- 3° convoquer les Sénateurs en sessions ordinaires et extraordinaires;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

4° gutangiza no gusoza ibihembwe bisanzwe n'ibidasanzwe;	4° to open and close ordinary and extraordinary sessions;	4° procéder à l'ouverture et à la clôture des sessions ordinaires et extraordinaires;
5° gutumiza no kuyobora inama z'Inteko Rusange;	5° to convene and chair Plenary Sittings;	5° convoquer et présider les séances plénières;
6° kumenyesha Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe gahunda y'imirimu ya Sena;	6° to inform the President of the Republic and Prime Minister of the Senate's programme of activities;	6° informer le Président de la République et le Premier Ministre du programme d'activités du Sénat;
7° kugeza ku Basenateri ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri n'imigereka yabyo byashyikirijwe Biro ya Sena no kubamenyesha ahandi bashobora kubisanga;	7° to forward to Senators Cabinet decisions and their annexes as submitted to the Bureau of the Senate and inform them of other source where they can access them;	7° transmettre aux Sénateurs les décisions du Conseil des Ministres et leurs annexes parvenues au Bureau du Sénat et les informer de l'autre endroit où ils peuvent les accéder;
8° gukora ku buryo mu Nteko Rusange harangwa ituze;	8° to ensure order in the Plenary Sitting;	8° assurer l'ordre dans la séance plénière;
9° gutumiza, kuyobora inama ya Biro no guhuza imirimo yayo;	9° to convene, chair the meetings of the Bureau and coordinate its activities;	9° convoquer, présider les réunions du Bureau et coordonner ses activités;
10° gutumiza no kuyobora inama y'Inama y'Abaperezida;	10° to convene and chair the meeting of Chairpersons' Conference;	10° convoquer et présider la réunion de la Conférence des Présidents;
11° kugeza ku Basenateri raporo y'inama y'Inama y'Abaperezida;	11° to submit to the Senators the report of the meeting of Chairpersons' Conference;	11° soumettre aux Sénateurs le rapport de la réunion de la Conférence des Présidents;
12° kugeza ku Nteko Rusange, imyanzuro y'inama y'Inama y'Abaperezida kugira ngo iyemeze;	12° to submit to the Plenary Assembly, recommendations of the meeting of the Conference of Chairpersons for approval ;	12° soumettre à l'Assemblée plénière, les recommandations de la réunion de la Conférence des Présidents pour approbation;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

13°	gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama ya Biro, iy'Inama y'Abaperezida n'iy'Inteko Rusange;	13°	to oversee the implementation of decisions made by the Bureau, the Conference of Chairpersons and the Plenary Assembly;	13°	assurer le suivi de l'exécution des décisions prises par le Bureau, la Conférence des Présidents et l'Assemblée plénière;
14°	kuyobora imirimo y'inama z'Inteko Rusange igihe imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe, kandi Perezida w'Umutwe w'Abadepite atashoboye kuboneka;	14°	to chair debates of joint Plenary Sitings of both Chambers of Parliament in case the Speaker of the Chamber of Deputies is absent;	14°	diriger les débats des séances conjointes de deux Chambres du Parlement en cas d'absence du Président de la Chambre des Députés;
15°	guhuza gahunda zinyuranye z'Abasenateri zijyanye no gusura abaturage;	15°	to coordinate different activities of Senators related to field visits;	15°	coordonner les différents programmes des Sénateurs relatifs aux descentes sur terrain;
16°	guhuza gahunda zo kongera ubushobozi bwa Sena;	16°	to coordinate the Senate's capacity-building programmes;	16°	coordonner les programmes de renforcement des capacités du Sénat;
17°	gukurikirana imikorere y'Umunyamabanga Mukuru wa Sena;	17°	to oversee the activities of the Clerk to the Senate;	17°	superviser les activités du Secrétaire général du Sénat;
18°	gutsura umubano wa Sena n'izindi nzego zo mu gihugu no mu mahanga;	18°	to promote relations between the Senate and other local and foreign institutions;	18°	entretenir les relations avec les autres institutions tant nationales qu'étrangères;
19°	kwakira ubusabe bw'uwaru Umukuru w'Igihugu, usaba kuba Umusenateri.	19°	to receive the application of a former Head of State for a senatorial seat.	19°	tenir la candidature d'un ancien Chef d'État désirant être Sénateur.

Ingingo ya 77: Inshingano za Visi Perezida ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma

Inshingano za Visi Perezida ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya

Article 77: Duties of the Vice President in charge of Parliamentary Affairs

Duties of the Vice President in charge of Parliamentary Affairs are the following:

Article 77: Attributions du Vice-Président chargé des affaires parlementaires

Les attributions du Vice-Président chargé des affaires parlementaires sont les suivantes:

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni izi zikurikira:

- | | | |
|--|--|--|
| 1° kunganira Perezida wa Sena no kumusimbura igihe adahari; | 1° to assist the President of the Senate and deputise for him/her in case of his/her absence; | 1° assister le Président du Sénat et le remplacer en cas d'absence; |
| 2° gusimbura Visi Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi iyo adahari | 2° to replace the Vice President in charge of Finance and Administration in case of his/her absence; | 2° remplacer le Vice-Président chargé des finances et de l'administration en cas d'absence; |
| 3° gukurikirana imirimo ijyanye no kwiga amategeko; | 3° to follow up activities relating to the consideration of laws; | 3° assurer le suivi des activités relatives à l'examen des lois; |
| 4° gukurikirana imirimo ijyanye no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga n'iry'ibiteganywa mu ngingo ya 56 n'ya 57 z'Itegeko Nshinga; | 4° to follow up activities relating to the monitoring of the application of the fundamental principles specified in Article 10 and that of provisions of Articles 56 and 57 of the Constitution; | 4° assurer le suivi des activités relatives à l'application des principes fondamentaux énoncés à l'article 10 et de celle des dispositions des articles 56 et 57 de la Constitution; |
| 5° gukurikirana imirimo ijyanye n'iyemezwa ry'Abayobozi; | 5° to monitor the process of approving the appointment of officials; | 5° assurer le suivi du processus d'approbation de nominations des autorités; |
| 6° gukurikirana no guhuza ibikorwa bya Komisiyo; | 6° monitor and coordinate the activities of Committees; | 6° assurer le suivi et coordination des activités des commissions; |
| 7° gukurikirana imirimo ijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma; | 7° to follow up activities relating to the oversight of the Executive action; | 7° assurer le suivi des activités relatives au contrôle de l'action gouvernementale; |
| 8° gukurikirana ibyerekeye imikoranire ya Sena n'izindi nzego zo mu Gihugu n'izo mu mahanga; | 8° to follow up relations between the Senate and other local and foreign institutions; | 8° assurer le suivi des relations du Sénat avec les autres institutions nationales et étrangères; |

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|--|---|---|
| 9° gukurikirana imirimo y'Abasenateri ijyanye no gusura abaturatione; | 9° to follow up activities relating to field visits of Senators to the population; | 9° faire le suivi des activités des Sénateurs en rapport avec la visite à la population; |
| 10° kugena amabwiriza yerekeye amatora y'abagize Biro za Komisiyo na Komite bya Sena n'abahagararira Sena mu Miryango Mpuzamahanga no kuyobora ayo matora; | 10° to lay down rules governing elections of members of Bureaus of Committees and representatives of the Senate to the inter-parliamentary organisations and supervise those elections; | 10° mettre en place les règles régissant les élections des membres des Bureaux des Commissions et celles des représentants du Sénat auprès des organisations interparlementaires ainsi que diriger ces élections; |
| 11° gukora indi mirimo yose yasabwa na Biro cyangwa Inteko Rusange. | 11° to perform such other duties as may be assigned to him/her by the Bureau or the Plenary Assembly. | 11° assurer toutes les autres tâches qui lui seraient confiées par le Bureau ou l'Assemblée plénière. |

Ingingo ya 78: Inshingano za Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi

Inshingano za Visi Perezida wa Sena ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi ni izi zikurikira:

- 1° kunganira Perezida wa Sena no kumusimbura igihe we na Visi Perezida ubifite mu nshingano ze z'ibanze badahari;
- 2° gusimbura Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma igihe adahari;

Article 78: Duties of the Vice President in charge of Finance and Administration

Duties of the Vice President in charge of Finance and Administration are the following:

- 1° to assist the President of the Senate and deputize for him/her in case he/she is absent like the Vice President primarily in charge of this duty;
- 2° to replace the Vice President in charge of Parliamentary Affairs in his/her absence;

Article 78: Attributions du Vice-Président chargé des finances et de l'administration

Les attributions du Vice-Président chargé des finances et de l'administration sont les suivantes:

- 1° assister le Président du Sénat et le remplacer lorsque lui et le Vice-Président qui en est spécialement chargé sont absents ou empêchés;
- 2° remplacer le Vice-Président chargé des affaires parlementaires en cas d'absence

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | | | | |
|----|--|----|---|----|---|
| 3° | gukurikirana mu rwego rw'imari n'ubutegetsi, ibifasha Abasenateri kugera ku nshingano zabo; | 3° | to monitor activities meant to financially and administratively support the Senators to discharge their duties; | 3° | sivre de près toute activité tant financière qu'administrative de nature à appuyer le travail des Sénateurs pour s'acquitter de leurs attributions; |
| 4° | gukurikirana imirimo ijyanye n'icungamutungo n'ubutegetsi; | 4° | to follow up financial management and administrative affairs; | 4° | assurer le suivi des activités relatives à la gestion financière et à l'administration; |
| 5° | gukurikirana imirimo ijyanye n'itegurwa ry'ingengo y'imari ya Sena n'ishyirwamubikorwa ndetse n'icungire yayo; | 5° | to follow up activities related to the preparation, implementation and management of the budget of the Senate; | 5° | faire le suivi des activités relatives à l'élaboration du budget du Sénat, de son exécution et de sa gestion; |
| 6° | gukurikirana uburyo bwo gushaka abakozi ba Sena babishoboye; | 6° | to follow up the recruitment of competent personnel in the Senate; | 6° | faire le suivi du recrutement du personnel compétent pour le Sénat; |
| 7° | gukurikirana imikorere y'umugenzuzi bwite wa Sena; | 7° | to supervise the work of the internal auditor of the Senate; | 7° | assurer la supervision de l'auditeur interne du Sénat; |
| 8° | gukurikirana ibijyanye n'isuzumabushobozi ry'abakozi ba Sena; | 8° | to ensure the performance appraisal for the staff of the Senate; | 8° | assurer l'évaluation des performances pour le personnel du Sénat; |
| 9° | gukora indi mirimo yose yasabwa na Biro cyangwa Inteko Rusange. | 9° | to perform such other duties as may be assigned to him/her by the Bureau or the Plenary Assembly. | 9° | assurer toute autre tâche qui lui serait confiée par le Bureau ou l'Assemblée plénière. |

Akiciro ka 2: Imikorere ya Biro ya Sena

Ingingo ya 79: Iterana n'ifatwa ry'ibyemezo by'inama za Biro ya Sena

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 44 y'iri tegeko ngenga, inama ya Biro ya Sena iterana rimwe mu cyumweru n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Ibyemezo by'inama ya Biro ya Sena bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize.

Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse ikibazo gishyikirizwa Inama y'Abaperezida ikagifataho umwanzuro bisabwe na Perezida cyangwa umwe mu ba Visi Perezida.

Iyo Inama y'Abaperezida idashoboye kucyumvikanaho, gishyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho umwanzuro bwa nyuma.

Inama ya Biro ikorerwa raporo ishyirwaho umukono n'uwayoboye inama n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura igihe adahari, ari na we mwanditsi wayo.

Subsection 2: Functioning of the Bureau of the Senate

Article 79: Holding meetings of the Bureau of the Senate and decision making process

Subject to the provisions of Article 44 of this Organic Law, the Bureau of the Senate meets once a week and any other time when need be.

Decisions of the Bureau of the Senate are made by its members by consensus.

If there is no consensus, the matter under consideration is referred to the Conference of Chairpersons for decision upon request by the President or by one of the Vice Presidents.

Where there is no consensus by the Conference of Chairpersons, the matter is referred to the Plenary Assembly for a final decision.

The meeting of the Bureau is subject to a report which is signed by the chair of the meeting and the Clerk of the Senate or, in his/her absence, by his/her representative, who also serves as its rapporteur.

Sous-section 2: Fonctionnement du Bureau du Sénat

Article 79: Tenue des réunions du Bureau du Sénat et les modalités de prise de décisions

Sous réserve des dispositions de l'article 44 de la présente loi organique, le Bureau du Sénat se réunit une fois par semaine et chaque fois que de besoin.

Les décisions du Bureau du Sénat sont prises par ses membres par consensus.

Lorsque le consensus n'est pas atteint, le sujet en discussion est soumis à la Conférence des Présidents pour décision, sur demande du Président ou de l'un des Vice-présidents.

En l'absence d'un consensus par la Conférence des Présidents, la question est soumise à l'Assemblée plénière pour décision finale.

La réunion du Bureau fait l'objet d'un rapport signé par le président de la réunion et le Secrétaire général du Sénat ou, en son absence, par son remplaçant, qui en est le rapporteur.

Ingingo ya 80: Kugezwaho no kugenzura inyandiko z'umutungo z'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi

Inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo, ishyikirizwa Biro ya Sena hakurikijwe amategeko abigenga.

Mu kugenzura imitungo nyakuri y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo, Biro ya Sena igenzura ukuri ku nyandiko yatanzwe n'aho umutungo waturutse.

Biro ya Sena ishobora kandi kwifashisha izindi nzego za Leta zibifitiye ububasha kugira ngo hakurikiranwe ibibazo bishingiye ku imenyekanisha ry'umutungo.

Akiciro ka 3: Kuva mu mwanya kw'ugize Biro ya Sena n'isimburwa rye

Ingingo ya 81: Impamvu zo kuva mu mwanya w'ugize Biro ya Sena

Umwe mu bagize Biro ya Sena ava mu mwanya iyo yeguye cyangwa agize impamvu ihoraho imubuza kuba mu bagize Biro ya Sena.

Article 80: Submission and verification of declaration of assets from officials of the Office of the Ombudsman

The declaration of assets of the Ombudsman, Deputy Ombudsman and other officials of the Office of the Ombudsman, who are required to declare their assets, is submitted to the Bureau of the Senate in accordance with relevant laws.

The verification of assets of the Ombudsman, Deputy Ombudsman and other officials of the Office of the Ombudsman, who are required to declare their assets as carried out by the Bureau of the Senate consists of identifying the reliability of the declarations and sources of assets.

The Bureau of Senate can seek the assistance of other relevant public organs in scrutinising the problems pertaining to the declarations of assets.

Subsection 3: Loss of position as member of the Bureau of the Senate and replacement procedure

Article 81: Grounds for loss of position as member of the Bureau of the Senate

One of members of the Senate Bureau loses his/her position upon resignation or due to other reason leading to permanent incapacity to be among members of the Bureau of the Senate.

Article 80: Transmission et vérification de déclaration du patrimoine émanant des agents de l'Office de l'Ombudsman

Les déclarations du patrimoine de l'Ombudsman, de ses Adjoints et celles des autres agents de l'Office de l'Ombudsman qui sont tenus de déclarer leurs biens doivent parvenir au Bureau du Sénat conformément à la législation en la matière.

La vérification faite par le Sénat porte sur la véracité des déclarations et sur les sources du patrimoine de l'Ombudsman, de ses Adjoints et celles des autres agents de l'Office de l'Ombudsman qui sont tenus de déclarer leurs biens.

Le Bureau du Sénat peut se faire assister par d'autres organes publics compétents pour que soient poursuivis les problèmes qui découlent des déclarations des biens et patrimoines.

Sous-section 3: Perte de la qualité de membre du Bureau du Sénat et la procédure de remplacement

Article 81: Causes de la perte de la qualité de membre du Bureau du Sénat

L'un des membres du Bureau du Sénat quitte ses fonctions suite à sa démission ou incapacité permanente l'empêchant d'être parmi les membres du Bureau du Sénat.

Ingingo ya 82: Iyegura ry'abagize Biro

Iyo Perezida wa Sena yeguye ku mwanya w'ubuyobozi bwa Sena yandikira abagize Inteko Rusange akabimenyesha Perezida wa Repubulika.

Iyo umwe mu ba Visi Perezida ba Sena cyangwa bombi beguye ku mirimo y'ubuyobozi bwa Sena, buri wese yandikira Perezida wa Sena akamenyesha Perezida wa Repubulika.

Mu gihe abagize Biro bose beguriye rimwe mu mirimo yabo, buri wese yandikira abagize Inteko Rusange akabimenyesha Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 83: Gutumiza inama y'Inteko Rusange yo kwemeza ko umwe cyangwa bose mu bagize Biro ya Sena bavuye mu myanya

Mu gihe Perezida wa Sena avuye mu mwanya we burundu, Visi Perezida ushinze gukurikirana iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma atumiza kandi akanayobora inama yo kubyemeza. Amenyeshya inzego bireba ko Perezida wa Sena yavuye muri uwo mwanya burundu.

Article 82: Resignation of members of the Bureau

Where the President of the Senate resigns as Senate Leader, he/she addresses his/her resignation letter to Plenary Assembly with a copy to the President of the Republic.

In case of resignation from the leadership of the Senate of one or both Vice Presidents, the resigning person individually addresses his/her resignation letter to the President of the Senate with a copy to the President of the Republic.

In case of resignation of all members of the Bureau at the same time, each resigning member individually addresses his/her resignation letter to the Plenary Assembly with a copy to the President of the Republic.

Article 83: Convening the Plenary Sitting set to state the vacation of duties of one or all members of the Bureau

When the President of the Senate definitively vacates his/her position, the Vice President of the Senate in charge of Parliamentary Affairs convenes and chairs a Plenary Sitting to state that complete vacation. He/she notifies relevant authorities of the definitive vacation of office of the President of the Senate.

Article 82: Démission des membres du Bureau

Lorsque le Président du Sénat démissionne de ses fonctions de responsabilité à la tête du Sénat, il adresse sa lettre de démission à l'Assemblée plénière et en réserve copie au Président de la République.

Lorsqu'il s'agit de la démission des fonctions de la direction du Sénat de l'un ou de deux Vice-Présidents, le démissionnaire concerné adresse sa lettre de démission au Président du Sénat et en réserve copie au Président de la République.

Lorsque tous les membres du Bureau démissionnent en même temps, chaque démissionnaire adresse sa lettre de démission à l'Assemblée plénière et en réserve copie au Président de la République.

Article 83: Convocation de la séance plénière pour constater la cessation des fonctions d'un membre ou tous les membres du Bureau

Lorsque le Président du Sénat cesse définitivement ses fonctions, le Vice-Président chargé des affaires parlementaires convoque et préside la séance consacrée à l'approuver. Il informe les organes concernés de la cessation définitive de fonction du Président du Sénat.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Mu gihe babiri mu bagize Biro ya Sena bavuye mu mirimo yabo, inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kubyemeza burundu itumizwa kandi ikayoborwa n'usigaye mu bagize Biro, yungirijwe n'Umusenateri mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi muri Sena. Usigaye mu bagize Biro ni na we umenyeshya inzego bireba ko abandi bagize Biro batakiri mu myanya.

Mu gihe abagize Biro bose bavuye mu mirimo yabo, inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kubyemeza burundu itumizwa kandi ikayoborwa n'Umusenateri mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi muri Sena kandi akamenyeshya inzego bireba ko abagize Biro bavuye mu mirimo yabo burundu.

Umwe mu bagize Biro usigaye cyangwa Umusenateri mukuru mu myaka y'amavuko akora imirimo isanzwe ya Sena uretse kuyobora Inteko Rusange.

Utumiza inama y'Inteko Rusange idasanzwe yo kwemeza ko umwe cyangwa bose mu bagize Biro ya Sena bavuye mu myanya, ayitumiza abyibwirije cyangwa abisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize

When two members of the Bureau of the Senate vacate their offices, the extraordinary sitting of the Plenary Assembly devoted to approving such vacation of office is convened and presided over by the remaining member of the Bureau, assisted by the eldest Senator among the longest serving members. The remaining member of the Bureau also notifies relevant authorities that the offices of other members of the Bureau are vacated.

If the offices of the entire Bureau are vacated, the eldest Senator among the longest serving members convenes and chairs the extraordinary sitting of the Plenary Assembly devoted to approving such vacation of offices. He/she also notifies relevant authorities that the offices of the entire Bureau are vacated.

The remaining Member of the Bureau or the eldest Senator runs the recurrent business of the Senate with the exception of that of chairing the Plenary Sitting.

The person allowed to convene an extraordinary Plenary Sitting dedicated to declare as vacant office of one or all members of the Bureau does so upon his/her initiative or upon request in writing by at least a third (1/3) of members of

Lorsque deux membres du Bureau du Sénat cessent définitivement leurs fonctions, la séance extraordinaire de l'Assemblée plénière consacrée à l'approbation de leur cessation définitive de fonction est convoquée et présidée par le membre du Bureau restant, assisté par le Sénateur le plus âgé parmi les Sénateurs ayant le plus d'ancienneté au Sénat. Il informe également les organes concernés de la cessation définitive de fonction des autres membres du Bureau.

Lorsque tous les membres du Bureau cessent définitivement leurs fonctions, la séance extraordinaire de l'Assemblée plénière consacrée à l'approbation de leur cessation définitive de fonction est convoquée et présidée par le Sénateur le plus âgé parmi les Sénateurs ayant le plus d'ancienneté au Sénat. Il informe les organes compétents de la cessation définitive de fonction de tous les membres du Bureau.

Le membre du Bureau restant ou le Sénateur le plus âgé assure la gestion des affaires courantes du Sénat, excepté la présidence de la séance plénière.

La personne habilitée convoque la séance plénière extraordinaire consacrée à la constatation de cessation des fonctions d'un membre ou tous les membres du Bureau de son initiative ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) des membres du Sénat,

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Sena, bitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi guhera igihe aboneye inyandiko ibisaba.

Ingingo ya 84: Ububasha bwo kwemeza ko abagize Biro ya Sena bavuye mu myanya

Inteko Rusange ya Sena ni yo yemeza ko Perezida, umwe mu ba Visi Perezida ba Sena cyangwa bombi, cyangwa abagize Biro bose bavuye burundu mu mirimo yabo.

Icyo cyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari bakoraniye mu nama y'Inteko Rusange.

Ingingo ya 85: Isimburwa rya Perezida wa Sena

Iyo Perezida wa Sena avuye muri uwo mwanya burundu cyangwa agiye gusimbura by'agateganyo Perezida wa Repubulika, Visi Perezida ushinzwe ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni we ukomeza imirimo ye mu gihe hagitegerejwe amatora ya Perezida wa Sena mushya cyangwa ko uwari usanzwe muri uwo mwanya agaruka ku mirimo ye.

the Senate, within two (2) working days from the date of the receipt of the request.

Article 84: Powers to declare as vacant the office of members of the Bureau of the Senate

The Plenary Assembly of the Senate has the power to declare the office of the President, one or both Vice Presidents, or all members of the Bureau definitively vacant.

Such a decision is made by an absolute majority vote of the Members present in a Plenary Sitting.

Article:85: Replacement of the President of the Senate

When the President of the Senate definitively leaves office or is temporarily acting as President of the Republic, the Vice-President in charge of Parliamentary Affairs acts until the new President of the Senate is elected or the President of the Senate resumes office.

dans les deux (2) jours ouvrables suivant la réception de la demande.

Article 84: Pouvoir de constater la cessation des fonctions des membres du Bureau du Sénat

La cessation définitive des fonctions du Président du Sénat, de l'un ou des deux Vice-Présidents du Sénat ou de tous les membres du Bureau est constatée par l'Assemblée plénière.

Cette décision est prise à la majorité absolue des voix des Sénateurs réunis en séance plénière.

Article 85: Remplacement du Président du Sénat

Lorsque le Président du Sénat quitte définitivement son poste ou lorsqu'il remplace temporairement le Président de la République, le Vice-président chargé des affaires parlementaires continue le mandat du Président du Sénat en attendant les élections d'un nouveau Président du Sénat ou que le Président du Sénat regagne son poste.

Icyiciro cya 5: Inshingano n’Imikorere bya Komisiyo

Akiciro ka mbere: Inshingano za Komisiyo

Ingingo ya 86: Inshingano zihuriweho na Komisiyo zihoraho za Sena

Komisiyo zihoraho za Sena zihuriye ku nshingano zikurikira:

- 1° kugenzura ishyingirwa mu bikorwa ry’amahame remezo;
- 2° gusuzuma imishinga y’amategeko;
- 3° kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;
- 4° gusuzuma dosiye zerekeye iyemezwa ry’abayobozi;
- 5° gusuzuma raporo z’ibikorwa by’Inzego za Leta zishyikirizwa Inteko Ishingira Amategeko;
- 6° gusuzuma ibibazo by’abaturage byashyikirijwe Sena.

Iyo bibaye ngombwa, Inteko Rusange cyangwa Biro ya Sena ishobora guha Komisiyo izindi nshingano.

Section 5: Responsibilities and functioning of Committees

Subsection One: Responsibilities of Committees

Article 86: Common responsibilities for all Standing Committees of the Senate

Standing Committees of the Senate share the following responsibilities:

- 1° to monitor the application of fundamental principles;
- 2° to consider bills;
- 3° to carry out oversight of the Executive action;
- 4° to analyse documents related to the approval of appointments of officials;
- 5° to analyse activity reports of public institutions as tabled before the Parliament;
- 6° to examine the petitions of the population submitted to the Senate.

Where considered necessary, the Plenary Assembly or the Bureau of the Senate can assign other responsibilities to Committees.

Section 5: Attributions et fonctionnement des Commissions

Sous-section première: Attributions des Commissions

Article 86: Attributions communes à toutes les Commissions permanentes du Sénat

Les Commissions permanentes du Sénat ont en commun les attributions suivantes:

- 1° faire le suivi d’application des principes fondamentaux;
- 2° examiner les projets de loi;
- 3° faire le contrôle de l’action gouvernementale;
- 4° analyser les dossiers relatifs à l’approbation des nominations des autorités;
- 5° analyser des rapports des institutions publiques soumettant leurs rapports au Parlement;
- 6° traiter les pétitions de la population adressées au Sénat.

En cas de besoin, l’Assemblée plénière ou le Bureau du Sénat peut confier d’autres tâches aux Commissions.

Ingingo ya 87: Inshingano z'umwihariko za Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere

Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere ifite inshingano yo kugenzura ishyirwamubikorwa ry'amahame remezo akurikira:

- 1° gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize;
- 2° kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiyeye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo.

Ku bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere ifite inshingano zirebana na:

- 1° gusesengura raporo zerekeye amatora ya referendumu n'andi matora;
- 2° ibijyanye n'ubutegetsi bw'igihugu n'imiyoborere;

Article 87: Specific responsibilities of the Committee on Political Affairs and Governance

The Committee on Political Affairs and Governance is responsible for monitoring the application of the following fundamental principles:

- 1° equitable power sharing;
- 2° to build a State governed by the rule of law, a pluralistic democratic Government, equality of all Rwandans and between men and women which is affirmed by women occupying at least thirty percent (30%) of positions in decision-making organs.

In terms of oversight of the Executive action, the Committee on Political Affairs and Governance is responsible for:

- 1° scrutinising reports relating to the referendum and other types of elections;
- 2° dealing with issues related to territory administration and governance;

Article 87 : Attributions spécifiques de la Commission Politique et de la Gouvernance

La Commission Politique et de la Gouvernance est chargée de faire le suivi d'application des principes fondamentaux suivants:

- 1° partage équitable du pouvoir;
- 2° édifier un État de droit et du régime démocratique pluraliste, égalité de tous les Rwandais et égalité entre hommes et femmes reflétée par l'attribution aux femmes au moins trente pour cent (30%) des postes dans les instances de prise de décisions.

En matière du contrôle de l'action gouvernementale, la Commission politique et de la gouvernance est chargée:

- 1° d'analyser des rapports relatifs aux élections référendaires et autres élections;
- 2° des affaires relatives à l'administration du territoire et la gouvernance;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

3° gukurikirana imikorere y'imitwe ya politiki n'imyitwarire y'abanyapolitiki;	3° monitoring the functioning of political organisations and the ethics of politicians;	3° faire le suivi du fonctionnement des formations politiques et l'éthique des politiciens;
4° ibijyanye n'ubutabera n'imikoranire y'inzego;	4° monitoring justice and institutional relations;	4° des affaires liées à la justice et aux relations institutionnelles;
5° ibijyanye n'iyubahirizwa ry'amategeko mpanabyaha, ayerekeye imitunganyirize n'ububasha by'inkiko n'ay'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;	5° monitoring the enforcement of criminal legislation, organisation and jurisdiction of Courts and criminal procedures;	5° des affaires liées à la législation pénale, l'organisation et compétence des cours et tribunaux ainsi que la procédure pénale;
6° ibijyanye n'ishyirwaho, ihindurwa, imikorere n'ivanwaho ry'inzego za Leta.	6° overseeing the establishment, restructuring, functioning and removal of public institutions.	6° des affaires relatives à la création, au changement, au fonctionnement et à la suppression des institutions publics.

Komisiyo ifite kandi inshingano yihariye yo gusuzuma ivugurura ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

The Committee also has a specific responsibility to consider the amendment of the Constitution of the Republic of Rwanda.

En outre, la Commission est spécifiquement chargée d'examiner la révision de la Constitution de la République du Rwanda.

Ingingo ya 88: Inshingano z'umwihariko za Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari

Article 88: Specific responsibilities of the Committee on Economic Development and Finance

Article 88: Attributions spécifiques de la Commission du Développement économique et des Finances

Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ifite inshingano yihariye yo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ihame remezo ryo kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo.

The Committee on Economic Development and Finance is responsible for specifically monitoring the application of the fundamental principle of building a State committed to promoting social welfare and establishing appropriate mechanisms for equal opportunity to social justice.

La Commission du Développement économique et des Finances est chargée de faire le suivi d'application du principe fondamental d'édifier un État voué au bien-être de la population et de créer des mécanismes appropriés pour faciliter l'accès à la justice sociale.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Ku bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ifite inshingano zirebana na:

- 1° ubukungu n'ubucuruzi;
- 2° imari n'igenamigambi;
- 3° ubuhinzi;
- 4° ubworozi;
- 5° amashyamba;
- 6° ingufu n'amazi;
- 7° umutungo kamere;
- 8° imirimo ya Leta, gutwara abantu n'ibintu;
- 9° itumanaho;
- 10° ubutaka, imiturire no kurengera ibidukikije.

Komisiyo ifite kandi inshingano yo :

- 1° gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari ya Sena;

As far as oversight of the Executive action is concerned, the Committee on Economic Development and Finance has responsibility in the following domains:

- 1° economy and trade;
- 2° finance and planning;
- 3° agriculture;
- 4° livestock;
- 5° forestry;
- 6° energy and water;
- 7° natural resources;
- 8° public works and transportation of persons and goods;
- 9° communication;
- 10° land, housing and environmental protection.

Also, the Committee is responsible for:

- 1° examining the draft budget of the Senate;

En ce qui concerne le contrôle de l'action gouvernementale, les attributions de la Commission du Développement Économique et des Finances portent sur les domaines suivants :

- 1° économie et commerce;
- 2° finances et planification;
- 3° agriculture;
- 4° élevage;
- 5° forêts;
- 6° eau et énergie;
- 7° ressources naturelles;
- 8° travaux publics et transport des personnes et des biens;
- 9° communication;
- 10° affaires foncières, habitat et protection de l'environnement.

La Commission est chargée également de :

- 1° examiner le projet du budget du Sénat;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

2° gutanga ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu.

Ingingo ya 89: Inshingano z'umwihariko za Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, ubutwererane n'Umutekano

Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, ubutwererane n'Umutekano ifite inshingano yihariye yo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ihame remezo ryo gukumira no guhana icyaha cya Jenocide, kurwanya ihakana n'ipfobyanya bya Jenocide no kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenocide n'ibyo igaragariramo byose.

Ku bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano ishinzwe gukurikirana ibirebana na:

- 1° ishyirwamubikorwa rya politiki y'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane;
- 2° amasezerano mpuzamahanga;
- 3° imikorere y'Ambasade z'u Rwanda mu mahanga;
- 4° porotokole ya Leta muri rusange;

2° providing opinions on the draft State Budget before it is adopted at a final stage.

Article 89: Specific responsibilities of the Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security

The Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security is specifically responsible for monitoring the application of the fundamental principle of prevention and punishment of the crime of genocide, fighting against denial and revisionism of Genocide as well as eradication of genocide ideology and all its manifestations.

Regarding the oversight of the Executive action, the Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security is responsible for monitoring the following:

- 1° the implementation of foreign affairs and cooperation policy;
- 2° international agreements;
- 3° the functioning of Rwanda foreign missions;
- 4° State protocol in general;

2° donner l'avis sur le projet du budget de l'État avant son adoption définitive.

Article 89: Attributions spécifiques de la Commission des Affaires étrangères, de la Coopération et de la Sécurité

La Commission des Affaires étrangères, de la Coopération et de la Sécurité est chargée de faire le suivi d'application du principe fondamental de prévention et répression du crime de génocide, lutte contre le négationnisme et le révisionnisme du Génocide ainsi que l'éradication de l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations.

Concernant le contrôle de l'action gouvernementale, la Commission des Affaires Étrangères, de la Coopération et de la Sécurité est chargée de faire le suivi de ce qui suit:

- 1° mise en œuvre de la politique des affaires étrangères et de la coopération;
- 2° accords internationaux;
- 3° fonctionnement des Ambassades du Rwanda;
- 4° protocole de l'État en général;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

5° umutekano no kurinda Igihugu;

6° imitunganyirize y'inzego z'umutekano;

7° Abanyarwanda baba mu mahanga.

5° national security and integrity;

6° the organisation of Security organs;

7° Rwandan nationals living abroad.

5° sécurité et intégrité nationale;

6° organisation des services de sécurité;

7° citoyens rwandais vivant à l'étranger.

Ingingo ya 90: Inshingano z'umwihariko za Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu

Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu ifite inshingano yihariye yo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo akurikira:

1° kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;

2° gushaka buri gihe umuti w'ibibazo mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.

Ku bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, Komisiyo ifite inshingano zirebana na:

1° imibereho y'abaturage;

2° iterambere ry'umuryango;

3° urubyiruko;

Article 90: Specific responsibilities of the Committee on Social Affairs and Human Rights

The Committee on Social Affairs and Human Rights is specifically responsible for monitoring the application of the following fundamental principles:

1° eradication of discrimination and divisionism based on ethnicity, region or on any other ground as well as promotion of national unity;

2° constant quest for solutions through dialogue and consensus.

Regarding the oversight of the Executive Action, the Committee on Social Affairs and Human Rights is responsible for:

1° social affairs;

2° family promotion;

3° youth;

Article 90: Attributions spécifiques de la Commission des Affaires sociales et des Droits de l'Homme

La Commission des Affaires sociales et des Droits de l'Homme est spécialement chargée de faire le suivi de l'application des principes fondamentaux suivants:

1° éradication des discriminations et divisions ethniques, régionales ou autres et promotion de l'unité nationale;

2° recherche constante de solutions par la voie du dialogue et du consensus.

Concernant le contrôle de l'action gouvernementale, la Commission des Affaires sociales et des Droits de l'Homme est chargée de:

1° affaires sociales;

2° promotion de la famille;

3° jeunesse;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

4° ubuzima;	4° health;	4° santé;
5° kurwanya SIDA n'izindi ndwara z'ibyorezo;	5° fight against AIDS and other pandemics;	5° lutte contre le SIDA et autres pandémies;
6° uburezi;	6° education;	6° éducation;
7° ubushakashatsi n'ikoranabuhanga;	7° research and technology;	7° recherche et technologie;
8° umuco;	8° culture;	8° culture;
9° siporo;	9° sports;	9° sports;
10° abakozi, umurimo n'ubwiteganyirize;	10° workers, employment and social security;	10° travailleurs, emploi et sécurité sociale;
11° uburenganzira bwa Muntu.	11° human rights.	11° droits de l'homme.

Ingingo ya 91: Inshingano za Perezida wa Komisiyo

Perezida wa Komisiyo afite inshingano zikurikira :

- 1° guhuza ibikorwa bya Komisiyo;
- 2° gutumiza no kuyobora inama za Komisiyo;
- 3° koherereza Biro ya Sena raporo z'ibikorwa bya Komisiyo;

Article 91: Duties of the Chairperson of the Committee

The Chairperson of the Committee has the following duties:

- 1° to coordinate all activities of the Committee;
- 2° to convene and chair meetings of the Committee;
- 3° to submit to the Bureau of the Senate activity reports of the Committee;

Article 91: Attribution du Président de Commission

Le Président de Commission a les attributions suivantes:

- 1° assurer la coordination des activités de la Commission;
- 2° convoquer et présider les réunions de la Commission;
- 3° transmettre les rapports d'activités de la Commission au Bureau du Sénat;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|---|--|---|
| 4° kugeza ku Nteko Rusange raporo z'ibikorwa bya Komisiyo; | 4° to table activity reports of the Committee before the Plenary Assembly; | 4° présenter les rapports d'activités de la Commission à l'Assemblée plénière; |
| 5° kuba umuvugizi wa Komisiyo; | 5° to serve as the rapporteur of the Committee; | 5° servir de rapporteur de Commission; |
| 6° gukora indi nshingano yose yahabwa na Biro ya Sena cyangwa Inteko Rusange. | 6° to perform such other duties as may be assigned to him/her by the Bureau of the Senate or the Plenary Assembly. | 6° remplir d'autres tâches que peut lui confier le Bureau du Sénat ou l'Assemblée plénière. |

Ingingo ya 92: Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo

Visi Perezida wa Komisiyo afite inshingano zikurikira:

- 1° kunganira Perezida wa Komisiyo no kumusimbura mu mirimo ye igihe adahari ;
- 2° gutegura gahunda z'imirimo n'iz'inama bya Komisiyo ;
- 3° gukurikirana itegurwa rya raporo z'ibikorwa bya Komisiyo;
- 4° gukora indi nshingano yose yahabwa na Biro ya Sena cyangwa Inteko Rusange.

Article 92: Duties of the Deputy Chairperson of the Committee

The Deputy Chairperson of the Committee has the following duties:

- 1° to assist the Chairperson of the Committee and deputise for him/her when absent;
- 2° to make a plan of activities and organise meetings of the Committee;
- 3° to follow up the drafting process of activity reports of the Committee;
- 4° to perform any other task as may be assigned to him/her by the Bureau of the Senate or the Plenary Assembly.

Article 92: Attributions du Vice-Président de Commission

Le Vice-Président de Commission a les attributions suivantes:

- 1° assister le Président de Commission et le suppléer en cas d'absence;
- 2° élaborer le plan d'activités et organiser les réunions de Commission;
- 3° superviser l'élaboration des rapports d'activités de Commission;
- 4° remplir d'autres tâches que peut lui confier le Bureau du Sénat ou l'Assemblée plénière.

Akiciro ka 2: Imikorere ya Komisiyo

Ingingo ya 93: Itumizwa ry'inama ya Komisiyo

Inama ya Komisiyo itumizwa mu nyandiko na Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi-Perezida wa Komisiyo iyo Perezida adahari, bikamenyeshwa Biro ya Sena n'abandi Basenateri, hakoreshejwe bumwe mu buryo bw'itumanaho cyangwa bwose iyo bishoboka.

Inyandiko itumira igaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa bigenwa na Biro ya Komisiyo, umunsi, isaha n'aho inama izabera.

Perezida wa Sena ashobora kandi gutumiza inama ya Komisiyo.

Umunsi, isaha n'ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama ya Komisiyo bitangazwa mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane (24) mbere y'uko inama iterana, hakoreshejwe bumwe mu buryo bw'itumanaho cyangwa bwose iyo bishoboka. icyakora, igihe giteganywa muri iki gika gishobora guhinduka igihe bibaye ngombwa.

Subsection 2: Functioning of the Committee

Article 93: Convening the meeting of the Committee

The meeting of the Committee is convened in writing by the Chairperson of the Committee or the Deputy Chairperson of the Committee if the Chairperson is absent, and is notified to the Bureau of the Senate and other Senators, through one or all means of communication depending on possibilities.

The invitation letter indicates the date, hour and items on the agenda laid down by the Bureau of the Committee.

The President of the Senate can also convene the meeting of the Committee.

The date, time and the agenda of meetings of the Committee are announced within twenty four (24) hours before the meeting is held, via one or all means of communication depending on possibilities. However, the time limit referred to in this Paragraph can change where necessary.

Sous-section 2: Fonctionnement de la Commission

Article 93: Convocation de la réunion de Commission

La réunion de Commission est convoquée par écrit par son Président ou, en cas d'absence, par son Vice-Président et elle est notifiée au Bureau du Sénat et aux autres Sénateurs à travers un ou tous les moyens de communication, selon les possibilités.

La lettre d'invitation doit indiquer la date, l'heure et les points à l'ordre du jour tels qu'établis par le Bureau de Commission.

Le Président du Sénat peut également convoquer la réunion de Commission.

La date, l'heure et l'ordre du jour des réunions de Commission sont annoncés vingt-quatre (24) heures avant leur tenue à travers l'un ou tous les moyens de communication selon les possibilités. Toutefois, le délai visé au présent alinéa peut changer chaque fois que de besoin.

Ingingo ya 94: Aho inama ya Komisiyo iteranira

Buri Komisiyo igira icyumba cyihariye ikoreramo inama zayo n'icyumba Biro yayo ikoreramo. Igira kandi abakozi bayunganira n'ibikoresho byo mu biro.

Iyo bibaye ngombwa, Biro ya Komisiyo ibyumvikanyeho na Biro ya Sena, Komisiyo ishobora guteranira ahandi hatari mu Ngoro ya Sena hakubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 93 n'iya 98 z'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 95: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komisiyo iterane n'ifatwari icyemezo

Kugira ngo inama ya Komisiyo iterane hagomba kuboneka nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize.

Icyemezo cya Komisiyo gifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari kandi bemerewe gutora.

Iyo ku nshuro ya kabiri icyemezo kitabonye amajwi ya ngombwa, ingingo yasuzumwaga yimurirwa mu nama ya Komisiyo ikurikiraho.

Article 94: Venue for the meeting of the Committee

Each Committee has a separate room for holding its meetings and an office for its Bureau. It also has a staff and office equipment.

Where necessary, the Committee can meet in a location other than the Senate Building, after consultation between its Bureau and the Bureau of the Senate while abiding by the provisions of Articles 93 and 98 of this Organic Law.

Article 95: Quorum for holding the meeting of the Committee and decision-making

For the Committee meeting to be held, at least three-fifths (3/5) of its members must be present.

Decisions of the Committee meeting are made by consensus. Otherwise, they are made by an absolute majority vote of Senators present and who are allowed to vote.

Where the decision fails to collect the majority vote required for the second time, the matter under consideration is deferred to the next meeting of the Committee.

Article 94: Lieu de la réunion de Commission

Chaque Commission dispose d'un local distinct pour la tenue de ses réunions et d'un local de travail pour les membres de son Bureau. Elle dispose également d'un personnel et du matériel de bureau.

En cas de nécessité et après consultation entre le Bureau de Commission et le Bureau du Sénat, la Commission peut siéger en dehors du Palais du Sénat dans le respect des conditions prévues aux articles 93 et 98 de la présente loi organique.

Article 95: Quorum pour la tenue de réunion de Commission et prise de décision

Pour siéger, la Commission doit compter au moins trois cinquièmes (3/5) de ses membres.

Les décisions des réunions de Commission sont prises par consensus. À défaut, elles sont prises à la majorité absolue des voix des Sénateurs présents et ayant le droit de vote.

Lorsque, pour la seconde fois, une décision ne passe pas faute de majorité de voix requise, l'objet de délibération est remis à la réunion suivante de Commission.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Mu gihe mu nama ikurikiyeho icyemezo kitumvikanyweho, bishyirwa muri raporo ya Komisiyo ishyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho umwanzuro.

Ingingo ya 96: Igihe imirimo muri Komisiyo itangirira n'igihe irangirira

Imirimo muri Komisiyo itangira buri gihe saa tatu za mu gitondo (9h00') ku minsi y'akazi ikarangira saa sita z'amanywa (12h00').

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishobora guhinduka byemejwe ku bwumvikane busesuye bw'amajwi y'Abasenateri bagize Komisiyo bahari, bitashoboka bikemezwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bagize Komisiyo bahari.

Ingingo ya 97: Kuyobora Inama ya Komisiyo

Inama ya Komisiyo iyoborwa na Perezida wa Komisiyo yunganiwe na Visi Perezida wa Komisiyo.

Iyo Perezida wa Komisiyo adahari, inama iyoborwa na Visi Perezida yunganiwe n'Umusenateri muto mu myaka y'amavuko mu bagize Komisiyo. Ni nako bigenda iyo Visi Perezida wa Komisiyo adahari.

Iyo bombi badahari cyangwa se bavuye ku mirimo burundu kandi bakaba batarasimburwa,

In the event that the decision fails to go through during the next meeting, the issue is noted down in the report of the Committee to be laid before the Plenary Assembly for decision.

Article 96: Commencement and end of proceedings of the Committee

Proceedings of the Committee always start at nine (9:00 a.m.) during workdays and end at twelve (12:00 p.m.)

The provisions of Paragraph One of this Article can be changed upon approval by consensus or otherwise by absolute majority vote of members of the Committee present.

Article 97: Chairing the meeting of the Committee

The meeting of the Committee is chaired by the Chairperson assisted by the Deputy Chairperson.

When the Chairperson is absent, the Deputy Chairperson chairs the meeting assisted by the youngest Senator. The same protocol also applies when the Deputy Chairperson of the Committee is absent.

When both are absent or have left office and have not yet been replaced, meetings of the

Au cas où la décision ne passe pas lors de la réunion suivante, la question est signalée dans le rapport de Commission à soumettre à l'Assemblée plénière pour décision.

Article 96: Début et clôture des travaux de Commission

Les travaux en Commission débutent toujours à neuf heures (9h00) du matin pendant les jours ouvrables et se terminent à douze (12h00) heures.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article peuvent être modifiées par consensus ou, à défaut, par la majorité absolue des voix des membres de la Commission présents.

Article 97 : Présider la réunion de Commission

La réunion de Commission est présidée par le Président assisté par son Vice-Président.

À l'absence du Président, la réunion est présidée par le Vice-Président assisté par le Sénateur le plus jeune de la Commission. La même procédure est applicable également en cas d'absence du Vice-Président.

Lorsque tous les deux sont empêchés ou lorsqu'ils ont quitté définitivement leurs

Komisiyo iyoborwa n'Umusenateri urusha abandi imyaka y'amavuko yunganiwe n'Umusenateri muto mu myaka.

Committee are chaired by the eldest Senator among its members assisted by the youngest Member.

fonctions et s'ils ne sont pas encore remplacés, les réunions de Commission sont présidées par le Sénateur le plus âgé de la Commission assisté par le Sénateur le plus jeune.

Ingingo ya 98: Gukurikirana imirimo y'inama ya Komisiyo

Buri Musenateri ubishatse ashobora gukurikirana imirimo ya Komisiyo atanditsemo no gutanga ibitekerezo, ariko ntatora.

Article 98: Attending the meeting of the Committee

Any Senator can attend any meeting of a Committee of which he/she is not a member but has no voting right.

Article 98: Assister à la réunion de Commission

Tout Sénateur qui le désire a le droit d'assister, sans droit de vote, aux travaux d'une Commission dont il n'est pas membre.

Undi muntu wese ubishatse ashobora gukurikirana imirimo y'inama ya Komisiyo ihoraho ariko ntahabwe ijambo, keretse inama zihariye abaturage bashobora kugiramo ijambo.

Any other person can attend meetings of the Standing Committee but without having the floor except for special meetings where the public are directly involved.

Toute autre personne qui le désire peut assister aux réunions de Commission permanente sans droit de prendre la parole sauf pour des séances spécifiques dans lesquelles le public peut prendre la parole.

Inama za Komisiyo zishobora kubera mu muhezo byemejwe na bitatu bya gatanu (3/5) by'abagize Komisiyo.

Committee meetings can be held in camera upon request by three-fifths (3/5) of its members.

Après approbation des trois cinquièmes (3/5) de ses membres, les réunions d'une Commission peuvent se tenir à huis clos.

Ingingo ya 99: Inama ya Komisiyo abaturage bahabwamo ijambo

Inama umuntu uwo ari we wese ashobora guhabwamo ijambo ku byerekeye umushinga w'itegeko cyangwa ikibazo bisuzumwa, zemezwa na Komisiyo, zigategurwa kandi zigatangazwa hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho bushoboka.

Article 99: Meeting of the Committee in which the public is given the floor

Meetings of the Committee in which any person can take the floor to express their opinion on any bill or issue under consideration are decided by the Committee; they are organised and communicated through all means of communication possible.

Article 99: Réunion de la Commission dans laquelle le public peut prendre la parole

Les réunions auxquelles toute personne peut prendre la parole pour donner son avis et commentaires sur un projet, une proposition de loi ou une question donnée sont décidées par la Commission et sont préparées à l'avance et annoncées à travers tous les moyens de communication possible.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Iyo inama itangiye, Perezida wa Komisiyo amenyesha abayitabiriye uburyo bukurikizwa mu gufata ijambo, igihe ntarengwa cy'ijambo n'uburyo abahabwa ijambo bakurikirana.

Komisiyo yakira kandi ibitekerezo byanditse cyangwa inyangwa zerekeye imishinga y'amategeko n'ibindi bibazo byigwa binyujijwe kuri Biro ya Komisiyo.

Ibitekerezo byakiriwe bishyikirizwa abagize Komisiyo mu gihe gikwiye mbere y'uko isuzuma ingingo bifitanye isano.

Ingingo ya 100: Koherereza Komisiyo ubugororangingo

Ubugororangingo ubwo ari bwo bwose bwoherezwa Komisiyo ibigenewe mu nyandiko, kugira ngo ibusuzume inabufateho umwanzuro. Ubwo ubugororangingo bumenyeshwa Abasenateri bese hakoreshejwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho.

Umusenateri wateguye ubugororangingo ashobora kujya mu nama za Komisiyo zigenewe kubusuzuma, agahabwa ijambo mbere y'abandi.

At the beginning of the meeting, the chairperson of the Committee indicates the turn taking procedure, the maximum time to speak and the order of speakers.

The Committee also receives through its Bureau, written opinions or views on draft laws or bills and other issues under discussion.

Opinions and views received are referred to members of the Committee within appropriate time before the due time of consideration of related issues.

Article 100: Submitting amendments to the Committee

Any amendment is submitted in writing to the relevant Committee which considers it and draws recommendations thereon. All Senators are informed of such an amendment through various means of communication.

A Senator who introduced an amendment can attend the meetings of the Committee examining it and be given the opportunity to speak before other speakers.

Au début de la séance, le président de la Commission arrête les procédures à suivre pour prendre la parole, la limite du temps de parole et l'ordre des intervenants.

La Commission, par le biais de son Bureau, reçoit également les avis et commentaires écrits en rapport avec les projets ou propositions de loi ainsi que d'autres questions à examiner.

Les avis et commentaires reçus sont distribués en temps utile aux membres de la Commission bien avant l'examen des questions y afférentes.

Article 100: Transmission d'un amendement à la Commission

Tout amendement est transmis par écrit à la Commission compétente qui l'examine et en dégage des recommandations. Ledit amendement est porté à la connaissance de tous les Sénateurs par diverses voies de communication.

Le Sénateur auteur d'un amendement peut assister aux séances de la Commission lors de son examen et se voit accorder la parole avant les autres orateurs.

Ingingo ya 101: Guhamagara umuntu wo gutanga ibisobanuro muri Komisiyo

Sena ishobora guhamagaza uwo ari we wese, ibona ko ari ngombwa, kuza kuyiha ibisobanuro byerekeranye n'ibyho Komisiyo isuzuma.

Ingingo ya 102: Amatsinda y'Abasenateri bagize Komisiyo

Komisiyo ishobora kwigabanyamo amatsinda, ikanagena abayagize n'inshingano zayo.

Komisiyo ishobora kandi kohereza mu butumwa imbere mu gihugu itsinda ry'Abasenateri bagize Komisiyo bimaze kwemezwa na Biro ya Sena.

Amatsinda yahawe ubutumwa ashidikiriza raporo Komisiyo yayashyizeho.

Ingingo ya 103: Raporo ya Komisiyo n'isuzumwa ryayo

Raporo ya Komisiyo ishidikirizwa Perezida wa Sena. Iyo Perezida wa Sena asanze ari ngombwa ayishidikiriza abagize Inteko Rusange kugira ngo Inteko Rusange iyifateho icyemezo.

Biro ya Komisiyo itanga raporo yayo mu magambo avunaguye ikanasubiza ibibazo

Article 101: Inviting a person to provide explanations in the proceedings of the Committee

The Senate can invite any person considered necessary to come and give relevant information on issues under discussion in a Committee.

Article 102: Subcommittees of members of the Committee

The Committee can establish subcommittees and determine their composition and responsibilities.

The Committee can also send a group of its members on a mission inside the country upon approval by the Bureau of the Senate.

Such groups report to the Committee having formed them.

Article 103: Report of the Committee and its consideration

The report of the Committee is submitted to the President of the Senate. If the President of the Senate considers it important, he/she tables the report before the Plenary Assembly for decision.

The Bureau of the Committee verbally presents a summarised report and answers questions

Article 101: Inviter une personne pour donner des explications lors des travaux de Commission

Le Sénat peut inviter toute personne qu'il juge appropriée pour donner des explications nécessaires relatives aux travaux de Commission.

Article 102: Sous-Commissions des membres de Commission

La Commission peut constituer des sous-commissions dont elle détermine la composition et les attributions.

Après approbation du Bureau du Sénat, la Commission peut envoyer un groupe de Sénateurs membres de la Commission en mission à l'intérieur du pays.

Les groupes dépêchés transmettent le rapport à la Commission qui les a constitués.

Article 103: Rapport de Commission et son examen

Chaque Commission transmet son rapport au Président du Sénat. Lorsque le Président le juge indispensable, il transmet le rapport à l'Assemblée plénière pour y faire suite.

Le Bureau de Commission fait un rapport verbal synthétique et répond aux questions

ibajijwe mu Nteko Rusange yasuzumye iyo raporo.

Umusenateri wese ashobora gusaba ko raporo isubizwa Komisiyo kugira ngo yongere kuyinoza, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 104: Ingingo y'imari ya Komisiyo

Kugira ngo Komisiyo ihoraho yubahirize inshingano zayo, igenerwa ingengo y'imari buri mwaka.

Iyo hashyizweho Komisiyo idasanze cyangwa Komisiyo y'igenzura ihabwa ingengo y'imari iyifasha kurangiza inshingano zayo.

Icyiciro cya 6: Inshingano n'imikorere bya Komite

Ingingo ya 105: Inshingano za Komite

Komite ishinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

- 1° gusuzuma ibikorwa bya Biro ya Sena, iby'Inama y'Abaperezida, iby'Amakomisiyo, iby'Inteko Rusange n'iby'urwego rw'imirimu rwa Sena;
- 2° gukurikirana no kugira inama Abasenateri ku byerekeye imyitwarire

raised about it in the Plenary Sitting devoted to that report.

Any Senator can suggest that the report be referred back to the Committee for further improvement, and that suggestion is effective upon approval by the Plenary Assembly.

Article 104: Budget of the Committee

The Standing Committee is provided with an annual budget which enables it to achieve its functions.

Where ad hoc or inquiry committees are established, they are also given a relevant budget necessary for performing their responsibilities.

Section 6: Responsibilities and functioning of the Committee

Article 105: Responsibilities of the Committee

The Committee is mainly responsible for:

- 1° assessing the activities of the Senate Bureau, the Conference of Chairpersons, the Committees, the Plenary Assembly and the administrative organ of the Senate;
- 2° following up the conduct of Senators both outside and inside the building of

posées lors de la séance plénière consacrée à l'examen dudit rapport.

N'importe quel Sénateur peut demander que le rapport soit remis à la Commission afin de l'améliorer et cette proposition doit être approuvée par l'Assemblée plénière.

Article 104: Budget de Commission

La Commission permanente se voit allouer un budget chaque année pour remplir sa mission.

En cas de mise en place d'une Commission spéciale ou une Commission d'enquête, il lui est alloué un budget nécessaire à l'accomplissement de ses attributions.

Section 6: Attributions et fonctionnement du Comité

Article 105: Attributions du Comité

Le Comité est principalement chargé de:

- 1° contrôler des activités du Bureau du Sénat, de la Conférence des Présidents, des Commissions, de l'Assemblée plénière et l'organe administratif du Sénat;
- 2° faire le suivi et donner conseils aux Sénateurs sur leur comportement et

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

n'imyifatire yabo haba mu Ngoro ya Sena cyangwa hanze yayo;	the Senate and providing advice in respect thereof;	leur discipline au Palais du Sénat et à l'extérieur;
3° kureba no gukurikirana uko ubudahangarwa bw'Abasenateri bwubahirizwa;	3° ensuring and following up the respect of immunity for Senators;	3° observer et assurer le suivi du respect de l'immunité des Sénateurs;
4° gutanga ibitekerezo ku bigenerwa Abasenateri, gukurikirana imyanzuro yabifatwe n'ishyirwamubikorwa ryabyo.	4° providing advice with respect to allowances of Senators, following up recommendations thereof and their implementation.	4° donner des avis sur les avantages accordés aux Sénateurs et faire le suivi des recommandations y relatives et de leur exécution.
Kugira ngo Komite yubahirize inshingano zayo, igenerwa ingengo y'imari buri mwaka.	For the Committee to be able to discharge its functions, it is allocated an annual budget.	Pour lui permettre de remplir sa mission, le Comité est doté d'un budget annuel.
Komite igira icyumba cyihariye ikoreramo inama zayo n'icyumba Biro yayo ikoreramo. Igira kandi abakozi bayunganira n'ibikoresho byo mu biro.	The Committee has a separate room for holding its meetings and an office for its Bureau, support staff and office equipment.	Le Comité dispose d'un local distinct pour la tenue de ses réunions et d'un local de travail pour les membres de son Bureau, du personnel d'appui et du matériel de bureau.
<u>Ingingo ya 106: Iterana ry'inama ya Komite n'itumizwa ryayo</u>	<u>Article 106: Holding and convening the meeting of the Committee</u>	<u>Article 106: Tenue et convocation de la réunion du Comité</u>
Komite iterana igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida iyo Perezida adahari cyangwa Perezida wa Sena, abyibwirije cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'Abasenateri bagize Komite cyangwa kimwe cya gatanu (1/5) cy'Abasenateri bagize Sena.	The Committee meets as often as may be necessary. It is convened by its Chairperson or by its Deputy Chairperson if the Chairperson is absent, or by the President of the Senate on his/her own initiative or at the request of one-third (1/3) of the Committee members or one-fifth (1/5) of the members of the Senate.	Le Comité se réunit chaque fois que de besoin. Il est convoqué par son Président ou, en son absence par son Vice-Président, ou le Président du Sénat, de son initiative ou sur demande d'un tiers (1/3) des Sénateurs membres du Comité ou d'un cinquième (1/5) des membres du Sénat.
Komite ishyikiriza raporo Inteko Rusange ikayifataho imyanzuro.	The Committee submits its report to the Plenary Assembly for decision.	Le Comité transmet le rapport à l'Assemblée plénière pour décision.

Ingingo ya 107: Ibikorikizwa mu mikorere ya Komite

Mu mikorere yayo, Komite ikurikiza ingingo zihuriweho n'imikorere ya Komisiyo zihoraho za Sena, usibye ibiteganyijwe ukundi n'ingingo ya 30, iya 105 n'ya 106 z'iri tegeko ngenga.

Icyiciro cya 7: Inshingano n'imikorere by'Ubunyamabanga Bukuru

Ingingo ya 108: Inshingano z'Ubunyamabanga Bukuru

Ubunyamabanga bukuru bwa Sena bufite inshingano zikurikira :

- 1° gufasha Sena kugera ku nshingano zayo;
- 2° gukurikirana imikorere y'inzego z'imirimo zibushamikiyeho;
- 3° gutegura ingengo y'imari ya Sena;
- 4° gutegura inyandiko zose zirebana n'imirimo y'Inteko Rusange;
- 5° gutegura igenamigambi rya Sena;

Article 107: Procedure related to the functioning of the Committee

In its functioning, the Committee is governed by common provisions governing the Senate Standing Committees unless otherwise provided for under Articles 30, 105 and 106 of this Organic Law.

Section 7: Responsibilities and functioning of the Office of the Clerk

Article 108: Responsibilities of the Office of the Clerk

The Office of the Clerk to the Senate has the following responsibilities:

- 1° to assist the Senate in achieving its mission;
- 2° to ensure supervision of subordinate departments under its management;
- 3° to prepare the budget paper of the Senate;
- 4° to prepare all working documents pertaining to the business of the Plenary Assembly;
- 5° to prepare planning instruments of the Senate;

Article 107: Procédure relative à l'exercice des fonctions du Comité

Dans l'exercice de ses fonctions, le Comité est régi par les dispositions communes qui régissent les Commissions permanentes du Sénat sous réserve des dispositions des articles 30, 105 et 106 de la présente loi organique.

Section 7: Attributions et fonctionnement du Secrétariat général

Article 108: Attributions du Secrétariat général

Le Secrétariat général du Sénat a les attributions suivantes:

- 1° assister le Sénat dans l'accomplissement de sa mission;
- 2° superviser les services du Sénat sous sa direction ;
- 3° préparer le budget du Sénat ;
- 4° préparer les documents de travail pour l'Assemblée plénière ;
- 5° préparer les outils de planification du Sénat;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

- | | | |
|--|--|--|
| 6° gutegura imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imirino n'inzezo z'imirimo bya Sena; | 6° to develop a draft organisational structure and organisation chart of the Senate; | 6° préparer le projet de cadre organique et de d'organigramme du Sénat; |
| 7° gukora indi nshingano yose kwasabwa na Biro ya Sena. | 7° to perform such other duties as may be assigned by the Bureau of the Senate. | 7° exécuter d'autres fonctions qui peuvent lui être assignées par Bureau du Sénat. |

Ingingo ya 109: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru wa Sena

Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru wa Sena ni izi zikurikira:

- 1° guhuriza hamwe no kuyobora imirimo y'Ubunyamabanga Bukuru;
- 2° kugira inama Biro ya Sena mu byerekeye imikorere ya Sena;
- 3° gukemura ibibazo by'Abasenateri bijyanye n'ibyo bakeneye mu kazi;
- 4° kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari ya Sena;
- 5° kwitabira inama za Biro n'iz'Inama y'Abaperezida no kuzibera umwanditsi. Ajya muri izo nama, ariko nta burenganzira afite bwo gufata ibyemezo;

Article 109: Duties of the Clerk to the Senate

Duties of the Clerk to the Senate are the following:

- 1° to coordinate and head the activities of the Office of the Clerk;
- 2° to advise the Bureau of the Senate on the functioning of the Senate;
- 3° to attend to requests of Senators related to working facilities they need;
- 4° to act as the Chief Budget Manager of the Senate;
- 5° to attend and serve as rapporteur in meetings of the Bureau and the Conference of Chairpersons but without the right to decision making;

Article 109: Attributions du Secrétaire général du Sénat

Les attributions du Secrétaire général du Sénat sont les suivantes:

- 1° coordonner et diriger les activités du Secrétariat général du Sénat;
- 2° conseiller le Bureau du Sénat sur les questions relatives au fonctionnement du Sénat;
- 3° recevoir les demandes des Sénateurs relatives aux facilités de travail dont ils ont besoin;
- 4° être le Gestionnaire principal du budget du Sénat;
- 5° assister aux réunions du Bureau et de la Conférence des Présidents et en être le secrétaire mais sans droit à la prise des décisions;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

6°	gukurikirana itegurwa ry'inyandiko zose zirebana n'imirimu y'Inteko Rusange;	6°	to follow up the preparation of all documents related to the activities of the Plenary Assembly;	6°	assurer le suivi de la préparation de tous les documents relatifs aux travaux de l'Assemblée plénière;
7°	gutegura no gushyikiriza Biro ya Sena raporo y'ukwezi, iy'igihembwe n'iy'umwaka y'imirimu ya Sena;	7°	to prepare monthly, quarterly and annual reports of Senate activities and submit them to the Bureau of the Senate;	7°	préparer et transmettre au Bureau du Sénat, le rapport mensuel, trimestriel et annuel des activités du Sénat;
8°	gutegura urutonde rw'Abasenateri bifuzaga guhabwa ijamba mu Nteko Rusange igihe bibaye ngombwa;	8°	to prepare the list of Senators wishing to be given the floor in the Plenary Sitting when considered necessary;	8°	dresser la liste des Sénateurs qui souhaitent prendre la parole dans la séance plénière en cas de nécessité;
9°	gutegura no gukurikirana imirimu yo gutora mu Nteko Rusange;	9°	to prepare and follow up the voting process in the Plenary Assembly;	9°	préparer et suivre les activités de vote à l'Assemblée plénière;
10°	gutoshya itegeko ryose;	10°	to conduct the voting process on the entire draft law or private member's bill;	10°	diriger le vote de l'ensemble du projet ou de la proposition de loi;
11°	gukurikirana no gushyira umukono ku nyandikomvugo n'inyandiko zivunaguye z'Inteko Rusange;	11°	to supervise the writing of Plenary Sittings verbatim transcripts and minutes and sign them;	11°	superviser la rédaction des procès-verbaux et des compte rendus des séances plénières et les signer;
12°	gutegura igenamigambi n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Sena;	12°	to prepare the plan of activities and the draft budget proposal of the Senate;	12°	préparer la planification des activités et l'avant-projet de budget du Sénat ;
13°	gutegura imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imirimu n'inzego z'imirimu bya Sena;	13°	to prepare a draft of the organisational structure and the organisation chart of the Senate;	13°	préparer l'avant-projet du cadre organique et de l'organigramme du Sénat ;
14°	gukora indi mirimo ya Sena yasabwa na Biro ya Sena.	14°	to perform such other activities of the Senate as may be required by the Bureau of the Senate.	14°	exécuter toutes les autres activités du Sénat que le Bureau du Sénat peut lui confier.

Ingingo ya 110: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Sena

Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Sena ni izi zikurikira:

- 1° gusimbura Umunyamabanga Mukuru wa Sena iyo adahari;
- 2° kugira inama Biro ya Sena, Komisiyo n'Abasenateri ku byerekeye amategeko;
- 3° kwitabira inama za Biro ya Sena n'iz'Inama y'Abaperezida;
- 4° guhuza ibikorwa bijyanye n'inama z'Inteko Rusange ya Sena;
- 5° gukurikirana no guhuza ku rwego rwa tekini imirimo ijyanye no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;
- 6° gukurikirana no guhuza imirimo yo gutanga inama ku bikorwa bijyanye no kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga;

Article 110: Duties of the Deputy Clerk to the Senate

Duties of the Deputy Clerk to the Senate are the following :

- 1° to deputize for the Clerk of the Senate in case of his/her absence;
- 2° to provide legal advice to the Bureau of the Senate, the Committee and Senators;
- 3° to attend meetings of the Bureau of the Senate and those of the Conference of Chairpersons;
- 4° to coordinate activities of the Plenary Sitzings of the Senate;
- 5° to follow up and coordinate at the technical level activities related to the oversight of Government actions;
- 6° to follow up and coordinate activities related to the provision of advice on the functions related to the supervision of the implementation of fundamental principles provided for by Article 10 of the Constitution;

Article 110: Attributions du Secrétaire général adjoint du Sénat

Les attributions du Secrétaire général adjoint du Sénat sont les suivantes:

- 1° remplacer le Secrétaire général du Sénat en cas de son absence;
- 2° donner les avis juridiques au Bureau du Senat, à la Commission et aux Sénateurs;
- 3° assister aux réunions du Bureau du Sénat et de la Conférence des Présidents;
- 4° assurer la coordination des activités des séances plénières du Sénat;
- 5° assurer le suivi et coordonner au niveau technique les activités liées au contrôle de l'action gouvernementale;
- 6° assurer la supervision et la coordination, des activités relatives à la fourniture des avis sur les fonctions relatives à la supervision de l'application des principes fondamentaux prévus par l'article 10 de la Constitution;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

7°	gukurikirana no guhuza ku rwego rwa tekini imirimo yose ijyanye n'imyandikire y'amategeko;	7°	to follow up and coordinate at the technical level activities related to the legislative drafting;	7°	assurer le suivi et la coordination, sur le plan technique des activités relatives à la rédaction des lois;
8°	gukurikirana no guhuza imirimo ijyanye no gutanga inama mu by'amategeko ku nyandiko zinyuranye;	8°	to follow up and coordinate activities related to providing various advisory opinion;	8°	assurer la supervision et la coordination des services en charge d'avis consultatifs sur différents avis;
9°	gukurikirana ko itegeko Sena yoherereje Umutwe w'Abadepite rihuye n'iryoherejwe gutangazwa;	9°	to ensure that the law transmitted to the Chamber of Deputies by the Senate is one that was sent for publication;	9°	s'assurer que la loi transmise à la Chambre des Députés par le Sénat est celle qui a été envoyée pour publication;
10°	gukurikirana ko itegeko ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda rihura n'iryoherejwe gutangazwa;	10°	to ensure that the law published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda conforms to the version transmitted for publication;	10°	s'assurer que la loi publiée dans le Journal officiel de la République du Rwanda est conforme à la version transmise pour publication;
11°	gukurikirana imirimo yerekeranye n'ikorabuhanga no kumenyekanisha ibikorwa bya Sena;	11°	to supervise information and communication technologies and outreach services of the Senate;	11°	superviser les technologies de l'information et de la communication et les services de proximité;
12°	gukurikirana no kumenyekanisha ko amateka ateganywa mu mategeko yatangajwe yashyizweho kandi ahura n'ibyamategeko ateganywa;	12°	to monitor and inform the public that Orders provided by the promulgated law were established and that they conform to the provision of the law;	12°	assurer le suivi et informer le public que les arrêtés prévus par la loi promulguée ont été pris et qu'ils sont conformes aux dispositions de la loi;
13°	gukora indi mirimo ya Sena yasabwa na Biro ya Sena.	13°	to perform such other activities of the Senate as may be assigned by the Bureau of the Senate.	13°	exécuter toutes les autres activités du Sénat que le Bureau du Sénat peut lui confier.

Ingingo ya 111: Ingingo y'imari ya Sena

Sena igira ingengo y'imari yayo, kandi ikagira ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi byayo.

Amafanga ateganyijwe mu ngengo y'imari ya Sena ashirwa kuri konti ya Sena muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

Ingingo ya 112: Iyemezwa ry'umushinga w'ingengo y'imari ya Sena

Umushinga w'ingengo y'imari ya Sena utegurwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena, ugasuzumwa na Komisiyo ifite ingengo y'imari mu nshingano zayo, raporo igashyikirizwa Inteko Rusange.

Visi Perezida wa Sena ufite mu nshingano ze gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Sena iyo adahari, bumvikana na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze ku mushinga w'ingengo y'imari ya Sena nibura iminsi ibiri (2) mbere y'uko ushyirwa mu mushinga w'ingengo y'imari rusange ya Leta.

Ingingo ya 113: Igenzurwa ry'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena

Imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena igenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

Article 111: Budget of the Senate

The Senate has its own budget and enjoys financial and administrative autonomy.

The budget allocated to the Senate is transferred on Senate's account in the National Bank of Rwanda.

Article 112: Adoption of the draft budget of the Senate

The draft budget of the Senate is prepared by the Senate Clerk's Office and considered by the Committee in charge of budget, and the report thereon is submitted to the Plenary Assembly.

The Vice President in charge of finance and the Clerk to the Senate or Deputy Clerk to the Senate, in case of his/her absence, jointly consult with the Minister in charge of finance on the draft budget of the Senate at least two (2) days before it is integrated in the State finance bill.

Article 113: Audit of the budget of the Senate

The audit of the execution of the Budget of the Senate is carried out by the Auditor General of State Finances.

Article 111: Budget du Sénat

Le Sénat dispose de son propre budget et jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière.

Les fonds provenant du budget alloué au Sénat sont transférés à un compte du Sénat ouvert à la Banque nationale du Rwanda.

Article 112: Adoption du projet de budget du Sénat

Le projet du budget du Sénat est préparé par le Secrétariat général du Sénat et examiné par la Commission ayant le budget dans ses attributions. Le rapport est transmis à l'Assemblée plénière.

Le Vice-président ayant les finances dans ses attributions et le Secrétaire général du Sénat ou, en cas de son absence, le Secrétaire général adjoint du Sénat, se mettent d'accord avec le Ministre ayant les finances dans ses attributions sur le projet de budget du Sénat, au moins deux (2) jours avant son insertion dans le projet de loi de finances de l'État.

Article 113: Audit du budget du Sénat

L'audit de l'exécution du budget du Sénat est assuré par l'Auditeur général des finances de l'État.

**UMUTWE WA IV: AMAHURIRO
Y'ABASENATERI N'AMATSINDA
Y'UBUCUTI**

Icyiciro cya mbere: Amahuriro y'Abasenateri

**Ingingo ya 114: Ishyirwaho ry'Amahuriro
y'Abasenateri**

Sena ishobora gushyiraho Amahuriro y'Abasenateri ku mpamvu zihariye.

Buri Musenateri ashobora kuba mu ihuriro rimwe cyangwa menshi mu mahuriro yashyizweho na Sena.

**Ingingo ya 115: Gusaba no kwemera
ishyirwaho ry'ihuriro ry'Abasenateri**

Inteko Rusange niyo yemeza ishyirwaho ry'ihuriro bisabwe n'Umusenateri cyangwa Abasenateri bishyize hamwe.

Ibaruwa isaba ishyirwaho ry'ihuriro ry'Abasenateri kimwe n'inyandiko isobanura intego, gahunda n'amategeko arigenga bishyikirizwa Perezida wa Sena na we akabishyikiriza Abasenateri hanyuma akabishyira ku murongo w'ibizigwa n'Inteko Rusange.

**CHAPTER IV: NETWORKS, FORUMS
AND FRIENDSHIP GROUPS OF
SENATORS**

Section one : Networks or forums of Senators

**Article 114: Establishment of networks and
forums of Senators**

Senators can establish networks or forums on special issues.

Every Senator has the right to be in one or more networks or forums.

**Article 115: Request for and approval of
establishment of a network or a forum of
Senators**

The Plenary Assembly approves the establishment of a network or forum upon request by a Senator or a group of Senators.

A letter requesting for the setting up of a network or forum together with a memorandum outlining its objectives, programme and statutes are submitted to the President of the Senate who informs Senators thereof and includes it on the agenda of the Plenary Sitting business.

**CHAPITRE IV: RÉSEAUX, FORUM ET
GROUPE D'AMITIÉ DES
SÉNATEURS**

**Section première: Réseaux ou forums des
Sénateurs**

**Article 114: Création des réseaux et
forums des Sénateurs**

Les Sénateurs peuvent constituer des réseaux ou forums sur des questions spécifiques.

Tout Sénateur est libre d'être membre d'un ou de plusieurs réseaux ou forums.

**Article 115: Demande et approbation de la
constitution d'un réseau ou forum de
Sénateurs**

L'Assemblée plénière approuve la constitution d'un réseau ou forum, à la demande d'un Sénateur ou d'un groupe de Sénateurs.

La lettre de demande de constitution d'un réseau ou forum de Sénateurs ainsi qu'un mémorandum expliquant ses objectifs, programmes ainsi que ses statuts sont adressés au Président du Sénat qui les transmet à son tour aux Sénateurs et inscrit à l'ordre du jour de la séance plénière l'examen de cette demande.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Umusenateri cyangwa Abasenateri bishyize hamwe basabye ko hashyirwaho ihuriro ry'Abasenateri bahabwa ijamba mu Nteko Rusange kugira ngo batange ibisobanuro byerekeranye n'iryo huriro.

Ingingo ya 116: Amategeko agenga amahuriro y'Abasenateri

Buri huriro rigira amategeko yihariye arigenga.

Ayo mategeko agomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:

- 1° intego z'ihuriro n'igihe rizamara;
- 2° abemerewe kuba abanyamuryango;
- 3° inzego z'ihuriro;
- 4° inkomoko y'umutungo w'ihuriro n'uburyo ucungwa;
- 5° imikoranire y'ihuriro na Sena.

A Senator or a group of Senators requesting for the setting up of a network or forum is given the opportunity to give explanations concerning that network or forum in the Plenary Sitting.

Article 116: Statutes governing networks or forums of Senators

Every network or forum is governed by its own statutes.

Such statutes must indicate at least the following:

- 1° the objectives and duration of the network or forum;
- 2° the membership eligibility;
- 3° the organs of the network or forum;
- 4° the source of finances of the network or forum and its management;
- 5° the working relations between the network or forum and the Senate.

Le Sénateur ou le groupe de Sénateurs qui a introduit une demande de constitution d'un réseau ou d'un forum des Sénateurs a droit d'être entendu en séance plénière pour donner des explications relatives au réseau ou forum en question.

Article 116: Statuts des réseaux ou forums des Sénateurs

Chaque réseau ou forum est régi par des statuts particuliers.

Ces statuts doivent indiquer au moins les éléments suivants :

- 1° les objectifs et la durée du réseau ou forum;
- 2° les membres éligibles;
- 3° les organes du réseau ou forum;
- 4° la provenance des ressources du réseau ou forum et leur mode de gestion ;
- 5° les relations du réseau ou forum avec le Sénat.

Ingingo ya 117: Imirimo y'amahuriro y'Abasenateri

Umunsi umwe (1) mu cyumweru uharirwa imirimo y'amahuriro y' Abasenateri iyo bishoboka.

Ingingo ya 118: Gahunda na raporo y'ibikorwa by'amahuriro y'Abasenateri

Buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, amahuriro y'Abasenateri ashidikiriza Perezida wa Sena gahunda na raporo y'ibikorwa byayo, akayishidikiriza Abasenateri.

Bisabwe mu nyandiko na Perezida wa Sena cyangwa se n'undi Musenateri, Inteko Rusange ijya impaka kuri iyo raporo.

Ingingo ya 119: Raporo y'umutungo w'amahuriro y'Abasenateri n'imikoreshereze yawo

Sena iteganya mu ngengo y'imari yayo amafaranga agenewe amahuriro y'Abasenateri

Buri huriro rikora raporo y'umutungo waryo wa buri mwaka, rikayishidikiriza Perezida wa Sena. Iyo raporo igaragaza neza inkomoko y'umutungo kimwe n'ikoresherwa ryawo.

Article 117: Activities of forums or networks of Senators

Where possible, one (1) day per week is devoted to the activities in forums and networks of Senators.

Article 118: Plans of action and activity report of networks or forums of Senators

Every quarter and at any time it is considered necessary, networks or forums of Senators submit to the President of the Senate their plans of action and their activity reports for him/her to submit them to Senators.

Upon written request by the President of the Senate or any other Senator, the Plenary Sitting conducts debates on such a report.

Article 119: Financial report of networks or forums of Senators and the use of their resources

The Senate plans in its budget a financial support for a network or forum of Senators.

Every network or forum prepares an annual financial report and submits it to the President of the Senate. Such report indicates the source and use of their resources.

Article 117: Activités des forums ou réseaux des Sénateurs

Un (1) jour par semaine, si possible, est consacré aux activités des forums ou réseaux des Sénateurs.

Article 118: Plans d'action et rapport d'activités des réseaux ou forums des Sénateurs

Les réseaux et forums des Sénateurs transmettent, chaque trimestre et chaque fois que de besoin, leurs plans d'action ainsi que leurs rapports d'activités au Président du Sénat qui, à son tour, les transmet aux Sénateurs.

Sur demande écrite du Président du Sénat ou de tout autre Sénateur, la séance plénière mène des débats sur ce rapport.

Article 119: Rapport financier des réseaux ou forums des Sénateurs et utilisation de leurs ressources

Le Sénat prévoit dans son budget un appui financier au réseau ou forum de Sénateurs.

Tout réseau ou forum des Sénateurs fait un rapport financier annuel et le transmet au Président du Sénat. Ce rapport précise la provenance des ressources et leur utilisation.

Ingingo ya 120: Gukurikirana imikorere y'amahuriro y'Abasenateri

Biro ya Sena ikurikirana imikorere y'Amahuriro y'Abasenateri.

Bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize ihuriro, Biro ya Sena, Umusenateri umwe cyangwa benshi batari mu Ihuriro, Inteko Rusange ishobora guhagarika Ihuriro ry'Abasenateri cyangwa se kurisesa igihe ritujuje neza inshingano zaryo mu gihe riciye ukubiri n'inshingano n'imikorere bya Sena cyangwa mu gihe impamvu yatumye rijyaho itagihari.

Icyiciro cya 2: Amatsinda y'Ubucuti y'Abasenateri

Ingingo ya 121: Ishyirwaho ry'amatsinda y'ubucuti

Sena ishobora gushyiraho amatsinda y'ubucuti agamije gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'Ibihugu by'amahanga akagenerwa inshingano n'Inteko Rusange.

Buri Musenateri agira itsinda ry'ubucuti abarizwamo abisabye Perezida wa Sena mu nyandiko.

Article 120: Follow up on functioning of networks or forums of Senators

The Bureau of the Senate ensures a follow up on functioning of networks and forums of Senators.

Upon request by a third (1/3) of members of a network or forum, the Bureau of the Senate, one or more Senators who are not members of the network or forum, the Plenary Assembly can suspend or dissolve a network or forum of Senators when it has failed to fulfil its mission, if it is inconsistent with the mission and functioning of the Senate or if reasons which led to its establishment no longer exist.

Section 2: Friendship groups

Article 121: Formation of friendship groups

The Senate can form friendship groups meant to boost parliamentary diplomacy whose responsibilities are determined by the Plenary assembly.

Each Senator belongs to a friendship group upon his/her request thereof to the President of the Senate.

Article 120: Suivi du fonctionnement des Réseaux et Forums des Sénateurs

Le Bureau du Sénat s'assure du bon fonctionnement des réseaux ou forums des Sénateurs.

Sur demande d'un tiers (1/3) des membres du réseau ou forum, du Bureau du Sénat, d'un Sénateur ou de plusieurs Sénateurs non membres du réseau ou forum, l'Assemblée plénière peut suspendre un réseau ou forum de Sénateurs ou le dissoudre lorsqu'il a failli à sa mission, en cas de non-conformité à la mission et au fonctionnement du Sénat ou si la cause qui avait motivé sa création n'existe plus.

Section 2: Groupes d'amitié

Article 121: Création des groupes d'amitié

Il peut être créé au sein du Sénat des groupes d'amitié ayant pour objectif de renforcer la diplomatie parlementaire. Leurs attributions sont déterminées par l'Assemblée plénière.

Chaque Sénateur se fait inscrire à un groupe d'amitié suite à sa demande auprès du Président du Sénat.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Itsinda ry'ubucuti rishyizweho rigenerwa ingengo y'imari irifasha kugera ku nshingano zaryo.

Ingingo ya 122: Gahunda na raporo y'ibikorwa by'amatsinda y'ubucuti

Amatsinda y'ubucuti ashyikiriza Perezida wa Sena gahunda na raporo y'ibikorwa byayo, akayishyikiriza Abasenateri.

Bisabwe mu nyandiko na Perezida wa Sena cyangwa se n'undi Musenateri, Inteko Rusange ijya impaka kuri iyo raporo.

UMUTWE WA V: UBUTUMWA BW'ABASENATERI

Ingingo ya 123: Ubutumwa bw'Umusenateri

Umusenateri ashobora koherezwa mu butumwa imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga byemejwe na Biro ya Sena.

Ibigererwa Umusenateri ugiye mu butumwa, bigenwa n'iteka ya Perezida.

Each friendship group formed is allocated a budget necessary for fulfilling its mission.

Article 122: Action plans and activity reports of friendship groups

Friendship groups submit their plans of action and activity report to the President of the Senate who, in turn, forwards them to all Senators.

Upon written request by the President of the Senate or any other Senator, the Plenary Sitting conducts debates on such report.

CHAPTER V: OFFICIAL MISSIONS OF SENATORS

Article 123: Official missions of Senators

A Senator can be commissioned to an official mission inside the country or abroad, upon approval by the Bureau of the Senate.

Fringe benefits allocated to a Senator in official mission are determined by a presidential Order.

Chaque groupe d'amitié ainsi formé jouit d'une allocation budgétaire nécessaire à l'accomplissement de sa mission.

Article 122: Plans d'action et rapports d'activités des groupes d'amitié

Les groupes d'amitié adressent leurs plans d'action et rapport d'activités au Président du Sénat qui, à son tour, les transmet à tous les Sénateurs.

Sur demande écrite du Président du Sénat ou de tout autre Sénateur, la séance plénière mène des débats sur ce rapport.

CHAPITRE V: MISSIONS OFFICIELLES DES SÉNATEURS

Article 123: Missions officielles des Sénateurs

Un Sénateur peut être dépêché en mission officielle à l'intérieur ou à l'extérieur du pays sur approbation du Bureau du Sénat.

Les avantages alloués à un Sénateur effectuant une mission officielle sont déterminés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 124: Ubutumwa bw'Umusenateri imbere mu gihugu

Buri Musenateri afite inshingano yo gusura abaturage kugira ngo amenye ibibakorerwa n'ibyo bigezaho kandi anamenye ibibazo bafite.

Iryo surwa rikorwa rinyuze muri za Komisiyo no mu mahuriro y'Abasenateri biteganyijwe muri iri tegeko ngenga, cyangwa se bigakorwa n'Umusenateri ku giti cye.

Umusenateri afite uburenganzira ku minsi ibiri (2) mu kwezi yo gusura abaturage. Iyo minsi ashobora kuyifa mu byiciro mu gihe cy'umwaka umwe w'ingingo y'imari.

Umusenateri kandi ashobora kumenya ibikorwa cyangwa ibibazo by'abaturage anyuze muri Komite Mpuzabikorwa z'Intara, Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, iz'Uturere, iz'Imirenge n'iz'Utugari yatumiwemo. Atanga ibitekerezo ariko ntatora.

Umusenateri ashobora kandi kwitabira inama Njyanama y'umudugudu abamo cyangwa atuyemo. Afite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo no gutora igihe cy'ifatwariy'ibyemezo.

Article 124: Senator's official mission inside the country

Each Senator has a responsibility of visiting the population in order to know services rendered to them, their own achievements and challenges they are facing.

Such a visit is conducted through committees or forums or networks of Senators provided for in this Organic Law, or by a Senator as an individual.

Each Senator is entitled to two (2) days per month devoted to visiting the population. He/she can split them into portions over one financial year.

A Senator can also identify achievements or problems of the population through meetings of the Coordination Committees of Provinces, Kigali City Council, Councils of District, Councils of Sector and Councils of Cell to which he/she is invited. The Senator participates in debates of those meetings with no voting rights.

A Senator can also attend the meetings of Village Council of his/her residence or domicile, he/she has the right to participate in debates and vote while taking decisions.

Article 124: Mission du Sénateur à l'intérieur du pays

Chaque Sénateur a le devoir de rendre visite à la population pour se rendre compte des actions en leur faveur, de leurs propres réalisations et de leurs problèmes.

Cette visite se fait à travers les commissions, et les forums ou réseaux des Sénateurs prévus par la présente loi organique ou par un Sénateur à titre individuel.

Chaque Sénateur a droit à deux (2) jours par mois dédiés aux visites à la population. Il peut s'en servir en les fractionnant en tranches réparties au cours d'une année budgétaire.

Un Sénateur peut aussi connaître les actions et les problèmes de la population par le biais des Comités de Coordinations des Provinces, du Conseil de la Ville de Kigali, des Conseils des Districts, des Secteurs et des Cellules auxquels il est invité. À ces réunions, le Sénateur donne des avis mais sans voix délibérative.

Le Sénateur peut également participer à la réunion du Conseil de Village de sa résidence ou domicile. Il a le droit de participer aux débats et de voter au moment de la prise de décisions.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Gusura abaturage ntibishobora kubangamira imirimo y'Inteko Rusange cyangwa iya Komisiyo.

Ingingo ya 125: Impapuro zihabwa Umusenateri ugiye mu butumwa imbere mu gihugu

Igihe Umusenateri ari mu butumwa imbere mu gihugu, yitwaza impapuro zabugenewe zitangwa na Perezida wa Sena.

Ingingo ya 126: Impapuro zihabwa Umusenateri ugiye mu butumwa mu mahanga

Igihe Umusenateri agiye mu butumwa mu mahanga, yitwaza impapuro zabugenewe zitangwa hakurikijwe ibiteganywa n'iteka rya Perezida rigenga ubutumwa bw'akazi mu mahanga.

Ingingo ya 127: Itangwa rya raporo y'Umusenateri wagiye mu butumwa

Iyo Umusenateri avuye mu butumwa bwaba ubw'imbere mu gihugu cyangwa ubwo mu mahanga ashidikiriza Perezida wa Sena raporo y'ubwo butumwa mu gihe kigenwa n'iteka rya Perezida rishyiraho amabwiriza agenga ubutumwa.

Biro ya Sena, Umusenateri wagiye mu butumwa cyangwa undi Umusenateri, bashobora gusaba ko raporo y'ubutumwa imbere mu gihugu cyangwa

Visits to the population cannot impede the proceedings of the Plenary Assembly or those of committees.

Article 125: Travel documents for a Senator on official mission inside the country

A Senator going on official mission inside the country carries with him/her travel documents issued by the President of the Senate.

Article 126: Travel documents for a Senator on official mission abroad

A Senator who is on official mission abroad carries with him/her travel documents issued in accordance with the provisions of the Presidential Order regarding official missions abroad.

Article 127: Submission of a report of a Senator's official mission

After an official mission either inside the country or abroad, a Senator submits a mission report to the President of the Senate in a period determined by the Presidential Order regulating official missions.

The Bureau of the Senate, a Senator having carried out the mission or any other Senator, can suggest that the mission report inside the country

Les visites à la population ne peuvent pas entraver les travaux de l'Assemblée plénière ou ceux de la Commission.

Article 125: Documents de mission officielle d'un Sénateur à l'intérieur du pays

Un Sénateur qui part en mission de travail à l'intérieur du pays est muni des documents y relatifs délivrés par le Président du Sénat.

Article 126: Documents de voyage d'un Sénateur en mission officielle à l'étranger

Un Sénateur en mission officielle à l'étranger est muni des documents y relatifs prévus par arrêté présidentiel concernant les missions officielles à l'étranger.

Article 127: Transmission du rapport de mission officielle d'un Sénateur

De retour d'une mission officielle tant à l'intérieur qu'à l'extérieur du pays, le Sénateur fait un rapport de mission qu'il adresse au Président du Sénat dans un délai prévu par Arrêté présidentiel portant réglementation des missions officielles.

Le Bureau du Sénat, le Sénateur auteur du rapport ou un autre Sénateur, peut demander que le rapport de mission soit l'objet de

mu mahanga yunguranwaho ibitekerezo mu Nteko Rusange ikabifataho umwanzuro.

Ingingo ya 128: Ibigenerwa uwunganira Umusenateri mu butumwa

Umuntu wese woherejwe n'inzege za Leta zibishinzwe ujyanye n'Umusenateri mu butumwa mu rwego rwo kumwunganira ahabwa na Sena amafaranga y'ubutumwa angana n'ay'abandi bakozi ba Leta bari mu cyiciro kimwe.

UMUTWE WA VI: IMYITWARIRE Y'ABASENATERI

Icyiciro cya mbere: Imyitwarire rusange y'Abasenateri

Ingingo ya 129: Imyitwarire y'Umusenateri

Umusenateri agomba kuba inyangamugayo n'indakemwa, kuba intangarugero yubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko kandi azirikana indahiro yakoze mbere yo gutangira imirimo y'ubusenateri.

Umusenateri utubahirije ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ashobora kwibutswa, kwihanangirizwa, kugawa ku mugaragaro cyangwa gukurwa muri Sena byemejwe na bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bahari.

or abroad be tabled before the Plenary Assembly for decision.

Article 128: Mission allowances for support staff to a Senator on official mission

A staff member assigned by relevant public organs to support a Senator on mission gets from the Senate a mission allowance equivalent to that allocated to a civil servant of similar position.

CHAPTER VI: CONDUCT OF SENATORS

Section One: Conduct of Senators in general

Article 129: Conduct of a Senator

A Senator must be of high integrity and good morals, be a role model in complying with the Constitution and other Laws while remaining loyal to the oath he/she took before taking office.

Any Senator failing to comply with the provisions of Paragraph One of this Article, can be called to order, warned, reprimanded or excluded from the Senate upon approval by three-fifths (3/5) of the Senators present.

débats par l'Assemblée plénière pour décision.

Article 128: Frais de mission du personnel d'appui au Sénateur en mission officielle

Un membre du personnel d'appui affecté par les institutions publiques habilitées pour accompagner un Sénateur en mission officielle reçoit du Sénat les frais de mission équivalant à ceux accordés à un agent de l'État de même rang.

CHAPITRE VI: CONDUITE DES SÉNATEURS

Section première : Conduite des Sénateurs en général

Article 129: Conduite d'un Sénateur

Le Sénateur doit être intègre et de bonne moralité, être exemplaire quant au respect de la Constitution et autres lois et en restant fidèle au serment qu'il a prêté avant d'entrer en fonction.

Le Sénateur qui ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa premier du présent article peut être rappelé à l'ordre, averti, blâmé ou exclu du Sénat, après approbation des trois cinquièmes (3/5) des Sénateurs présents.

Ingingo ya 130: Kuregera icyemezo cya Sena cyo kwirukana Umusenateri muri Sena

Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora kandi gushyirwaho, byemejwe n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'abagize buri mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, kugira ngo ifate umwanzuro ku kindi kibazo kigaragaye mu itegeko ryatowe n'Imitwe yombi igihe cyose ritaroherezwa gutangazwa.

Perezida w'Umutwe w'abadepite ashikiraniza amazina y'Abadepite Perezida wa Sena n'impamvu igaragaza ibyashyirwaho n'Umutwe w'Abadepite mu kutemera umwanzuro wa Sena.

Mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), ashikiranijwe ayo mazina, Perezida wa Sena amenyeshya Perezida w'Umutwe w'Abadepite amazina y'Abasenateri batanu (5) bagize Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi.

Inama ya mbere ya Komisiyo Ihuriweho n'Imitwe yombi itumizwa mu nyandiko ku bwumvikane hagati y'Abayobozi b'amatsinda. Muri icyo nama abagize Komisiyo ihuriweho n'imitwe yombi bitaramo uuyiyobora n'umwungirije.

composed of five (5) Deputies and five (5) Senators, responsible for providing a recommendation on provisions that are still under discussion.

A joint Committee of Parliament can also be established, if approved by the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament by a three-fifth (3/5) majority vote of its members, to decide on any other matter identified in the law adopted by both Chambers of Parliament so long as the law has not been transmitted for promulgation.

The Speaker of the Chamber of Deputies transmits to the President of the Senate names of Deputies so appointed and the document indicating grounds for not approving the decision of the Senate.

Within seven (7) days of receiving such names, the President of the Senate notifies the Speaker of the Chamber of Deputies as to the names of five (5) Senators to be members of the Joint Committee.

The first meeting of the joint committee is convened in writing upon consent by the group leaders. During that meeting they chose among themselves the chairperson and his/her deputy.

commission paritaire composée de cinq (5) Députés et de cinq (5) Sénateurs pour statuer sur les dispositions qui font encore objet de débats.

Une commission paritaire du Parlement peut également être créée, après approbation de l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement à la majorité des trois cinquièmes (3/5) de ses membres, pour statuer sur tout autre problème constaté dans une loi déjà adoptée par les deux Chambres aussi longtemps que cette loi n'est pas encore transmise pour promulgation.

Le Président de la Chambre des Députés transmet au Président du Sénat les noms de ces Députés et le document indiquant les motifs pour lesquels la décision du Sénat n'a pas été adoptée.

Dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours après la réception de ces noms, le Président du Sénat notifie au Président de la Chambre des Députés les noms de cinq (5) Sénateurs membres de la Commission paritaire.

La première réunion de la commission paritaire est convoquée par écrit sur compromis des chefs des groupes. Au cours de cette réunion, ils choisissent en leur sein un président et son adjoint.

Ingingo ya 189: Raporo ya Komisiyo ihuriweho n’Imitwe yombi

Raporo ikubiyemo imyanzuro yumvikanyweho na Komisiyo ihuriweho n’Imitwe yombi yohererezwa buri Mutwe, igatorwa, nta bundi bugororangingo.

Mu gihe Komisiyo ihuriweho n’Imitwe yombi itumvikanye kuri uwo mwanzuro cyangwa iyo umwanzuro utemewe n’iyo mitwe cyangwa udatowe n’umwe muri iyo Mitwe umushinga w’itegeko usubizwa uwawuzanye.

Umushinga washubijwe uwawutangije muri ubwo buryo ashobora kongera kuwugarura igihe icyo ari cyo cyose.

Iyo uwazanye umushinga w’itegeko ashatse kuwugarura, agomba kubitangirira mu Mutwe w’Abadepite.

Mu gihe cyo gutanga raporo mu Nteko Rusange ya Sena, ukuriye itsinda ntaboneke, raporo itangwa n’Umusenateri mukuru mu myaka mu bagize itsinda.

Ingingo ya 190: Uburyo uwatangije umushinga w’itegeko asaba kuwusubirana

Uwatangije umushinga w’itegeko, ashobora gusaba kuwusubirana ku rwego waba ugezeho rwose. Usaba gusubizwa umushinga w’itegeko wamaze kohererezwa Sena abinyuza kuri Perezida w’Umutwe w’Abadepite nawe

Article 189: Report of the joint committee

The report on amendments agreed in the joint committee is submitted to each Chamber which adopts it without any other amendments.

When a compromise is not reached by the joint committee or if one of the Chambers does not adopt the compromise reached by the Joint Committee, the bill is returned to its initiator.

The bill which has so been returned to its initiator, can be reconsidered at any time.

In the event the initiator wishes the bill to be reconsidered, the procedure must begin by the Chamber of Deputies.

In the absence of the group leader during the report presentation to the Plenary Assembly of the Senate, the eldest Senator of the group presents it.

Article 190: Procedure for an initiator of the bill to request its withdrawal

The initiator of the bill can request to withdraw it at any stage of legislative process. Where the bill subject to withdrawal has been already referred to the Senate, the request passes through the Speaker of the Chamber of Deputies who, in

Article 189: Rapport de la commission paritaire

Le rapport sur le texte de compromis adopté par la commission paritaire mixte est envoyé à chaque Chambre pour un vote sans autre amendement.

En cas de désaccord de la Commission paritaire, ou si l’une des deux Chambres n’a pas adopté le texte de compromis proposé par la Commission paritaire, le projet de loi est renvoyé à l’initiateur.

Le projet ou la proposition de loi ainsi renvoyée à son initiateur, peut être réexaminé à tout moment.

Dans le cas où l’initiateur du projet de loi veut le réintroduire, la procédure doit commencer devant la Chambre des Députés.

En cas d’absence du chef de groupe pendant la présentation du rapport à l’Assemblée plénière du Sénat, le rapport est présenté par le Sénateur le plus âgé du groupe.

Article 190: Modalités de demander le retrait d’un projet de loi par son initiateur

L’initiateur d’un projet de loi peut, à n’importe quelle étape du processus législatif, demander de le retirer. Lorsque le projet de loi a déjà été transmis au Sénat, l’initiateur s’adresse au Président de la

akawusaba mu nyandiko ishyikirizwa Perezida wa Sena Inteko Rusange ikabifataho icyemezo.

Ingingo ya 191: Gushyikiriza Perezida wa Repubulika itegeko ngo ritangazwe

Iyo umushinga w'itegeko utowe na Sena nta bugororangingo ukorewe cyangwa iyo ubugororangingo bwose bwakozwe na Sena bwemewe n'Umutwe w'Abadepite cyangwa iyo Inteko Rusange z'Imitwe Yombi zemeye umwanzuro wa Komisiyo ihuriweho n'Imitwe Yombi, Perezida w'Umutwe w'Abadepite niwe ushyikiriza itegeko Perezida wa Repubulika nk'uko ryemejwe n'Imitwe Yombi kugira ngo arishyireho umukono kandi ritangazwe.

Icyiciro cya 2: Amahuriro n'amatsinda y'ubucuti bihuriweho n'Imitwe Yombi y'Inteko Ishinga Amategeko

Akiciro ka mbere: Amahuriro ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko

Ingingo ya 192: Ishyirwaho ry'Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi

Hashobora gushyirwaho Ihuriro rihuriwemo n'Abadepite n'Abasenateri.

turn, addresses a written request thereof to the President of the Senate for the Senate Plenary Assembly to make a decision.

Article 191: Transmission of the law to the President of the Republic for promulgation

Upon adoption of the bill by the Senate without any amendment or where all the amendments made by the Senate are agreed by the Chamber of Deputies or when the Plenary Assemblies of both Chambers adopt the compromise by the Joint Committee, the Speaker of the Chamber of Deputies submits the bill so far adopted by both Chambers to the President of the Republic for promulgation and publication.

Section 2: Joint parliamentary networks, forums and friendship groups

Subsection one: Joint parliamentary networks or forums

Article 192: Establishment of a joint parliamentary network or forum

There can be established a joint parliamentary network or forum.

Chambre des Députés qui, à son tour, en fait une demande écrite auprès du président du Sénat pour que l'Assemblée plénière y donne suite.

Article 191: Transmission de la loi au Président de la République pour promulgation

Après adoption du projet de loi par le Sénat sans amendements ou lorsque tous les amendements effectués par le Sénat sont acceptés par la Chambre des Députés ou si les Assemblées plénières des deux Chambres adoptent les conclusions de la Commission paritaire, le Président de la Chambre des Députés soumet la loi adoptée par les deux chambres au Président de la République pour promulgation et publication.

Section 2: Réseaux, forums et groupes d'amitié parlementaires conjoints

Sous-section première : Réseaux ou forums parlementaires conjoints

Article 192: Création d'un réseau ou forum parlementaire conjoint

Il peut être créé un réseau ou forum parlementaire conjoint.

Umudepite cyangwa Umusenateri afite uburenganzira bwo kuba cyangwa kutaba mu ihuriro rimwe cyangwa menshi.

Ingingo ya 193: Ibaruwa isaba ishyirwaho ry'ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi

Ibaruwa isaba ishyirwaho ry'ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi kimwe n'inyandiko isobanura intego na gahunda byaryo bishyikirizwa Perezida wa buri Mutwe akabishyikiriza abawugize hanyuma bigashyirwa ku murongo w'ibizigwa n'Inteko Rusange ya buri Mutwe.

Abatanze igitekerezo cyo gushyiraho Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi bitoramo itsinda ry'Abadepite n'itsinda ry'Abasenateri bahabwa umwanya wo gutanga ibisobanuro bijyanye n'iryo huriro mu Nteko Rusange ya buri Mutwe.

Ingingo ya 194: Uburyo Inteko Rusange ya buri Mutwe yemeza Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi

Inteko Rusange ya buri Mutwe yemeza ishyirwaho ry'Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi bisabwe n'Umudepite, Umusenateri cyangwa benshi bishyize hamwe.

A Deputy or a Senator has the right to be or not to be a member of one or more networks or forums.

Article 193: Letter requesting the establishment of a joint parliamentary network or forum

A letter requesting the establishment of a joint parliamentary network or forum together with a memorandum outlining its objectives and programmes are submitted to the presiding officer of each Chamber who submits them to its members thereof and includes them on the agenda of the Plenary Assembly of each Chamber.

The initiators of the proposal to establish a joint parliamentary network or forum delegate a group of deputies and a group of senators who are given the opportunity to give explanations concerning that network or forum in the Plenary Sitting of each Chamber.

Article 194: Procedure applied by the Plenary Assembly of each chamber to approve a joint parliamentary network or forum

The Plenary Assembly of each Chamber approves the establishment of a joint parliamentary network or forum upon request by a Deputy, a Senator or a group of parliamentarians.

Un Député ou un Sénateur a le droit d'appartenir ou de ne pas appartenir à un ou plusieurs réseaux ou forums.

Article 193: Lettre de demande de création d'un réseau ou forum parlementaire conjoint

La lettre de demande de création d'un réseau ou forum parlementaire conjoint ainsi qu'un mémorandum expliquant ses objectifs et programmes sont adressés au Président de chaque Chambre qui les soumet à son tour aux membres et les inscrit à l'ordre du jour de l'Assemblée plénière de chaque Chambre.

Les auteurs du projet de création d'un réseau ou forum parlementaire conjoint délèguent un groupe de Sénateurs et un groupe de Députés qui fournissent à la séance plénière de chaque Chambre des explications relatives au réseau ou forum en question.

Article 194: Procédure d'approbation d'un réseau ou forum parlementaire conjoint par l'Assemblée plénière de chaque Chambre

L'Assemblée plénière de chaque Chambre approuve la création d'un réseau ou forum parlementaire conjoint, à la demande d'un Député, d'un Sénateur ou d'un groupe de parlementaires.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Icyemezo cyo gushyiraho Ihuriro kinagaragaza abarihagarariye gishyirwaho umukono na Perezida w'Umutwe w'Abadepite na Perezida wa Sena.

The certificate to establish a joint parliamentary network or forum indicating its representatives is co-signed by the Speaker of the Chamber of Deputies and the President of the Senate.

L'autorisation de création du réseau ou forum parlementaire conjoint indiquant ses représentants est co-signée par le Président de la Chambre des Députés et le Président du Sénat.

Iyo umwe mu Mitwe y'Inteko Ishinga Amategeko utemeye Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi, ntibibuza abagize Umutwe waryemeye kurishyiraho no kurijyamo.

In the event one Chamber does not approve a joint parliamentary network or forum, this does not prevent members of the Chamber which approves the proposal to establish the network or forum and register with it.

Si l'une des Chambres du Parlement n'accepte pas la création d'un réseau ou forum parlementaire conjoint, cela n'empêche pas que les membres de la Chambre qui l'a accepté puissent le constituer et en être membres.

Ingingo ya 195: Sitati y'Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi

Article 195: Statutes of a joint parliamentary network or forum

Article 195: Statuts du forum ou réseau parlementaire conjoint

Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi rishyiraho sitati irigenga.

The joint parliamentary network or forum adopts its own statutes.

Un forum ou réseau parlementaire conjoint adopte ses statuts.

Imikorere n'imikoranire by'Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi bigaragara muri sitati ya buri huriro.

The functioning and relations of a joint parliamentary network or forum are indicated in its statutes.

Le fonctionnement et les relations d'un forum ou réseau parlementaire conjoint sont précisés dans les statuts de chaque réseau ou forum.

Ingingo ya 196: Raporo y'ibikorwa by'Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi

Article 196: Activity report of joint parliamentary network or forum

Article 196: Rapport du réseau ou forum parlementaire conjoint

Buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, Ihuriro rihuriweho n'Imitwe yombi rishyikiriza Perezida wa buri Mutwe gahunda na raporo y'ibikorwa byaryo, akabishyikiriza abawugize.

Every quarter and at any time it is considered to be necessary, a joint parliamentary network or forum submits to the presiding officer of each Chamber its plan of action and activity report, then he/she in turn submits them to its members.

Chaque trimestre et chaque fois que de besoin, le réseau ou forum parlementaire conjoint soumet son plan d'action ainsi que son rapport d'activités au Président de chaque Chambre qui, à son tour, les transmet aux membres.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Iyo bibaye ngombwa, Inteko Rusange ya buri Mutwe ijya impaka kuri iyo raporo.

Ingingo ya 197: Amafaranga agenerwa ihuriro rihuriweho n’Imitwe yombi

Ku bwumvikane bwa Biro z’Imitwe yombi, buri huriro rihuriweho rigira Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko urireberera.

Buri mwaka, Sena iteganya mu ngengo y’imari yayo amafaranga agenewe ihuriro ireberera.

Ingingo ya 198: Gukurikirana imikorere y’Ihuriro rihuriweho n’Imitwe yombi

Biro z’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko zikurikirana imikorere y’Ihuriro rihuriweho n’Imitwe yombi hakurikijwe Itegeko Ngenza rigena imikorere ya buri Mutwe.

Bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy’abagize Ihuriro, Biro y’Umutwe w’Abadepite cyangwa Biro ya Sena, Umudepite, Umusenateri cyangwa benshi batari mu Ihuriro, bashobora gusaba Inteko Rusange y’Umutwe w’Abadepite cyangwa iya Sena gufata icyemezo cyo guhagarika Ihuriro cyangwa se kurisesa iyo rinyuranyije n’inshingano n’imikorere y’Inteko Ishinga Amategeko.

When necessary, the Plenary Assembly of each Chamber conducts debates on such a report.

Article 197: Funds allocated to a joint parliamentary network or forum

Upon agreement of Bureaus of both Chambers, each network or forum is affiliated to a Chamber of the Parliament.

Every year, the Senate provides funds to the network or forum affiliated thereto.

Article 198: Monitoring of the functioning of a joint parliamentary network or forum

The Bureaus of Chambers of Parliament ensure monitoring of the functioning of a joint network or forum in accordance with the Organic Law determining the functioning of each Chamber.

Upon request by a third (1/3) of members of a network or forum, the Bureau of the Chamber of Deputies or of the Senate, one or several Deputies or Senators not members of the network or forum, can request the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies or of the Senate to suspend or dissolve a joint parliamentary network or forum if it is inconsistent with the mission and functioning of the Parliament.

En cas de nécessité, ce rapport fait l’objet des débats à l’Assemblée plénière de chaque Chambre.

Article 197 : Fonds alloués à un réseau ou forum parlementaire conjoint

Après accord des Bureaux des deux chambres, chaque réseau ou forum est affilié à une Chambre du Parlement.

Chaque année le Sénat prévoit des fonds pour le forum ou réseau sous sa responsabilité.

Article 198 : Suivi du fonctionnement d’un réseau ou forum parlementaire conjoint

Les Bureaux des Chambres du Parlement assurent le suivi du fonctionnement d’un réseau ou forum conjoint conformément à la loi organique portant fonctionnement de chaque chambre du Parlement.

Sur demande d’un tiers (1/3) des membres du réseau ou forum, le Bureau de la Chambre des Députés ou du Sénat, un ou de plusieurs Députés ou Sénateurs non membres du réseau ou forum peuvent demander à l’Assemblée plénière de la Chambre des Députés ou du Sénat de suspendre ou dissoudre un réseau ou forum parlementaire conjoint en cas de non-conformité à la mission et au fonctionnement du Parlement.

Icyemezo cyo guhagarika cyangwa gusesa Ihuriro rihuriwemo n'Abadepite n'Abasenateri gifashwe n'Umutwe umwe gihagarika cyangwa kigasesa ihuriro.

Akiciro ka 2: Amatsinda y'Ubucuti ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko

Ingingo ya 199: Ishyirwaho ry'amatsinda y'ubucuti ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko

Inteko Ishinga Amategeko ishobora gushyiraho amatsinda y'ubucuti ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko agamije gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu akagererwa inshingano na Biro z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.

Biro z'Imitwe yombi zigena kandi abagize Inteko Ishinga Amategeko bajya muri ayo matsinda ikabagera inshingano.

Ingingo ya 200: Gahunda na raporo y'ibikorwa by'amatsinda y'ubucuti ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko

Amatsinda y'ubucuti ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ashyikiriza Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko gahunda na raporo by'ibikorwa byayo nawe

Decision to suspend or dissolve a joint parliamentary network or a forum taken by either Chamber results in the suspension or dissolution of the network or forum.

Subsection 2: Joint parliamentary friendship groups

Article 199: Establishment of joint parliamentary friendship groups

Parliament can establish joint parliamentary friendship groups with a mandate to develop relationships with parliaments in other countries. Responsibilities of these groups are determined by the Bureaus of both Chambers of Parliament.

The Bureaus of both Chambers of Parliament appoint members of these groups and determine their responsibilities.

Article 200: Action plans and activity reports of joint parliamentary friendship groups

Joint parliamentary friendship groups submit their action plans and activity reports to the presiding officer of each Chamber of parliament who, in turn, forwards them to all members of

La décision de suspendre ou de dissoudre un forum ou un réseau parlementaire conjoint prise par l'une ou l'autre Chambre implique la suspension ou dissolution du réseau ou forum.

Sous-section 2: Groupes d'amitié parlementaires conjoints

Article 199: Création des groupes d'amitié parlementaires conjoints

Le Parlement peut créer des groupes parlementaires d'amitié conjoints ayant pour mission de développer des relations avec des parlements d'autres pays. Les attributions de ces groupes sont déterminées par les Bureaux des deux chambres du Parlement.

Les Bureaux des deux chambres du Parlement désignent également les membres de ces groupes et déterminent leurs attributions.

Article 200: Plans d'action et rapports d'activités des groupes d'amitié parlementaires conjoints

Les groupes d'amitié parlementaires conjoints adressent leurs plans d'action et rapports d'activités au Président de chaque Chambre du Parlement qui, à son tour, les

akabishyikiriza abagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ayobora.

Iyo bibaye ngombwa, gahunda na raporo y'ibikorwa bishobora kugibwaho impaka mu Nteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

Ingingo ya 201: Ibiateganyijwe n'iri tegeko ngenga bijyanye n'imikoranire y'Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko

Imikoranire y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko igengwa n'Inteko Ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe.

Ibiateganyijwe n'iri tegeko ngenga bijyanye n'imikoranire hagati y'Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko bikemurwa binyuze mu bwumvikane bwa Biro z'Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko, bigashyikirizwa Inteko rusange ya buri mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko kugira ngo ibifateho icyemezo.

the Chamber of Parliament under his/her leadership.

When necessary, action plans and activity reports can be subject to debates by the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament.

Article 201: Matters not covered in this Organic Law regarding the working relationship between Chambers of Parliament

The working relations between Chambers of Parliament are determined by an Organic Law establishing the internal rules of each Chamber.

Matters concerning the working relations between Chambers of the Parliament which are not provided for by this Organic Law are addressed upon consultation of the Bureaus of Chambers of Parliament and thereafter referred to the Plenary Assembly of each Chamber for decision.

soumet à tous les membres de la Chambre du Parlement dont il est responsable.

Lorsqu'il s'avère nécessaire, les plans d'action et rapports d'activités peuvent faire l'objet de débats par l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement.

Article 201: Sujets non prévus par la présente loi organique en matière de collaboration entre les Chambres du Parlement

Les rapports entre les Chambres du Parlement sont déterminés par une loi organique portant règlement d'ordre intérieur de chaque Chambre.

Les sujets non prévus par la présente loi organique concernant des rapports entre les Chambres, sont soumis, par consultation entre les Bureaux des deux Chambres du Parlement, puis soumis à chaque Chambre du Parlement pour décision.

UMUTWE WA XI: IMIKORANIRE Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO U RWANDA RURIMO

Icyiciro cya mbere: Imikoranire y'Inteko Ishinga Amategeko n'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba

Ingingo ya 202: Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko n'inyandiko by'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba

Umunyamabanga Mukuru w'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba ashyikiriza Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena imishinga y'amategeko n'izindi nyandiko zose zifitanye isano n'impaka zakorewe mu nama y'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba zigomba gusuzumwa.

Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, yohereza iyo mishinga y'amategeko n'izo nyandiko Komisiyo ifite mu nshingano zayo ibirebana n'iyi mishinga y'amategeko n'izo nyandiko.

Imishinga y'amategeko n'inyandiko bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bisuzumwa na Komisiyo zibifite mu nshingano zazo mu Nteko Ishinga Amategeko hari Minisitiri ufite mu

CHAPTER XI: RELATIONSHIPS BETWEEN THE PARLIAMENT AND PARLIAMENTS IN WHICH RWANDA HAS MEMBERSHIP

Section one: Relationships between the Parliament and the East African Legislative Assembly

Article 202: Providing opinion on bills and documents from the East African Legislative Assembly

The Clerk to the East African Legislative Assembly submits to the Clerk of the Chamber of Deputies and the Clerk of the Senate bills and all documents pertaining to the proceedings of the East African Legislative Assembly.

The President or Speaker of each Chamber submits such bills and documents to the Committee in charge of such bills and documents.

Bills and documents referred to in Paragraph One of this Article are considered in Parliament by the Committee whose responsibilities extend to such bills and documents in the presence of

CHAPITRE XI: RELATIONS ENTRE LE PARLEMENT ET LES PARLEMENTS DONT LE RWANDA EST MEMBRE

Section première: Relations entre le Parlement et l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est

Article 202: Avis sur les projets de lois et documents provenant de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est

Le Secrétaire général de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est soumet au Secrétaire général de la Chambre des Députés et au Secrétaire général du Sénat les projets de loi ainsi que tous les documents en rapport avec les débats de la séance de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est.

Le président de chaque chambre transmet ces projets de loi et documents à la commission ayant dans ses attributions ces projets de loi et ces documents.

Les projets de loi et les documents mentionnés à l'alinéa premier du présent article sont examinés au Parlement par la commission dont les attributions couvrent ces

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

nshingano ze Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba ari nawe ugomba kubisobanura imbere y'Inteko Rusange ya buri Mutwe.

Izo Komisiyo zisuzuma iyo mishinga y'amategeko n'izindi nyandiko zikumvikana kuri raporo mbere yo kuyishyikiriza Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. Raporo yumvikanyweho yemezwa mu Nteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

Abanyamabanga Bakuru b'Inteko Ishinga Amategeko mu ibaruwa imwe, bashyikiriza Umunyamabanga Mukuru w'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba inyandiko n'ibyemezo byose bikubiyemo ibitekerezo by'Inteko Ishinga Amategeko ku mishinga y'amategeko n'ibindi bibazo bifitanye isano n'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba.

the Minister in charge of the East African Community who explains them before the Plenary Assembly of each Chamber.

Such committees consider the bills and other documents and agree on the report before it is tabled to the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament. The agreed report are adopted by each Chamber of Parliament.

The Clerks to both Chambers of the Parliament transmit, through a co-signed letter, to the Clerk to the East African Legislative Assembly all documents and decisions pertaining to the deliberations of the Plenary Assembly on bills and other issues pertaining to the East African Legislative Assembly.

projets de loi et documents en présence du Ministre ayant la Communauté d'Afrique de l'Est dans ses attributions qui en donne les explications devant l'Assemblée plénière de chaque chambre.

Ces commissions examinent ces projets de loi et d'autres documents et se conviennent sur le rapport avant qu'il ne soit soumis à l'Assemblée plénière de chaque chambre du Parlement. Le rapport unanime est adopté par chaque chambre du Parlement.

Les Secrétaires généraux de deux chambres du Parlement transmettent, par une lettre consignée, au Secrétaire général de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est tous les documents et décisions relatives aux débats de l'Assemblée plénière sur les projets et propositions de loi et autres questions relatives à l'Assemblée Législative l'Afrique de l'Est.

Icyiciro cya 2: Imikoranire y’Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda n’izindi Nteko Zishinga Amategeko n’indi miryango u Rwanda rurimo

Ingingo ya 203: Isuzumwa ry’inyandiko z’izindi Nteko Zishinga Amategeko n’indi miryango u Rwanda rurimo

Perezida wa buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko yohereza Komisiyo ifite mu nshingano zayo ibirebana n’inyandiko z’izindi Nteko Zishinga Amategeko n’indi miryango u Rwanda rurimo kugira ngo zizisuzume kandi zishyikirize raporo Inteko Rusange ya buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko

Ingingo ya 204: Gutsura umubano n’Inteko Zishinga Amategeko z’ibindi Bihugu n’Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko

Gutsura umubano hagati y’Inteko Ishinga Amategeko n’Inteko zishinga Amategeko z’ibindi bihugu n’imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko zishinga Amategeko bikorwa hashingiwe kuri politiki y’Igihugu y’ububanyi n’amahanga binyuze mu:

1° inama mpuzamahanga zihuza abagize Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda n’iz’imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko zishinga Amategeko z’ibihugu;

Section 2: Relations between the Parliament of Rwanda and other Parliaments and other organisations in which Rwanda has membership

Article 203: Consideration of documents from other Parliaments and organisations in which Rwanda has membership

The President or Speaker of each Chamber of Parliament submits to the Committee in charge of documents of other Parliaments and other organizations in which Rwanda has membership for consideration and submission of a report thereof to the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament.

Article 204: Inter-parliamentary relations with national parliaments and inter-parliamentary organisations

The Parliament holds inter-parliamentary relations with other national parliaments and inter-parliamentary organisations basing on the national foreign affairs policy and through the following:

1° international meetings of members of Parliament of Rwanda and inter-parliamentary organisations;

Section 2: Relations entre le Parlement du Rwanda et les autres Parlements ainsi que les autres organisations dont le Rwanda est membre

Article 203: Examen des documents provenant des autres Parlements et organisations dont le Rwanda est membre

Le président de chaque chambre du Parlement transmet à la commission ayant dans ses attributions les documents d’autres Parlements et d’autres organisations dont le Rwanda est membre pour les examiner et transmettre un rapport y relatif à l’Assemblée plénière de chaque chambre du Parlement.

Article 204: Relations interparlementaires avec les parlements nationaux et les organisations interparlementaires

Le Parlement entretient des relations interparlementaires avec les parlements nationaux et organisations interparlementaires sur base de la politique nationale des affaires étrangères et par les moyens suivants:

1° les réunions internationales des parlementaires du Rwanda et des organisations interparlementaires;

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

2° amatsinda y'ubucuti ahuza abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu;

3° abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda basura cyangwa bagatumira abahagarariye Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu;

4° gukorana amasezerano y'ubufatanye n'izindi Nteko Zishinga Amategeko.

UMUTWE WA XII: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 205: Isubiramo rya kabiri ry'amategeko ngenga n'amategeko asanzwe yatowe

Hashingiwe ku ngingo ya 106 y'Itegeko Nshinga, iyo Perezida wa Repubulika asabye ko habaho isuzuma rya kabiri ry'amategeko ngenga cyangwa amategeko asanzwe yatowe, bimenyeshwa Inteko Rusange ikayasuzuma bundi bushya. Hakurikizwa uburyo busanzwe bukoreshwa mu kwiga imishinga y'amategeko.

Ingingo ya 206: Gahunda y'icyumweru y'imirimo y'Inteko Rusange

Umushinga wa gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange ya Sena y'icyumweru utegurwa

2° inter-parliamentary friendship groups;

3° parliamentary tours by Rwandan delegates abroad or those of foreign parliamentarians to Rwanda;

4° conclude inter-parliamentary partnership agreements.

CHAPTER XII: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 205: Second reading of the adopted organic and ordinary Laws

Pursuant to Article 106 of the Constitution, when the President of the Republic requests a second reading of adopted Organic or Ordinary Laws, the Plenary Assembly is informed and considers them afresh. Usual legislative procedures are applied.

Article 206: Weekly agenda of the Plenary Assembly

The weekly draft agenda of the Plenary Assembly of the Senate is prepared by the Clerk

2° groupes d'amitié interparlementaires;

3° les visites parlementaires tant par délégations du Rwanda a l'étranger que par les délégations parlementaires étrangères au Rwanda ;

4° signer des accords de partenariat avec les parlements étrangers.

CHAPITRE XII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES

Article 205: Deuxième lecture des lois organiques et des lois ordinaires déjà adoptées

Conformément à l'article 106 de la Constitution, lorsque le Président de la République demande une deuxième lecture des lois organiques ou des lois ordinaires qui ont été votées, l'Assemblée plénière en est informée et procède de nouveau à leur examen. Les procédures ordinaires de législation sont appliquées.

Article 206: Programme des travaux hebdomadaires de l'Assemblée plénière

Le projet du programme des travaux hebdomadaires de l'Assemblée plénière du

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena, cyangwa Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Sena mu gihe adahari, ashingiye ku biteganywa muri gahunda y'igihembwe, yemezwa na Biro ya Sena igahita yohererezwa Abasenateri.

Gahunda yose nshya y'imirimo ya Sena ishyikirizwa Abasenateri nibura iminsi ibiri (2) mbere y'uko ibiyikubiyemo byigwa n'Inteko Rusange keretse iyo byihutirwa. Iyo gahunda imenyekanishwa hakoreshejwe uburyo bunyuranye bw'itangazamakuru n'itumanaho.

Ingingo ya 207: Itangwa rya raporo y'ibikorwa bya Sena by'igihembwe giheruka

Mu ntangiriro za buri gihembwe gisanzwe, Biro ya Sena igeza ku Basenateri raporo yanditse y'ibikorwa bya Sena by'igihembwe giheruka.

Ingingo ya 208: Ururimi rukoreshwa n'Umusenateri iyo atanga ibitekerezo

Iyo Umusenateri atanga ibitekerezo bye, mu magambo cyangwa mu nyandiko, akoresha ururimi yihitanyemo mu ndimi zikoreshwa zemewe n'Itegeko Nshinga.

to the Senate or Deputy Clerk to the Senate in absence of the Clerk based on the agenda of the session and is approved by the Bureau and immediately sent to Senators.

All the new agenda of the Senate is submitted in writing to Senators at least two (2) days before its items are considered in the Plenary Sitting except in cases of urgency. Such an agenda is communicated by all means of information and communication available.

Article 207: Submission of the Senate activity report for the previous session

At the beginning of every ordinary session, the Bureau of the Senate submits the Senate's written activity report of the previous session to the Plenary Assembly.

Article 208: Language used by a Senator to express his/her opinion

When a Senator expresses his/her opinion orally or in writing, he/she chooses one of the languages provided for by the Constitution.

Sénat est préparé par le Secrétaire général du Sénat ou, en son absence, par le Secrétaire général adjoint du Sénat, sur base du programme de la session et est approuvé par le Bureau du Sénat et immédiatement transmis aux Sénateurs. .

Tout le nouvel ordre du jour des travaux du Sénat est soumis aux Sénateurs deux (2) jours au moins avant la date fixée pour son examen en séance plénière, sauf en cas d'urgence. Il est communiqué par tous les moyens de communication et d'information disponibles.

Article 207: Transmission du rapport d'activités du Sénat pour la session précédente

Le Bureau du Sénat présente au début de chaque session ordinaire, le rapport écrit d'activités du Sénat de la session précédente à l'Assemblée plénière.

Article 208: Langue utilisée par un Sénateur pour exprimer son opinion

Lorsque le Sénateur exprime son opinion de manière orale ou écrite, il fait usage de la langue de son choix parmi les langues officielles reconnues par la Constitution.

Ingingo ya 209: Uburyo bwo gukemura ikibazo iyo bitateganyijwe n'iri tegeko ngenga

Iyo hari ibidateganywa n'iri tegeko ngenga, Biro ya Sena itanga uburyo ikibazo cyakemuka Inteko Rusange ikabifataho icyemezo.

Ingingo ya 210: Umushinga wo guhindura iri tegeko ngenga

Umushinga wose wo guhindura iri tegeko ngenga utangizwa na Sena ikawushyikiriza Umutungu w'Abadepite kugira ngo uwusuzume.

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 88 y'Itegeko Nshinga, inzira zose zikurikizwa mu gutora amategeko nizo zikurikizwa kuri iri Tegeko Ngenga.

Ingingo ya 211: Gukurikiza ibisabwa mu bijyanye n'imirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri

Umusenateri urebwa n'ibiteganywa n'ingingo ya 6 y'iri tegeko ngenga ahawe igihe cy'iminsi mirongo itatu (30), uhereye igihe agereye mu murimo w'Ubusenateri, kugira ngo akurikize ibisabwa n'iy'ingingo.

Icyakora, Umusenateri ufitanye na Leta amasezerano y'amasoko yasinnye mbere y'uko agera mu murimo w'Ubusenateri, arayakomeza kugeza igihe arangiriye. Ayo masezerano

Article 209: Addressing matter that is not provided for by this Organic Law

For matters that are not provided for by this Organic Law, the Bureau of the Senate proposes ways of addressing them and the Plenary Assembly makes a decision.

Article 210: Proposal for amendment of this Organic Law

Any proposal for amendment of this Organic Law is initiated by the Senate which submits it to the Chamber of Deputies for consideration.

Subject to the provisions of Article 88 of the Constitution, the entire legislative process followed while adopting laws applies for this Organic Law.

Article 211: Compliance with provisions relating to the incompatibilities with the Senator's office

A Senator who is concerned by the provisions of Article 6 of this Organic Law is given thirty (30) days from the date he/she takes office to comply with the provisions of the article.

However, a Senator who signed a tender contract with the Government before he/she takes office goes ahead with it until its termination. The President of the Senate is

Article 209: Résolution d'une question non prévue par la présente loi organique

Pour toute matière non prévue par la présente loi organique, le Bureau du Sénat soumet une proposition de solution à l'Assemblée plénière pour décision.

Article 210: Projet de modification de la présente loi organique

Tout projet de modification de la présente loi organique est initié par le Sénat qui le soumet à la Chambre de Députés pour examen.

Sous réserve des dispositions de l'article 88 de la Constitution, la procédure législative suivie pour l'adoption des lois est aussi respectée pour la présente loi organique.

Article 211: Conformité aux dispositions relatives aux incompatibilités avec la fonction de Sénateur

Tout Sénateur concerné par les dispositions de l'article 6 de la présente loi organique dispose d'un délai de trente (30) jours à compter de la date de son entrée en fonction de Sénateur pour se conformer aux dispositions dudit article.

Toutefois, le Sénateur ayant conclu un contrat de marché avec l'État avant son entrée en fonction de sénateur exécute ce contrat jusqu'à son terme. Ce contrat est

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

amenyeshwa Perezida wa Sena, Umuvunyi Mukuru akagenerwa kopi.

Ingingo ya 212: Manda y'Abasenateri bari muri Biro za Komisiyo cyangwa muri Biro ya Komite

Abasenateri bari muri Biro za Komisiyo cyangwa muri Biro ya Komite igihe iri tegeko ngenda ritangira gukurikizwa bakomeza manda batorewe.

Ingingo ya 213: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenda

Iri tegeko ngenda ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 214: Ivanwaho ry'itegeko ngenda n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenda

Itegeko Ngenda n° 08/2012 ryo ku wa 02/11/2012 rigena imikorere ya Sena kimwe n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenda kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 215: Igihe iri tegeko ngenda ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ngenda ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

notified of the existence of the said contract with a copy to the Ombudsman.

Article 212: Term of office for Senators who are members of Bureaus of Committees and disciplinary Committee

Senators holding memberships in the bureaus of committees when this Organic Law comes into force remain in their positions for the remainder of their elective term.

Article 213: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

Article 214: Repealing provision

Organic Law n°08/2012/OL of 02/11/2012 establishing internal rules of the Senate as well as all other prior legal provisions contrary to this Organic Law are repealed.

Article 215: Commencement

This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

notifié au Président du Sénat avec copie à l'Ombudsman.

Article 212: Mandat des Sénateurs membres des Bureaux des Commissions et du Comité

Les Sénateurs membres des Bureaux des commissions et du Comité lors de l'entrée en vigueur de la présente loi organique restent en fonctions pour le restant de leur mandat.

Article 213: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

Article 214: Disposition abrogatoire

La loi organique n°08/2012/OL du 02/11/2012 portant règlement d'ordre intérieur du Sénat ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique, sont abrogées.

Article 215: Entrée en vigueur

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette no.44 bis of 29/10/2018

Kigali, ku wa **08/09/2018**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **08/09/2018**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **08/09/2018**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux